

Dr. Alberto RIVERA









# Ibyaha Nkoraruguma bya Vatikani

Ni nde washinze ubukomunisime? [Communisme]
Ni nde wanditse “Amasezerano y’abanyabwenge b’I Siyoni?”[Protocoles des sages de Sion]
Ni nde mu by’ukuri wanditse igitabo cya Hitler cyitwa “Intambara Yanjye?” [Mein Kampf]
Ni gute idini ya Islam yabayeho?

Dr. Alberto RIVERA

# Ibyaha Nkoraruguma bya Vatikani

Iki gitabo cyahinduwe mu Kinyarwanda mu mwaka wa 2016
gikuwe mu gitabo cy'igifaransa cyitwa
"Les Crimes du Vatican"
cyanditswe na
Docteur Alberto Rivera.

## Ibirimo


Ijambo ry'Ibanze........................................................ 5
Igice Cya Mbere – Aho Byatangiriye ......................... 8
Igice Cya Kabiri – Ikinyoma ......................................42
Igice Cya Gatatu – Ababyeyi Ba Kiliziya .................63
Igice Cya Kane – Imbaraga Idasanzwe .................100
Igice Cya Gatanu – Ingabo Zikomeye z'Umwijima.126
Igice Cya Gatandatu – Intumwa y'Imana .............135

Umugereka – Ni Nde Uyobora Amerika? ..............162
Indunduro ........................................................168

# IJAMBO RY'IBANZE

Imbere y'amaso yawe harambuye inkuru idasanzwe y'uwahoze ari umupadiri w'umujezuwite (jésuite) n'uko yahindutse. Byabaye ngombwa ko Dr. Alberto RIVERA aguma aho yafatiye indangamuntu ye mu gihe yari ategereje, mu mwaka w'1967, icyemezo cy'urukiko rwa kiliziya rwigaga ku kibazo cye mbere gato y'uko ava muri kiliziya gaturika.

Hasi aho hari amwe mu mafoto ya nyuma ya Dr. Rivera, yafotowe mu gihe yari umuyobozi w'iseminari ya San Lorenzo, muri Espagne.












Ibice bikurikiraho birarebana n'amateka y'ubuzima bwe n'andi makuru arebana n'inshingano z'ingenzi Alberto Rivera yakoze ubwo yari mu bajezuwite, ari umupadiri w'umujezuwite, akaba ari we ubwe wabishyikirije inzu y'ubwanditsi (Maison d'édition) yitwa

Chick Publication (Soma Shiki Paburikesheni). Kugeza ku rupfu rwe, ku itariki 20 Kamena 1997, Dr Rivera yakoze ubushakashatsi bwimbitse ku idini gaturika n'uruhare rwayo muri politiki n'ubukungu by'isi. Yaragendaga cyane mu bice bitandukanye by'isi, atanga ibiganiro mu matorero no mu bigo by'amashuri, ari nako yafashaga umubare munini w'abagaturika kureka idini rifite imyizerere n'imikorere ipfuye. Benshi mu bahoze ari abagaturika ndetse n'abandi bantu ntibajya bibagirwa umwenda bafitiye Rivera wabahaye amakuru y'agaciro gakomeye.

**Donna Eubines** (wahoze ari umubikira): "Ubu, nyuma y'imyaka 23 namaze mba mu kigo cy'ababikira cya mutagatifu Yohana, nzi iyobokamana ry'ukuri. Nishingikirije ku byambayeho nshobora kuvuga ko Dr Rivera ibyo avuga byerekeye kiliziya gaturika ari ukuri."



**Clark Butterfield** (wahoze ari umupadiri w'umugaturika): "Nyuma yo gusoma ubuhamya bwa Dr Alberto Rivera, namenye ko ntakiri njyenyine, nk'uwahoze ari umupadiri w'umugaturika, mu cyifuzo cyanjye cyo gufasha benshi kumenya ikinyoma cya kiliziya gaturika."



## Igice Cya Mbere – AHO BYATANGIRIYE

Amateka y'ubuzima bwanjye atangirira muri Espagne, mu mwaka w'1942. Mama yashakaga kunyandikisha mu iseminari.

[Dore ikiganiro mama, na padiri Aburahamu nanjye twagiranye uwo munsi]

***Mama*** : "Padiri Aburahamu, uyu ni umunsi unejeje cyane mu buzima bwanjye. Uyu munsi umuhungu wanjye aratangira amasomo ye amutegurira kuzaba umupadiri."

***Padiri Aburahamu*** : "Yego, mubyeyi Rivera, mwamuteguriye neza uyu muhamagaro w'ingenzi kandi ukomeye. Reba, Alberto, urabona iyi nyubako iri imbere yacu, ni ryo shuri bakuzanyemo."

Ndasubiza nti : "Yego, padiri Aburahamu, ndayibona."

***Padiri Aburahamu*** : "Nabatije Alberto kandi none ubu nejejwe no kuba nshoboye kumwinjiza muri iri rembo. Ngwino mwana wanjye."

Ariko, ubwo nari ngeze ku irembo ry'ishuri, niyumvisemo imbaraga imbuza kuhinjira.

Maze ndataka nti : "Oya, mama, oya ! Sinshaka kuguma hano, ndashaka gutahana nawe."

**Mama**: "Alberto, ndakwinginze ceceka, ugomba kuguma hano. Ugomba kubikora. Padiri, uyu mwana abaye iki? Ntabwo mbyumva."

Alberto yatangiye amasomo ye afite imyaka irindwi.

Hashize imyaka ibiri…. [Umuntu araza abwira padiri ati:]

“Padiri, hari abagore batatu baje kureba furere Alberto. Nyina arenda gupfa.”

Padiri Aburahamu arabaza ati : “Ni bande?”

Baramusubiza bati : “Ni nyirakuru na ba nyinawabo babiri.”

Padiri aravuga ati : “Nimubinjize kandi mwohereze umuntu ajye gushaka furere Alberto.  Nuko abo bagore binjira mu biro bya padiri Aburahamu, arababaza ati :

“Ni muganga ubohereje hano?”

Baramusubiza bati : “Yego, padiri, nta gihe dufite kuko nyina ararembye cyane. Muganga atubwiye ko tugomba kugira vuba niba Alberto ashaka kumubona atarapfa.”

Padiri arababwira ati : “Arahagera igihe icyo ari cyo cyose. ” Nahise mpagera nihuta. Padiri arambwira ati :

“Furere Alberto, bene wanyu baje kukujyana iwanyu. Mama wawe arenda gupfa. “Nuko ndavuga nti:

“Ngo iki! Oya, padiri, ntabwo nshaka kujya kwa mama. Hano ni ho iwacu, ni wo muryango wanjye! Kiliziya ni yo mubyeyi wanjye!”

Kubera inyigisho zishimikiriye nari narahawe n’abapadiri b’abajezuwite, nari narahindutse rwose. Nuko padiri arambwira ati :

“Mwana wanjye, reka ngire icyo nkubaza… Reba hano. Waje hano kugira ngo uzabe padiri, sibyo?”

Ndasubiza nti : “Yego, padiri.”

Arongera arambaza ati: “Ntabwo wibuka indahiro imwe yo mu ndahiro ntagatifu wemeye – indahiro yo kumvira? Birasa n’aho utabyiteguye… Ndagutegeka gutaha iwanyu, nawe ukanga.

Nuko ndasubiza nti: “Nimumpa uruhushya, niteguye kugenda.”

Nuko arambwira ati: “Ndaruguhaye.”

Nuko ndamubaza nti: “None se nzagaruka?” Aransubiza ati:

“Yego, furere Alberto, uzagaruka…” Nuko ba bagore baravuga bati:

“Alberto, gira vuba! Mama wawe arifuza kukubona mbere y’uko apfa.”

Ubwo nageraga mu kigo cy’abihayimana b’abagaturika, aho mama wanjye bari bamuryamishije, nasanze ameze nabi cyane, ageze ku rwego rwa nyuma. Umubikira wahayoboraga arabaza ati:

“Kuki mwazanye madame Rivera muri iki cyumba?” Abandi babikira barasubiza bati:

“Yavugaga ibintu bidasanzwe, ko hari imyuka yazaga mu cyumba cye ikamutera ubwoba. Ni we wasabye ko tumuzana hano.” Umuntu umwe arabaza ati:

“Iyihe myuka?” Nuko barasubiza bati:

“Njye ntacyo mbiziho! Nakoze ibyo bambwiye. Kandi padiri Aburahamu na we yabyemeye.” Niba ari padiri Aburahamu, noneho nta kibazo.

“Bwana Rivera, umugore wanyu ni umuziranenge. Yafashaga abantu bose. Nta muntu mwiza kumuruta. Yari yariyeguriye rwose umwari Bikiramariya na kiliziya. Ntiyigeze asiba misa n’imwe.” Abandi babikira bongeraho bati:

“Ni byo, Tereza ni umuziranenge.” Muri icyo gihe ninjira mu cyumba, abo babikira baramenya. Baravuga bati:

“Ni Alberto uje! Genda ubwire Tereza ko umuhungu we amaze kuhagera.” Nuko aragenda. Mama yarampobeye cyane kandi ansaba kumufasha. Arambwira ati:

“Alberto, mwana wanjye, padiri. Mfite ubwoba. Sinshaka gupfa. Mfasha, mfasha. Ndashaka ko umfasha. Nsengera unsabire umwari Bikiramariya! Nanasenze nsaba Yesu, ariko nta gisubizo nabonye. Mfasha!

Nta bushobozi nari mfite, nuko mpindukirira padiri ndamubwira nti:

“Padiri Aburahamu, sinzi icyo gukora. None, mwebwe mushobora kugira icyo mukora?”

Aransubiza ati: “Mwana wanjye, nakoze ibyo nari nshoboye byose.” Maze mama arataka ati: “Yebaba we, Mana yanjye, ya myuka iteye ubwoba yazaga kunshaka iragarutse! Mfite ubwoba bwinshi! Iri mu cyumba!”

Padiri Aburahamu akomeza ambwira ati: “Mama wawe yahawe amasakaramentu matagatifu yose ndetse n’imbabazi zihariye yahawe na data utunganye, ari we papa. Twanamukoreye misa yihariye.”

Mama ntiyafataga umuti n'umwe. Yahoraga ataka ubudatuza:

"Yebaba we! Ntimuri kubareba! Barashaka kunjugunya mu muriro! Baje kumfata, Alberto! Sinshaka gupfa cyangwa kujya hariya hantu! Reba bariya bantu bari mu muriro! Ibi binyamaswa biteye ubwoba bije kunshaka! Oya, Alberto! Reba uko ubigenza bigende. Mfasha! Mfite ubwoba bwo gupfa! Umuriro, ibinyamaswa biteye ubwoba…" Maze ndavuga nti: "Mama, mama, garuka!" Padiri Aburahamu hari icyo yari abonye: "Mwana wanjye, [mama wawe] arapfuye."

Mama wanjye, Tereza Rivera yapfuye afite imyaka 33 y'ubukuru. Bukeye bwaho, padiri Aburahamu agerageza kumpumuriza no kuntera akanyabugabo:

"Alberto, ugomba kwizera kiliziya. Ni jye mupadiri wakubatije. Mbese ntabwo unyizera? Ahari ibihe by'akababaro byo kunamira umubyeyi wawe nibirangira uzemera kuvugana nanjye." Nuko nibwirira mu mutima nti: "Sindi umwana wawe! Byose ni ibinyoma! Amasakaramentu nyiyigeze afasha mama wanjye. Kiliziya ntiyamufashije mu gihe yari akeneye ubufasha no guhumurizwa. Padiri Aburahamu ni umubeshyi gusa nta kindi. Ashobora kuba ameze nka Yesu, kuko na Yesu ntiyamufashije.

Amategeko n'amahame bya kiliziya gaturika biha abapadiri ububasha bubiri: Ububasha bwo kubabarira ibyaha n'ububasha bwo kuvuga misa. Ukurikije amahame y'imyemerere ya kiliziya gaturika, ibyo bimushyira ku rwego rumwe na Yesu.

Narababaye cyane kubwo kwiyumvamo ko nashutswe. Niyumvagamo ko napfuye wese. Nta kintu na kimwe nari nkizera.

Nyuma yo gushyingura, numvaga narashengutse mu by'umwuka. Napfukamye iruhande rw'imva ya mama ndibwira nti:

"Niba padiri Aburahamu abeshya, ahari yakoze ibyo yagombaga gukora… Mama nkunda, umunsi umwe nindamuka mbaye padiri, nzakora uko nshoboye kose kugira ngo mbone ibisubizo by'ibyo nibaza kandi menye ukuri. Ni cyo nzakora! Mana, mfasha nzabe padiri kugira ngo nshobore gufasha abakeneye ubufasha bose. Mama, ngiye gusubira ku ishuri ku bwawe; nzagaruka kukureba, kandi nimara guhinduka padiri bizagutera ishema kandi bikunezeze… Urabeho, ndagukunda cyane."

Nyuma y'imyaka myinshi y'amasomo, maze kubona impamyabushobozi y'ikirenga (doctorat) no gukorera kiliziya gaturika, namenye ibintu byinshi ntatekerezaga ko nshobora kumenya. Ni byo byatumye mbona ko ari ngombwa kuva muri kiliziya nkava no muri Espagne aho nakoreraga.

Muri Espagne, nakoze nk'umupadiri w'umujezuwite n'umusenyeri mu kigo cy'abagaturika. Abajezuwite ni nabo bari ku ruhembe rw'imbere mu miryango itandukanye y'abihayimana yo muri kiliziya gaturika. Umuryango wabo (abajezuwite) washinzwe n'umugabo witwa Ignace de Loyola, mu mwaka w'1541, ufite intego yo guhagarika ikwirakwira ry'inyigisho z'iyobokamana zinyuranye n'ubugaturika. Abajezuwite ni abantu bize cyane. Mu bihe byahise, abajezuwite babaga ari

abajyanama b'abami kandi bakagira uruhare rukomeye mu kuvanaho ubutegetsi. Kandi baracyakomeje no kubikora no muri iyi minsi. Ni abarimu bigisha muri za kaminuza za kiliziya gaturika. Abajezuwite bafite ububasha burenze uko umuntu yabyibwira.

Abajezuwite bafite abanyamuryango babarirwa mu bihumbi ijana (100 000). Uwo mubare ukubiyemo n'abajezuwite bari hanze ya kiliziya gaturika. Abantu bashobora kwibwira ko abajezuwite bakorera papa bakanagengwa na we kandi ko papa ari we uyobora Vatikani. Ariko si ko bimeze; hari undi muntu uyobora kandi akagenga imikorere yose…. Uwo muntu, ni umujenerali w'umujezuwite. Azwi ku izina rya "papa wirabura." (le pape noir). Uyu muntu ntabwo yitwa gutyo bitewe n'uko uruhu rwe rwirabura, imyambaro ye ni yo yirabura gusa. Ni we munyabubasha uruta abandi I Vatikani.

Ibintu byaho byose bitandukanye n'uko bigaragara inyuma. Kiliziya gaturika yuzuyemo ibintu bidasanzwe. Uko nagendaga nzamuka mu ntera, namenye ibintu byampagarikaga umutima bikanampungabanya kandi bikagenda byiyongera uko bwije n'uko bukeye. Ndatekereza ko ari ku bw'iyi mpamvu hafi mirongo inani na gatandatu ku ijana (86%) by'abapadiri (harimo n'ab'abajezuwite) bakorerwa ubuvuzi n'ingenzura ku byerekeye imyitwarire n'ibibazo byo mu mutwe.

Ni ngombwa ko mpera aho byatangiriye.

Ikintu cya mbere cyahungabanyije imyemerere yanjye cyabaye urupfu rwa mama. Yari yariyeguriye byimazeyo kiliziya kandi adashidikanya na gato ku nyigisho zayo,

kuko yari afitiye icyizere kidakuka abapadiri. Ariko yapfuye nta Mana afite, agaragaza ubwoba bwinshi mu maso ye. Padiri yambwiye ko yari yakoze ibyashoboraga gukorwa byose. Ariko kwizera k'ubuhumyi yari afitiye kiliziya kwatumye abura ubugingo. Numvaga padiri ari we ngerekaho icyo cyaha. Niyemeje kuzaba padiri nanjye kugira ngo menye ukuri. Ni koko, urupfu rwa mama rwabaye ikintu gikomeye cyahungabanyije ukwizera kwanjye.

Ikindi kintu ngiye kubabwira na cyo cyampungabanije cyane, cyabereye ku ishuri igihe kimwe ari nijoro. Mu gihe nari nsinziriye, umuntu yaraje acengera mu buriri bwanjye nuko atangira kunsoma. Byarandakaje cyane. [Ndamubwira nti :]

"Ibyo ni ibiki? Mvira mu buriri!" maze uwo mwana utagira ikinyabupfura ahita atangira gutaka ati: "Ayiii! Padiri muyobozi w'ikigo! Ngwino! Izuru ryanjye urarimennye!" Umuyobozi w'ikigo yahise ahagera. Arabaza ati: "Ni ibiki bibaye hano?" Nuko mugenzi wanjye uwo arataka ati: "Padiri, Alberto yankubise ingumi mu zuru." Nuko ngerageza kwisobanura nti:

"Padiri, yacengeye mu buriri bwanjye maze atangira kunsoma, hanyuma… "Umuyobozi w'ikigo ntiyanyemereye no kurangiza, nuko ambwira ankankamira ati: hanze, mwese nimusohoke mu cyumba… Alberto wowe sigara. Wakagombye kugira isoni, Alberto! Pfukama kandi wature ibyaha byawe." Numvise mbabaye bitavugwa, nuko ndavuga nti:


"Ariko padi, ni we waje mu buriri bwanjye. Simbyumva!" Nuko arankankamira ati: "Pfukama! Atura

icyaha!" Ndabaza nti: "Icyaha cyanjye ni ikihe?" Aransubiza ati: "Icyaha cyawe, Alberto… ni uko yaguhaye urukundo rwe – urukundo rw'Imana, hanyuma ukarwanga!"

Naratangaye cyane kubona uwo mutinganyi atarahanywe. Uko igihe cyagendaga gihita naje kumenya ko ubutinganyi bwakwiriye muri kiliziya [gaturika], kuva ku bapadiri kugeza ku bakaridinari.

Kuba kiliziya [gaturika] y'I Roma itemerera abapadiri n'ababikira gushyingirwa byateye ibibazo byinshi. Mu gihe nari nkiri muri kiliziya [gaturika], namenye ko ababikira bamwe baryamana na bagenzi babo bahuje ibitsina, mu gihe abandi bari bafitanye imishyikirano y'urukundo n'abapadiri, ari byo byateraga ihungabana ridashira ku muntu muzima [utabigenderamo].

Birazwi neza ko abakozi bakoraga imirimo yo gutunganya ubutaka mu masambu ya kiliziya gaturika babonye imva zari zihishe. Bavumbuye ibikanka by'impinja zabyawe n'ababikira.




Ibyo byabaye I Seville muri Espagne, mu mwaka w'1934, binaba i Madrid mu mwaka w'1932, no mu karere kari mu majyaruguru ya Espagne[1]. Guverinoma ya

[1] Ako karere kitwa "Le pays basque." Igice kimwe cyako giherereye mu majyaruguru ya Espagne ikindi kikaba mu majyepfo y'Ubufaransa.

perezida Aznar n'iya perezida Manuel Ahan zasabye ko hakorwa iperereza ryo ku rwego rw'igihugu mu bigo by'abihayimana, mu mashuri, no mu bindi bigo byose bya kiliziya gaturika. Imva nyinshi muri izo zavumbuwe muri Espagne ndetse n'I Roma. Abagaturika bo muri Espagne, bafite umujinya n'agahinda ku bw'ibyo bibi byari byamenyekanye, batangiye gutera inyubako za kiliziya, ahari hagiye havumburwa izo mva. Abaganga ba leta basuzumye iyo mirambo maze basanga izo mpinja zarishwe zinizwe.

Umaze kumenya ibintu nk'ibyo, mbese ntibitangaje kumva ko kiliziya gaturika irwanya gukuramo inda?

Ariko kandi, abihayimana b'abagaturika badahari, kiliziya gaturika na yo ntiyabaho. Kuki? Isezerano riruta ayandi, ni isezerano ryo kudashyingirwa cyangwa kutigera na rimwe ugirana umushyikirano w'urukundo n'abagore cyangwa abagabo, kandi iryo sezerano ritabayeho ntushobora kwemererwa kuba mu itsinda ry'abihayimana. Ibyo bishyira umupadiri ku ntebe y'icyubahiro. Imana isabwe guha ubuntu bwinshi abapadiri buruta ubwo iha abandi, kubera ko batashyingiwe (ni ko babyizera). Abapadiri bose baramutse bashyingiwe, byasenya ingengamikorere (système) ya kiliziya gaturika, kandi ubusanzwe kiliziya gaturika yubakiye ku ihame rivuga ko papa atorwa gusa mu bagize umuryango w'abihayimana, kandi papa aramutse atariho, na kiliziya gaturika ntiyabaho. Papa aba afite inshingano yo kuyobora isi.

Iyo ngingo yatangijwe na Augustin, wize iby'iyobokamana w'umugaturika, mu mwaka wa 420 nyuma ya Yesu Kristu, mu ngeri y'umwimerere y'igitabo cye cyitwa "Umurwa w'Imana." Mu zindi ngeri zose, icyo

gice cyakuwemo, kugira ngo abantu batamenya ibyo bintu. Nyamara, muri icyo gitabo agaragaza ko papa ari "Izuba," akaba ari we mwami w'isanzure. Umwami utegeka isi akaba ari "Ukwezi" kugaragaza icyubahiro cye. Kandi abantu bose bamupfukamira ni "Isi."

Muri icyo gitabo bavuga ko Imana yahaye papa ubutware bwo guca imanza ku isi nk'uko yabuhaye Yesu Kristu, kugira ngo abashe kugenzura abaturage ba buri gihugu akoresheje ububasha mu by'uburezi mu mashuri, politiki, ubukungu n'igisirikare.

Ikindi kintu cyambabaje cyane, cyambayeho mu gihe nari ndi ku ishuri, mfite imyaka 16. Umwarimu yatubwiraga ko umupapa wa mbere wabayeho ari intumwa Petero. Namubajije ikibazo cyari kigiye kunkoraho:

"Alberto, haguruka! Uvuze ngo iki?" Ni ko umwarimu yambajije.

Sinari nzi ko ari papa ubwe nari nshotoye. Kugira ngo yemeze ko intumwa Petero ari we wabimburiye abandi bapapa, umwarimu yavuze ko Simoni Petero ari we rutare kiliziya gaturika yubatsweho. Maze ndabaza nti: "Bishoboka bite ko Petero ari we rutare kiliziya yubatsweho?" Nuko umwarimu ansubiza arakaye ati: "Kubera ko ibyo byanditse neza muri Bibiliya yanditswe mu runyarameya itakibaho." Nuko ndavuga nti: "Simbyumva." Maze arankankamira ati: "Alberto, nta burenganzira naguhaye bwo kubaza ibibazo." Ariko nashakaga ko ikibazo cyanjye gisubizwa, nuko ndakomeza nti: "Mu gihe twigaga amasomo y'ikigereki n'iry'ikilatini, mwatubwiye ko Simoni bisonura 'umusenyi', hanyuma

Petero bigasobanura 'ibuye rito.'" Mbese Yesu, ntiyaba ari we Rutare?

[Maze umwarimu ahita ambwira ati:] "Hanze! Nsohokera mu ishuri! Ni ukuri urakabije! Uravuga nk'umuhakanyi, nk'umukomunisiti. Ntegerereza hanze!" Hashize amasaha abiri, ndi mu biro bye, umwarimu yambwiye ikintu gitangaje cyane: "Ntabwo naguhamagaye mu biro byanjye kubera ko hari ikibi wakoze, ahubwo ni uko ibyo wavuze biteje akaga cyane." Ni ko yambwiye. Nuko ndabaza nti: "Nakoze iki? Kuki mwantutse bene kariya kageni?"

Umwarimu aransubiza ati: "Nagira ngo nirengere, nubwo nemeranya n'ibyo wavuze. Ntabwo ngomba kwemerera abanyeshuri banjye kumenya ibyo ntekereza nk'uko biri." Ndavuga nti: "Padiri, ntabwo mbyumva." Maze arambwira ati: "Iyo nza kukuregera umuyobozi w'ikigo, wari guhanwa. Ibyo wakoze biteje akaga gakomeye cyane. Umunsi umwe uzamenya ko hari ibintu byinshi utagomba na rimwe kuvuga. Dore, ndakuburiye. Genda nonaha!"

Ku ishuri, byari bibujijwe gusoma Bibiliya. Abigisha bonyine ni bo bashoboraga kuyifashisha. Umunsi umwe, umunyeshuri yampaye Bibiliya. Ndamubaza nti: "Iki ni igiki?" Aransubiza ati: "Alberto, ni ikibazo cy'ubuzima cyangwa urupfu! Gisome! Ngomba kugenda, urabeho."

Nagize ubwoba. Kuri icyo gitabo nta kashe yemewe ya kiliziya gaturika yari iriho. Nagerageje kwikuraho icyo gitabo. Iyo baramuka banguyeho ndigusoma Bibiliya, nari gushinjwa ubuhakanyi. Kubw'iyo mpamvu narayihishe. Ubu nambara amadarubindi, kubera ko nasomye Bibiliya

mu gihe cy'imyaka itatu nihishe, munsi y'uburingiti, nifashishije itoroshi.

Igihe namenyaga ko intumwa Petero yari afite umugore, nari ngiye gupfa! Muri icyo gihe, mu masomo twigaga twatangiye kwiga amateka y'urukiko rwashyizweho na kiliziya gaturika rwahanaga ababaga bafite imyizerere itandukanye n'iya kiliziya gaturika (inquisition). Hari bimwe mu byo twabwirwaga byanteraga ubwoba cyane. Kandi, ntabwo nari nakamenya ko vuba bidatinze nzatorezwa gukora nk'intasi mu mugambi wo gusenya andi madini. Urukiko rwahanaga abafite imyizerere itandukanye n'iya kiliziya gaturika rwari igikoresho cy'ubugome ndengakamere n'ubutware bitigeze kubaho mu isi.

Kiliziya yari iyobowe n'abihayimana b'abadominikani, ariko inyuma yabo hari hihishe abaYesuwiti. Vatikani (bayita icyicaro gitagatifu) yakwirakwizaga iterabwoba ahantu hose yayoboreshaga ububasha bwayo. Nta muntu n'umwe wari ufite umutekano. Kuva mu mwaka w'1200, kiliziya gaturika yagize uruhare mu rupfu rw'abantu bakabakaba miliyoni mirongo itandatu n'umunani (68.000.000). Ubu, kiliziya igerageza guhindura amateka, cyane cyane igice cyirebana n'urukiko rwayo rwahanaga abafite imyizerere itandukanye n'iyabo, kugira ngo ibashe guhisha ibyaha bikomeye yakoze. Ibitabo bivuga kuri iyo ngingo byarazimiye mu buryo butangaje kandi butumvikana mu masomero menshi. Ni ryo banga rihishwe mu buryo bukomeye muri iki gihe cyacu. Mu gihe twigaga isomo ry'amateka ya kiliziya, umwarimu yadusomeye uko ibintu byagendaga mu by'ukuri mu gihe cy'urwo rukiko:

“Nk’abapadiri, umunsi umwe bizaba ngombwa ko musubiza ibibazo birebana n’urwo rukiko. Muri iri somo, tugiye kureba ibyabaye mu kuri nk’uko biri. Ngiye kubasomera urugero rumwe kugira ngo musobanukirwe ko kiliziya yari ifite ubutware bwo gushinja abahakanyi no kubakatira igihano cy’urupfu. Ku itariki 21 Gicurasi 1559, abantu bamwe batari abagaturika bari bateraniye mu nzu basoma Bibiliya. Hari umuntu watanze ayo makuru ku cyicaro gitagatifu (Vatikani), kandi bakaba barafataga icyo gikorwa, nk’icyaha gikwiriye igihano cy’urupfu.

Abacamanza b’urwo rukiko ntibatinze kuhagera. [Nuko barasakuza bati]: “Nimufate abahakanyi! Nimuhagarare! Mu izina ry’icyicaro gitagatifu! Barimo gusenga abazimu. Ni ihuriro ry’abapfumu.” Mu bantu bafashwe, hari harimo n’umubyeyi w’umwami. Inshuti zasabaga zinginga abo bacamanza ngo bamurekure. Umwe aravuga ati: “Ni Dona Isabelle. Turabinginze nimumurekure. Ni umubyeyi w’umwami Filipo.” Baramusubiza bati: “Umuhakanyi ni umuhakanyi! Uwo yaba ari we wese, yaba ari uhagarariye umwami, igikomangoma cyangwa umwami!”

[Abamusabiraga imbabazi baravuga bati]: “Nimugire impuwe! Aratwite. Ategereje umwana.” Baramusubiza bati: “Imana ntizigera irinda umwana wabyawe n’umuhakanyi, kuko na we azaba umuhakanyi. Nimumushorerere!” Urukiko n’abacamanza, byavugwaga ko, bari mu mwanya w’Imana. Kutavuga rumwe na bo byababaga bisobanuye kurwanya Imana ubwayo. Kandi, umubyeyi w’umwami, Dona Isabelle, ntiyashakaga guhakana ukwizera kwe, nuko aravuga ati:

“Oya, simbishaka. Ni gute nakwihakana Imana yanjye?” Umuyobozi w’urukiko arasakuza ati: “Wa muhakanyi we! Ntushaka kwisubiraho ku byo wavuze? Urashaka kwihana?” [Nyina w’umwami arasubiza ati:] “Ni gute nakwihakana uwampaye ubugingo? Ni gute nakwihakana umbereye ibyiringiro byanjye rukumbi byo kubaho iteka nyuma y’uko muri bube mumaze kwica umubiri wanjye? Ntabwo nshaka kubeshya nyuma y’uko maze kumenya ukuri.” Nuko barasakuza bati: “Uyu mushitsikazi akwiriye gupfa, ni umubeshyi!… Ukuri ni iki? Atura ko uri umushitsikazi! Mbese ukuri ni iki?” [Nyina w’umwami arabasubiza ati:] “Murashaka kumenya icyo ukuri ari cyo? Ndasaba Imana ngo ikubamenyeshe. Imana yaravuze…” [Ataranarangiza kuvuga barasakuza bati:] “Rekeraho, wa muhanyi we! Ni Bikiramariya wabivuze! Urabeshya! Ibyo ni umubyeyi mutagatifu wabivuze, umwamikazi w’ijuru! Nimumwice! Nimumutwike!”

Dona Isabelle yaraboshywe. Batangira kumusukaho amazi, gahoro gahoro, mu kanwa, ari na ko bacengezamo igitambaro gikomeye cyane. Bamuhatiye kumira icyo gitambaro gikomeye hamwe n’amazi, kugeza aho icyo gitambaro kigeze mu gifu. Nuko bakurura ibintu byose kuva mu gifu kugeza mu kanwa. Ariko, Isabelle akomeza kwanga guhakana kwizera kwe yari afite mu Mana. Byabaye ngombwa ko yishyura ikiguzi giteye ubwoba kubwo kwemera kwe. [Baravuga bati:] “Nimumutwike ku bw’ikuzo ry’Imana! Wa muhakanyi mubi we, umushitsikazi gusa!” Byarangiye bamutwitse. Ni gutyo Dona Isabelle yapfiriye mu birimi by’umuriro, n’umwana we atigeze ashobora kubyara.

Umwarimu wacu yashyigikiye ibyo bikorwa, ati: “Ntimureba, ni muri ubu buryo idini yacu na kiliziya yacu byarinzwe n’Imana.” Maze abanyeshuri bavugira rimwe bati: “Ni byo, padiri, ni byo!” Ku rwanjye ruhande, birumvikana, nari mfite gushidikanya: Muri ibyo byose hari ikintu kitagendaga. Numvaga mbangamiwe mfite n’umubabaro ndetse nkanagira inzozi mbi cyane nkashikagurika. Kandi ubwo, nangaga abatari abagaturika, kuko nibwiraga ko ari bo banzi bacu bakomeye. Ni muri icyo gihe nahawe amabwiriza yo kujya gukora mu ibanga, nkacengera mu yandi madini mu rwego rwo kuyasenya.

Mu gihe natangiraga kwiga abandi bakristo n’inyigisho zabo z’ubuhakanyi, nari mfite imyaka 14 gusa. Umwarimu yarambwiye ati: “Alberto, itsinda ugiye kujya gukoreramo rigizwe ahanini n’amatorero akurikira: abapantekote, ababatisita, n’amatorero y’ivugabutumwa.”

[Hasi hari imbonerahamwe igaragaza amatsinda y’amadini:]

| **Itsinda A** | **Itsinda B** | **Itsinda C** | **Itsinda D** | **Itsinda E** |
|---|---|---|---|---|
| Itorero ry’abepisi kopi | Abadivant iste | Abapantekot e | Ihuriro ry’abamisiyo neri | Abayisira mu |
| Abametod iste | Abanazar eye | Ababatisita | Abamorumo | Abakoput e |
| Abaluteriy e | Itorero rya Kristo | Itorero ry’ivugabutu mwa | Abahamya ba Yehova | Aba orutodogi se |

*Aya ni amwe mu matsinda anyuranye abarizwamo abatari abagaturika*

Uko igihe cyagiye gihita, nacengeye mu madini n'ibigo bibarirwa mu magana. Ahagana mu mwaka w'1550, abajezuwite batangiye gucengera mu madini yose. Baracyabikora na n'ubu, ariko mu buryo buhishe cyane, babifashijwemo n'ukwishyirahamwe kw'amadini. Umupadiri yatwerekaga uburyo bwo kwihuza no kwifata mu buryo buhuje n'imigenzo y'ayandi madini. Iyo yabonaga tumaze kwitegura mu buryo bwuzuye, yaduhaga ahantu amadini twagombaga gucengeramo aherereye, akatugira n'inama z'uburyo twitwara nk'abizera b'ayo madini mu buryo buhuye na Bibiliya.

Ni gute twabashaga kumenya aho ayo madini yabaga aherereye? Idini rukumbi ryari ryemewe muri Espagne ryari kiliziya gaturika. Abapadiri bo hasi babaga bafite amalisiti. Iyo umuntu yabaga atitabiriye misa, bahitaga batanga amakuru ku gipolisi cy'ibanga. Abo bapolisi bakora mu ibanga baramukurikiraga kugira ngo bamenye aho idini asengeramo ryihisha. Batwigishaga uburyo bwo gukina n'abana b'abizera basengera muri ayo madini twabaga twaracengeyemo n'ibibazo byo kubabaza igihe twabaga dusigaranye na bo twenyine.

Nanone, iyo twabaga twatumiwe gusangira na bo, batugiraga inama yo kugurira indabyo abagore n'abakobwa b'abo bizera, tukagerageza kubikundishaho, tukabakingurira umuryango. Batubwiraga kubabwira amagambo yo kubashyeshyenga – ko ari beza kandi ko bafite igikundiro. Twigishwaga gukoresha amarangamutima yabo, tukabagaragariza impuhwe cyane mu gihe babaga bapfushije abo mu miryango yabo tukanabagaragariza kubitaho cyane mu gihe babaga bari mu kibazo.

Ni ngombwa gutinda ku mayeri yakoreshwaga mu gutuma amadini acikamo ibice no gusebya umuvugabutumwa w'umuporotesitanti wavugaga ko kiliziya gaturika atari idini rya gikirisitu… cyangwa wavugaga ko abagaturika atari abakristu. Ku bw'uwo murongo yabaga yarafashe ni we twibandagaho. Muri Espagne honyine nagize uruhare mu gusenya amadini 19. Ubwo habaga umukwabu wo gufata abahakanyi muri Espagne narifatishije, kugira ngo izina ryanjye rigaragare mu binyamakuru kandi nitwe umuhakanyi. Nari mfite n'icyete nandikiwe n'umupasitoro, cyahamyaga ko ndi umukristu mwiza, wo kugirirwa icyizere. Ntabwo yari azi ko ari jye watumye uwo mukwabu ubaho kandi ko ari jye nyirabayazana wo kuba ari muri gereza.

Muri icyo gihe, nari mfite imyaka 17. Ku bw'icyo cyete, nakiriwe mu itorero rimwe ry'ababatisita muri Venezuela. Abajezuwite bari baranyoherejeyo ngo ninjire muri iryo torero hanyuma nzabone kujya muri kaminuza nini mpuzamadini y'iyobokamana muri Costa Rica. Misiyo yanjye yari iyo gusenya abavugabutumwa, itorero na kaminuza! Kandi, nagombaga gushaka amazina menshi ashoboka nkayohereza i Roma.

Ayo mazina yose bayabikaga muri mudasobwa yo mu biro by'i Vatican (Saint-Office). Kandi bya biro by'I Vatican, byahoze biyobora urukiko rwari rushinzwe gucira imanza abatemera inyigisho z'I Roma biracyariho n'ubu. Aho ni ho hari amazina y'abavugabutumwa bose batari abagaturika, amazina y'abizera b'amatorero yose mu isi, harimo n'abagaturika. Nihagira uwo muri bo urwanya gahunda y'I Roma yo gushinga idini rimwe ku isi, ayo makuru azifashishwa mu kumurwanya. Ku

birebana n'abanzi b'imbere muri kiliya y'i Roma barwanya iyo nkubiri yo kubumbira hamwe amadini yose, bazicwa.

Uru ni rwa rukiko (inquisition) rugarutse mu buryo bushya. Kiliziya y'i Roma itegura imishinga yo kwica abantu bose bashaka kubaho bakurikije uko amategeko y'Imana avuga. Ubwo bwicanyi bubera mu mwijima, bufitanye isano na za misa zibera ahantu hihishe (messes noires).

Ariko, reka tugaruke ku kazi kanjye ka mbere, ni ukuvuga ako gusenya itorero ry'ababatisita muri Venezuela. Kimwe cya kabiri cy'abizera b'iryo torero bizeraga ko kiliziya gaturika na yo ari idini rya gikirisitu. Kuri abo, naravugaga nti: "Yego, ni byo, mfite ababyeyi muri kiliziya gaturika, bakunda Umwami wacu kandi ni abakristu nyakuri. Ni itorero rya gikirisitu. Abatabyemera baba bashaka guteza amacakubiri kandi baba batuka Imana. Benshi muri abo bagaturika bakomerekejwe ukwizera kwabo kwa gikirisitu bitewe n'ubushotoranyi bw'abavugabutumwa batari abagaturika. Ibyo bigomba guhagarara, tugomba kubwiriza urukundo."

Ku mupasitoro utari umugaturika n'ababaga bamushyigikiye naravugaga nti: "Pasitoro, muri mu kuri. Kiliziya gaturika si idini rya gikirisitu. Barantoteje cyane muri Espagne. Banga abakristu. Pasitoro wanjye nkunda aracyari muri gereza. Mugomba gukomeza kubamagana. Dore n'izina ryanjye riri mu binyamakuru, banyise umuhakanyi."

Mbifashijwemo n'umupasitoro w'umubatisita, ninjiye mu iseminari mpuzamatorero maze mpita ntangira

gusebya uwo mupasitoro, nkwirakwiza ibihuha bivuga ko yari afitanye ubucuti n'umukobwa w'imyaka 18. Uwo mukobwa na we yari umukozi wacu. Uwo mukobwa yemereye abayobozi barwanyaga uwo mupasitoro ko bigeze kugirana ubucuti. Ariko mu by'ukuri uwo mupasitoro yararenganaga. Umugore we yahise atandukana na we. Iryo torero ryarasenyutse, hanyuma njye nerekeza ku nshingano yari ikurikiyeho.

Hari n'ubundi buryo bwari buhari bwo gusenya abantu batemeraga gushyikirana na gato, bari bashikamye ku kwizera kwabo. Ku bantu nk'abo twakoreshaga ibintu bitatu:

- Kumusebya
- Kumushyira mu kato
- Kumwica mu buryo bunyuranye

## 1.Kumusebya

Twari dufite akamenyero ko kwangiza izina ry'umuntu dukoresheje gukwirakwiza ibinyoma kuri we, cyangwa kugoreka amagambo ye. Twakoraga uburyo tugaragaza ko uwo mupasitoro utari umugaturika ari umwanzi w'ubutegetsi buriho, tugatera ibibazo hagati ye n'abakozi be, cyangwa se tukamuhuza n'umugore wageraga aho agahinduka umunyamabanga we kugira ngo bakunde bagirane ubucuti. Rimwe na rimwe, twahamagaraga uwo mupasitoro mu gicuku nijoro. Tugashyira umugore iruhande rw'umuhanda nk'aho amaze gukora impanuka, maze yahagarara ngo amufashe, agahita atangira gutaka ati: "Amfashe ku ngufu!" Akiyambura imyenda ye, hanyuma uwo babaga

bari kumwe muri icyo gikorwa agafata amafoto maze izina rya pasitoro rikaba rirangijwe.

Iyo ubutegetsi na polisi byabaga biri kugenzura icyaha cy'umupasitoro utari umugaturika, wabaga ashinjwa kugira uruhare mu cyaha cyo gukoresha cyangwa gucuruza ibiyobyabwenge, ibinyamakuru by'icyo gihe byo byahitaga bimuhamya icyaha ako kanya. Izina ry'undi mupasitoro ryarangijwe dukoresheje amanyanga yerekeye amakarita yo kwishyuriraho (cartes de crédit). Abantu barabivugaga cyane. Hanyuma bishyize kera, ababigizemo uruhare baza kumusaba imbabazi, ariko byari byaratinze cyane. Ibyo byose twabikoraga dufite umugambi wo kwangiza izina n'isura by'abo bantu. Twifashishaga n'uburyo bwo guhamagaza amatelefone yo mu ibanga, tugashinja ibinyoma abagore babo n'abana babo. Ubwo ni bucye mu buryo twakoreshaga tugerageza gusebya abo bantu no kubashyiraho icyasha. Umuntu nk'uwo yarahungabanywaga akanakozwa isoni, nk'umubeshyi cyangwa umujura.

## 2.Kumushyira mu kato

Twatangiraga dukwirakwiza ibihuha bivuga ko uwo muvugabutumwa w'umuporotesitanti ari umuntu w'umunyabibazo, ko ari umuntu utera ingorane gusa. Yafatwaga nk'umwanzi utera amakimbirane, n'amacakubiri. Twavugaga ko afite inyigisho ze ubwe cyangwa ukwizera kw'inzaduka, kandi ko ari wenyine, atanabifatanije n'inshuti bagenzi be. Twabeshyaga ko afite ikibazo cyo mu mutwe. Abapasitoro benshi baracogoraga nyuma y'icyo gitutu, kuko guhabwa akato byatumaga bareka inshingano.

## 3.Urupfu!

Iyo umuntu yabaga yizera ko yahamagawe n'Imana kandi akaba atarashobowe n'igitutu cy'ibyo twerekanye hejuru, hakurikiragaho ibintu biteye ubwoba. Yagongwaga n'imodoka hanyuma akajyanwa mu bitaro. Umuforomokazi yashoboraga kumukuraho uruhombo rumwongerera umwuka, cyangwa akabusanya imiti ku buryo byatezaga ingorane maze uwo muntu agapfa. Urupfu rwashoboraga kandi guterwa n'ibiryo byarozwe, cyangwa agafungwa bitewe n'imiti ikora nk'ibiyobyabwenge kandi yangiza yabaga yatewe. Byarashobokaga kandi ko uwo muntu aterwa mu ijoro n'abantu bitwaje ibyuma, cyangwa akicwa n'umwicanyi wahawe ibiguzi. Nk'uko mushobora kubyibonera, yari intambara nk'izindi.

Ikigo mpuzamadini cy'ababaporotesitanti nasenye cyari giherereye muri Costa Rica. Nari narazanye n'abakobwa babiri. Babarizwa mu rubyiruko rw'abarwanashyaka b'abagaturika. Bigaragagazaga nk'abakristo nyabo bashingiye kwizera kwabo kuri Bibiliya. Kuri iryo shuri, Carmen yitwaraga nk'umukobwa dukundana, mu gihe Mariya we yari yarazanywe no kureshya (gushukashuka) abavugabutumwa no kwinjiza ingeso mbi mu banyeshuri. Mu rwego rwo kugaragaza ko nanga ubugaturika, rimwe na rimwe natezaga amahane, imbere y'abanyeshuri, nkashotora umupadiri w'umujezuwite wabaga yaje mu ishuri rya Bibiliya.

Ariko nyine, abajezuwite babaga bazi uwo ndi we, ariko twabikoraga nk'ikinamico gusa. Ibyo namenyaga byose kuri icyo kigo nabibwira abo bapadiri. Na bo bakohereza ayo makuru I Vatikani. Ikindi gihe, naje

guteza akaduruvayo mu banyeshuri ubwo narengaga ku mabwiriza adakebakeba yerekeye gutandukana kw'abanyeshuri b'abahungu n'ab'abakobwa. Nari ndi gutemberana na Carmen mufashe ikiganza.

Ibyabaye kuri iryo shuri, sinizeraga ko ari byo amaso yanjye ari kureba. Abarimu b'abagore babaye nk'abagushije ishyano. Nashatse abahungu bafite uburanga b'abagaturika mbaha akazi ko kureshya abarimu b'abababakobwa. Nasuraga aho abakobwa bararaga bumaze kwira cyane. Ijoro rimwe, Carmen nanjye twakoze uko dushoboye kugira ngo batugwe gitumo turi aho abakobwa bararaga. Yari yambaye imyenda yo kurarana.

Induru yakwiriye hose ko abanyeshuri bose b'abakobwa ari ko bitwara. Abayobozi bibazaga ukuntu ikintu nk'icyo cyashoboye kubaho. Ibyabaye byasohotse mu binyamakuru. Ni umupadiri w'umujezuwite wahaye iyo nkuru umunyamakuru. Iryo shuri ryarahungabanye, rigira ikimwaro kuko ryagaragaye nk'ahantu hakorerwa ibibi.

Nambaraga nk'inzererezi, kandi nkahora buri gihe nakererewe. Natezaga amahane ku barimu mbashinja ko nta rukundo rwa gikristo bagira. Buri gihe uko nabonaga uburyo, nageragezaga kubemeza ko muri kiliziya gaturika hari abakristo benshi beza kandi ko amashuri yabo ari aya mbere kubera ikinyabupfura. Nababwiraga ko muri ayo mashuri nta mahano ahaba.

Mugenzi wanjye Mariya yabaga ari gukora cyane. Abenshi mu banyeshuri 17 yashukashutse birukanywe burundu ku ishuri. Cyari igihe cyo gushukashuka

abavugabutumwa. Igihe namenyaga ko umuvugabutumwa akunda kumwitegereza, namuhaga amabwiriza yo kumugusha. Abavugabutumwa batatu baguye muri ubwo buryo. Twabateye ubwoba tubabwira ko tuzangiza ubuzima bwabo nibatareka kubwiriza barwanya kiliziya gaturika. Umugambi wacu wagezweho. Abo bavugabutumwa batatu bahindutse abayoboke b'impuzamatorero (oecuménisme). Kuva ubwo , nta kindi babwirizaga uretse urukundo rw'Imana. Ntibongeye na rimwe kuvuga kiliziya gaturika mu buryo bubi. Bakoraga byose bakurikije amabwiriza yacu.

Mu ishuri rya Bibiliya, nemeje abanyeshuri ko bagomba gukora imyigaragambyo yo kwiyicisha inzara, kugira ngo uburyo bigagamo buhinduke. Ibyo byatangajwe mu makuru. Iryo shuri ryari riri hafi yo kubona akaga. Abapadiri b'abagaturika basabye ko rifungwa, bemeza ko ari igikoresho cya Satani.

Igihe ubuyobozi bw'ikigo bwageragezaga kunyirukana, Vatikani, ibinyujije kuri guverinoma ya Espagne, yatangaje ko ndi umusirikare watorotse igisirikare. Ni gutyo nashoboye kwivana muri ibyo bibazo, bataramenya mu by'ukuri uwo ndi we. Amakuru y'ingenzi: uyu munsi, iryo shuri rya Bibiliya rikorera mu murongo w'impuzamatorero kandi rikorana bya hafi n'abapadiri b'abagaturika.

Abakobwa bavuzwe haruguru bareshyaga abapasitoro kubera impamvu ebyiri: barwaniriraga idini ryabo basenya abanzi baryo, kandi ku rundi ruhande, babaga bari gushaka amanota azatuma bava muri purigatori. Kiliziya gaturika yavanyeho ihame rya Bibiliya rivuga irimbuka ry'abagome batihannye, irisimbuza

purigatori; mu mwanya w'inyigisho z'Ijambo ry'Imana, hari abapadiri babo n'amasakaramentu. Bibiliya itubwira ko abapfiriye mu byaha byabo, batihannye, baba bazimiye by'iteka kandi ko bazarimbuka. Kuri bo byose biba birangiye [Nta mahirwe yandi aba asigaye]. Ariko mu mwaka wa 593, papa Gregoire I yashyize ahagaragara ihame rya purigatori nk'ahantu umuntu atunganirizwa mu gihe runaka, ku bantu bapfuye ari abagaturika. Inama ihuza abihayimana b'abagaturika (concile) yabereye I Florence yemeje iyo nyigisho ku mugaragaro mu mwaka w'1439.

Nimuramuka mwijeje abantu ko purigatori ibaho kandi ko mushobora kubakiza baramutse babigizemo uruhare, bazakora icyo abapadiri bazababwira cyose kandi bazishyura ikiguzi bazasabwa cyose. Mariya na Carmen bizeraga ko kubwo kureshya no kugusha abavugabutumwa b'abaporotesitanti, bazabona amanota akenewe maze bakazamara igihe gito muri purigatori. Mu kintu nk'icyo, abayoboke bashutswe gutyo, baba biteguye kwica, niba ari byo bisabwa. Abapadiri n'ababikira bicaga abantu mu gihe cy'urukiko rwahanaga ababaga bafite imyizerere itandukanye n'iya kiliziya gaturika babikoraga bizeye ko umunsi umwe bazasohoka muri purigatori, batayitinzemo. Inyigisho ya purigatori ni igikoresho gikomeye mu kugenga imitima y'abagaturika.

**Misa**

Ni ubuhe busobanuro bwa misa? Ni igihimbano "gifite ishusho nziza cyane." Yazanywe n'umusenyeri w'i Roma mu mwaka wa 386. Mu nama yabereye i Trente, hatekerejwe ijambo rishya mu rwego rwo gusobanura impamvu ya misa ; iryo jambo ni: "Transsubstantiation,"

ni ukuvuga ko umupadiri afite ububasha bwo gufata umugati na divayi akabihinduramo umubiri n'amaraso bya Yesu Kristu.

Byemezwa ko, umupadiri w'umugaturika afite ububasha bwo kumanura Yesu mu ijuru akerekana ukubambwa kwe buri gihe uko habaye misa. Kiliziya gaturika yemeza abayoboke bayo kubyizera, ikanabigisha ko Yesu ari mu ijuru nk'umucamanza w'indashima. Ntabwo ari buri muntu wese wemerewe kumusanga ngo agire icyo amusaba. Imbere y'intebe ye hari Bikiramariya nk'umubyeyi wuzuye impuhwe nyinshi kandi wumva abantu. Asaba umuhungu we kubabarira, no kugirira impuhwe abagaturika bamusenga (Bikiramariya) bataryarya, kandi bizera ko "asangiye na [Yesu] kubacungura." Babikora, ku bwo kwizera ko [Bikiramariya] na we yavuye amaraso mu gihe Yesu yapfiraga ku musaraba, bitewe n'umubabaro mwinshi yari afite ku bw'ikiremwamuntu. Bikiramariya ni we "tike" yabo ibageza mu ijuru, nyuma yo guca muri purigatori.

Ntibazigera bareka Bikiramariya, kuko bafitiye ubwoba ubugingo bwabo. Kiliziya gaturika yafashe umugore wo ku isi imugira imana. Bikiramariya ni we tike yabo yo kubageza muri paradizo nyuma yo kuva muri purigatori. Ntibajya batinyuka guhakana Bikiramariya kubwo gutinya kubura ubugingo bwabo.

Nakundaga Bikiramariya n'umutima wanjye wose. Nashoboraga no kuba nakwica umuntu ku bwe; ariko, umunsi umwe namenye ikintu cyampungabanije cyane: umwamikazi w'ijuru yajyaga akorerwa ibirori byo kumuramya mu iyobokamana rya shitani ryo mu gihe

cy'ubwami bwa Babuloni, byitwaga "kuramya Baali." Imana yarabyangagaga. Yesu yise Mariya "umubyeyi," naho ubungubu, kiliziya gaturika y'I Roma, yamwise "umwamikazi w'ijuru." Byabaye ngombwa ko abagaturika bemezwa ko nyina wa Bikiramariya yamusamye nta cyaha afite, ko na we yavutse nta cyaha afite. Ibyo bimusanisha n'Imana ndetse bikamugira nyina w'Imana.

**Kubyarwa ubwa kabiri**

Iyo umugaturika abatijwe ashyizwe amazi ku gahanga, yizera ko "abyawe ubwa kabiri," n'ubwo yaba akiri umwana. Umugaturika yizera ko akizwa uko asenze Bikiramariya, kandi akabera indahemuka iyobokamana rye. Baba baramwigishije ko hanze ya kiliziya gaturika nta gakiza kahaba. Iyo umugaturika avuze ko yakiriye Umwami Yesu nk'Umwami n'Umukiza we, biba bivuze ko yakira Yesu buri gihe uko ariye ukarisitiya cyangwa umugati mu gihe cya misa. Yizera ko yakiriye umubiri n'amaraso nyabyo bya Yesu.

Ukwihana na ko kugaragazwa mu buryo butandukanye: kuri bo, kwihana ntibivuze ko ugomba gusenga Imana kugira ngo ikubabarire, ko tugomba kwicuza ibyaha byacu tukabireka. Umugaturika "yishyura" Imana ye binyuze muri penetensiya. Ni umupadiri umuha imbabazi akanagenera penetensiya icyaha cye. Ibyo bivuze ko agomba kuvuga, nk'urugero, inshuro 50 isengesho rya "Ndakuramutsa Mariya" cyangwa "Dawe uri mu ijuru", cyangwa agacanira buji abatagatifu batandukanye, cyangwa akazenguruka kiliziya apfukamye, cyangwa ikindi kintu kimeze nk'ibyo.

Mu by'ukuri, umugaturika aramutse ahindutse by'ukuri, ntashobora kuguma muri kiliziya gaturika, kubera ko imikorere yabo yose ni iya gipagani kandi irwanya Imana; aho rero, ku muntu usenga Imana by'ukuri nta mwanya ahafite.

**Kuzamurwa mu ntera**

Nyuma yo gusenya rya shuri ry'iyobokamana, noherejwe i Vatikani, aho nagizwe umupadiri w'umujezuwite. Kubera ko nari naragize insinzi ikomeye mu kazi kanjye nari narahawe, banshyize ku rwego ruhanitse rw'indahiro y'abajezuwite. Nahawe indangamuntu y'umwihariko n'icyangombwa nahawe n'abayobozi bankuriye cyo kujya gukorera mu bindi bihugu. Mbere y'uko mva muri kiliziya gaturika, nagizwe musenyeri muri kiliziya gaturika mbona urwandiko rw'umurajye w'intumwa rutangwa na papa w'i Roma. Indangamuntu nari mfite yatanzwe na guverinoma ya Espagne mu mwaka w'1967 ku ngoma y'umunyagitugu Franco. Inzego ze zari zishinzwe umutekano nta mpuhwe zagiraga, ku rwego rumwe na Gestapo (urwego rwa polisi rw'ibanga ku butegetsi bw'abanazi mu Budage). Ni yo mpamvu, mu gihe nari ndi gushaka iyo ndangamuntu, byabaye ngombwa ko ntanga impapuro nyinshi kandi nyura mu nzego nyinshi kugira ngo iyo ndangamuntu igire agaciro. Yagaragazaga icyemezo cya guverinoma cyemeza ko nkorera papa, ku bw'amasezerano yasinywe hagati ya guverinoma ya Espagne na Vatikani.

Ubwo nabaga umupadiri, nari nizeye ko ngiye kubona ukuri kandi nkabona amahoro y'umutima, nk'uko nari narabisezeraniye mama wanjye. Ariko nabaye umunyabyago. Uko nagendaga nzamuka mu ntera mu

muryango w'abajezuwite, ni nako narushagaho kubona ibyaha bibi by'uwo muryango wa kiliziya gaturika. Natumiwe muri misa yo mu ibanga (messe noire), yari iyobowe n'umwe mu bari bahagarariye abajezuwite mu nzu y'abihayimana mu majyaruguru ya Espagne. Ubwo nacaga bugufi ngiye gusoma impeta ye, nabonye ikimenyetso cyatumye numva amaraso ahagaze. Cyari ikimenyetso cy'abafuramaso {symbole maçonnique} (umuryango w'abapfumu b'ibikomerezwa muri politiki no mu bukungu ku rwego rw'isi yose). Ni cyo kintu nangaga kurusha ibindi byose kandi ni nacyo nari narahamagariwe kurwanya.



Buri kintu cyose nari niringiye cyarampombeye. Namenye ko na papa wirabura (le pape noir, uyobora abajezuwite) na we yari umwe muri bo (umufuramasoni) akaba n'umuyoboke w'ishyaka ry'abakominisite ryo muri Espagne. Nagize isereri ubwo bambwiraga ko umuyobozi w'abajezuwite (le général jésuite) afitanye ubumwe bukomeye n'abiliminati b'i Londre. Ignace Loyola, washinze umuryango w'abajezuwite, yari umwiliminati. Namaze ibyumweru byinshi ndwaye, kubera ko ibyo banyigishije kurwanya ni byo byari byiganje mu nzego zo hejuru.

Ku bw'ubunararibonye nari mfite no ku bw'imirimo nari narakoze, nashyizwe mu ishyirahamwe ry'impuzamatorero, ryangenzurwaga na papa Yohani XXIII. Abaporotesitanti ntibari bacyitwa abahakanyi ukundi, ahubwo bitwa "benedata bitandukanije." Abahakanamana ntibari bakiri abanzi bacu. Umugambi wari uwo guhuriza hamwe abizera bose mu itorero rimwe

ku isi yose, n'abahakanamana bose bagahurizwa hamwe muri guverinoma imwe ku isi yose. Twabashije gucengera mu madini yose n'imiryango yose. Iyo ngengamikorere nshya, yari ubutware bwa gatatu bwashyizweho, bwitwa **kuzura umwuka**. Ni icyiraro kijya i Roma. Abaporotesitanti batwakiranye yombi. Abatasi twari dufite mu madini ya giporotesitanti bagize uruhare runini mu nsinzi yacu. Tubifashijwemo n'abatasi bacu bakoraga mu ibanga, twabashije gucengera tugera mu mateleviziyo n'amazu y'ubwanditsi y'abakristu. Batwakiriye kandi batwemera nk'abigisha, ababwiriza n'abavugabutumwa. Urukundo twamamazaga rwahurizaga hamwe abantu bose mu muryango umwe rukumbi. Ryari "ivugurura" ryacu ry'ukwizera.

| **ABEMERA IMANA** | **ABATEMERA IMANA** |
|---|---|
| Itorero rimwe ku isi | Ubuyobozi bumwe ku isi |
| Abaporotesitanti bo mu madini yose | Abakominisite |
| Aba orthodoxes bose | Amatsinda yose y'abafuramaso n'amatsinda yose y'imiryango ikorera mu ibanga |
| Abayisilamu, Ababudisite, Abamorumo | Abasosiyalisite |
| Amadini akorana n'imyuka, Amadini yo mu burasirazuba | Abahakanamana |
| Amadini akoresha yoga | Urudubi |
| Abahamya ba Yehova, Abayahudi, n'abandi | N'abandi |

Itsinda rya mbere twinjijemo abatasi bacu ni iry'abadivantiste, hanyuma abametodiste, abapresibiteriyene, abaluteriye n'abandi bose, turangiriza ku bamorumo n'abahamya ba Yehova. Twakurikijeho, amashuri y'iyobokamana, kaminuza n'amashuri makuru. Abajezuwite bayoboraga ibikorwa by'urubyiruko, n'amahuriro yo kwerereza Bikiramariya. Amadini yose twavuze haruguru yahagaritse kurwany'I Roma, cyangwa se bakemera ko Roma ari itorero rya gikirisitu. Twabonye insinzi bivuye ku kugirana na bo amasezerano. Hafi y'abapasitoro bose b'abaporotesitanti bari bafite ubwoba bwo kuvuga barwany'I Roma, ku bwo kwirinda guhohoterwa.

Ni ubuhakanyi bukomeye, gutandukira amahame ya Bibiliya ari na byo Bibiliya igaragaza ko bizabaho. Ubwo nagendaga menya ibyo bintu byose, numvaga umutima wanjye ushengutse cyane. Ibyiringiro byanjye byari byaranshizemo. Nabagaho mfata imiti igabanya guhangayika.

Umunsi umwe, nari ndi kugeza ijambo ku bayobozi b'abaporotesitanti n'ab'abagaturika bari bitabiriye inama y'impuzamatorero (oecuménisme) muri Amerika y'amajyepfo yaberaga mu gihugu cya Guatemala. Muri sitade yari iteraniyemo abantu bagera nko ku bihumbi mirongo itanu (50 000), nakoze icyaha kitababarirwa, mvuga ukuri kwerekeye Roma iyo ari yo mu by'ukuri. Ndibuka neza amagambo yanjye, [naravuze nti]: "Ni gute mbabwiriza iby'ubugingo nyamara njye ndi umupfu, n'urwego nkorera rwuzuye iminuko y'abapfuye, za penetensiya, Bikiramariya, purigatori, za misa, n'itsinda ry'abihayimana batemera umuzuko? Ni gute mbabwira

iby'ubugingo nyamara mbabeshya, mu gihe ncengera mu matorero yanyu ngamije kuyasenya? Mwibwira ko umugambi w'impuzamatorero ari urukundo n'ubumwe, nyamara umugambi wayo nyakuri ni ukubazanira urupfu. Bityo rero kuko ntari mwene so…"

Nahise ntangira kumva amajwi inyuma yanjye yo kwitotomba [avuga ati]: "Tugomba guhagarika Rivera! Tumufunge umunwa!" Ubwo inama yari irangiye, banyurije indege banjyana muri Panama, hanyuma muri Espagne. Bagendaga bavuga bati: "Araza kwishyura ibyo yakoze." Ubwo ni bwo natangiye igihe kibi kurusha ibindi mu buzima bwanjye. Bakoresheje uburyo butandukanye, bagerageza gutuma mpindura ibitekerezo. Nyuma y'amezi make, banjyanye i Barcelone mu nzu y'abihayimana aho bavuriraga abapadiri bafashwe n'indwara zo mu mutwe. Mbega ahantu! Mana yanjye!

Vatikani yanshinje ubuhakanyi buturutse ku busazi. Bamfungiye mu cyumba kidasohora n'amajwi. Nagumyemo nta biryo mbona nta n'amazi mu gihe cy'iminsi myinshi. Muri icyo gihe, nagombaga kwandika impapura amagana menshi kandi nkanasubiza ibibazo bitandukanye. Nijoro sinabashaga gusinzira kubera ibiyobyabwenge babaga banteye. Nari ndwaye kandi ncitse intege rwose. Bambwiye bamburira bati: "Rivera, isubireho ku byo wavuze kandi wature ku karubanda ko nta rindi torero ribaho, uretse gaturika umubyeyi mutagatifu."

Nyuma y'ibyumweru bibiri ndi mu ibazwa ry'agahato, natakaje ibyiringiro byanjye bya nyuma maze mbaza abankoreraga iyicarubozo nti: "Aba bagaturika bose tubeshya muri ubu buryo, nibamara gupfa bakagera I

kuzimu, tuzababwira iki? Ibuye ribaje – ishusho y'ikibumbano ntishobora kubakiza. Ibyo twababwiye byose kuri Bikiramariya ni ibinyoma gusa. Bibiliya irabihamya. Mwibwira ko mwica abantu mu rwego rwo gukorera Imana yanyu, ariko ibyo mukora mubikorera Satani, kuko muri abana ba Satani." Ku bw'ayo magambo, umwe muri bo yahise ansingira n'umujinya mwinshi. Amfata mu ijosi asakuza ati: "Ceceka, Rivera, uravuga nk'umuhakanyi. Ni wowe ushenye itorero ry'umubyeyi wacu Bibikiramariya. Ndagukata ijosi, Rivera!"

Bamvuye bakoresheje uburyo bwo kuvura ubwonko hifashishijwe amashanyarazi (Electrochoc) bakoresha n'ibiyobyabwenge bifite imbaraga. Nyuma y'amezi abiri mfunze, narwaye uruhago rw'inkari, n'imitsi yumva irapfa. Mu kwezi kwa gatatu, sinabashaga guhumeka neza. Banshyize mu mashini imfasha guhumeka. Urupfu rwa mama rwangarukagamo buri mwanya. Ku bwo kumva ko ndi mu bihe nk'ibyo yari arimo, nshegeshwe n'ubwoba, numvaga nzajya mu irimbukiro nta gushidikanya. Nasengaga Imana ngo imbabarire ibyaha byanjye byose. Ni bwo numvise ubuzima bwongeye kungarukamo. Imana yampaye agakiza kandi irankiza. Kuva ubwo, numvise mbatuwe.

Nabashije kuva muri ya mashini. Hashize iminsi irindwi, banyemerera gusohoka mu bitaro. Sinashoboraga kwemera ko banyohereje I Madrid njyenyine, [numvaga ari nk'igitangaza]. Aho, hari umupadiri w'umujezuwite w'I Vatikani wari untegereje – bahimbaga "imbwa yo ku izamu", ni umuntu wabo wizewe cyane. Yangaga inzira nari narahisemo

gukurikira. Muri iyo minsi yagerageje uburyo bwose bwa kijezuwite kugira ngo angarure mu nshingano zo gukorera papa. Mfashe Bibiliya mu ntoki, namweretse ibihamya by'ukuri, nkakomeza kumubwira ko amaherezo nabonye agakiza. Ijambo ry'Imana ryamukoze ku mutima. Maze ntungurwa cyane no kubona atangiye kurira, nuko ansubiza urwandiko rw'inzira (passeport), n'ibyangombwa byose nari nkeneye kugira ngo mve muri Espagne, arambwira ati: "Alberto, genda uve muri ubu buroko nonaha kandi ntuzongere kubugarukamo ukundi. Ndizera ko Imana izamurikira inzira yawe. Uyikurikire, Alberto! Unsengere! Ntuzanyandikire, unsengere gusa!"

Iryo joro, nafashe indege mva muri Espagne mfite impiya 40 gusa mu mufuka wanjye. Narindangizanije na kiliziya gaturika y'I Roma. Vatikani yakomeje kubiceceka. Ntibashoboraga kwiyumvisha ko nabacitse.

## Igice Cya Kabiri – IKINYOMA

Ubwo navaga I Madrid (soma Madiridi) nijoro, ni nkaho nta mafaranga narimfite, narimfite gusa ivarisi n'itike yo kujya I Washington (soma Washingitoni). Mu by'ukuri nari natangajwe n'uburyo Imana yari yanteguye kandi ikampa urwandiko rw'inzira n'ibindi byangombwa bikenewe kugira ngo nsohoke muri Espagne (soma Esipanye). Ubwo bwari bwo buryo bwonyine bwo kunkiza. Nahamagaye Data amasaha make mbere, kugira ngo mumenyeshe ko nari navuye muri Kiliziya Gaturika. Yanyise imbwa ahita afunga telephone.

Mbere yo kuva ku kibuga cy'indege, nari nahamagaye kuri telephone mushiki wanjye wa bucura witwa Mariya wabaga mu Bwongereza, telephone yashoboye kumpuza nawe; yari uwihaye Imana mu kigo cy'abagaturika cy'abagore, cyitwa “Secre – Coeur” (soma Sakere keri) I Londres (soma Londere). Akimara kumva ijwi ryanjye yatangiye kurira ambwira ati “Alberto (soma Aluberito), ni wowe? Yoo, Alberto, Alberto! Nagerageje kwiyahura incuro eshatu……. Alberto mfasha!

Kubera gukeresezwa n'icyo kiganiro, nabuze indege ijya I Washingitoni. Muri iryo joro, hari hasigaye indege imwe gusa yari kwerekeza I Londres. Narayuriye, Imana yonyine ni yo yari izi akaga gakomeye kari mu buzima bwa Mariya, n'uburyo yari hafi y'urupfu. Imana yanyohereje I Londres. Nasengaga bucece ngira nti “Mana yanjye, nkore iki? Mfite umutima babaye cyane! Nabuze indege ijya I Washingitoni none kandi dore n'izindi ngorane. Ubu ndi I Londres. Kuko nahaje kugira ngo ndebe Mariya, mfasha! “Nabonye ahantu hari telephone rusange maze ntangira guhamagara amatorero

anyuranye atari Kiliziya Gaturika. Hanyuma nahamagaye itorero rito ritemera umubatizo w'abana I Londres, Imana ishimwe, icyo cyari icyemezo cyiza. Abo bantu baje kumfasha. Bantwaye mu modoka bangeza ku kigo cy'abihayimana aho Mariya yari ari nibwira ko iyo ntaza kugera aho mu isaha, bari kuza kunshaka. Ninjiye muri icyo kigo.

Umubikira mukuru wayoboraga icyo kigo yarambajije ati "Uri Padiri Rivera?" Naramubwiye nti "Yego." Arambwira ati "Mariya yakumbwiyeho inshuro nyinshi. Yambwiye ko uri Padiri ufite imbaraga kandi w'indahemuka." Mu kumvugisha, yagaragaraga nk'utanyitayeho maze nibaza niba yaba yamaze kumenya ko nasezeye mu itorero gaturika. Yarakomeje ati "Ndabizi, waje kureba mushiki wawe Mariya, ariko ararwaye cyane ku buryo atashobora kukwakira." Naramubwiye nti "Birababaje, ariko icyo nicyo cyatumye nza I Londres. Ngomba kubona Mariya mbere yo kujya muri Amerika."

Yarambwiye ati "Padiri, umbabarire, ariko sinabikwemerera, ngomba gukora nkurikije amategeko kandi nkubahiriza gahunda y'ikigo cyacu. Nkuko ubizi, ni ikigo cy'abagore kandi uwo ashobora kubona gusa ni uwo yicuzaho."

Naravuze nti "Nyamara ndashaka kumubona nonaha, ubimpereye uruhushya. None se wangirira neza ukanyereka umuryango winjira aho ari?" Yaransubije ati "Nta muntu n'umwe wemerewe guhura n'abihayimana b'igitsinagore, keretse mu bihe byihariye bidasanzwe." (Ikiganiro cyo kuri telephone, igihe nahamagaraga ndi muri Espagne (soma Esipanye), ni cyo cyonyine

nemerewe. Ni cyo gihe cyonyine nemerewe kuvugana na Mariya).

Naramubwiye nti “Niba udashaka kunjyana aho ari, ngiye kumwishakira ubwanjye.” Yarambwiye ati “Padiri, nsigaranye uguhitamo kumwe, ni ukwitabaza Polisi.” Nari nzi ko Vatikani yari yamenyesheje abayobozi bakuru b’idini gaturika b’I Londres ko nari nacitse. Uwo mubikira mukuru, yari ataramenya ayo makuru; naho ubundi aba yarahise ahamagara abayobozi bakuru b’idini gaturika aho guhamagara Polisi. Abo bayobozi bari batangiye kunshakisha.

Naramubwiye nti “Ntiwongere kunyita ‘Padiri’, kuko ntakiri umupadiri wa Roma, ahubwo ndi umunyabyaha wihannye. Ushobora gukora icyo ushaka cyose, ariko sinsohoka hano mu gihe cyose ntarabona Mariya.”

Yaravuze ati “Ndabona neza ko utakiri uwo wari we. Ku bw’iyo mpamvu, tugiye guta muri yombi uyu muhakanyi utazi ibyo arimo. Padiri, uraza kubona icyo ngiye gukora.” Wa mubikira mukuru w’umuyobozi yabwiye abandi babikira ati “Babikira ntimumwemerere kunyura muri uyu muryango. Ngiye guhamagara Polise.”

Nyuma y’igice cy’isaha polisi yari yamaze kuhashinga ibirindiro. Umubikira uyobora icyo kigo yarababwiye ati “Uyu mugabo yaje abeshya ko ari umupadiri, maze yinjira hano nta burenganzira abifitiye.”

Umuyobozi wa polisi ati “Ibyo ni ibirego biremereye.”

Ababikira basobanuye ibyabaye mu buryo bw’ubucakura n’ubuhemu ku buryo ubusobanuro bwabo bwashoboraga kwemeza ubwumva. Humvikanaga abantu

bameze nk'abataka barira, kandi bamwe mu babikira bagiraga bati "Oh, Mubyeyi w'Imana, dufashe, dukize uyu mugabo w'umugome!" Hongeye kumvikana ugutaka kuvanze no kurira, mu gihe umuyobozi w'ababikira yabwiraga Polisi ati "Yashatse no kuduhohotera, ndashaka ko atabwa muri yombi!

Ese biremewe ko umubikira ahangana n'umupadiri? Igisubizo kiboneka mu ndahiro ye ivuga ko ategetswe no gusuzugura  na papa, niba anyuranije n'inyigisho ya Kiliziya gaturika.

Narasubije nti "Ibyo si ukuri, sinigeze mbatera. Dore impapuro z'umuyobozi mukuru wa kiliziya gaturika I Madrid zambashishije kuza hano."

Barambwira bati "Bwana, ntituvuga ururimi rw'icyesipanyolo. Ariko se, ni kashe yabo? Ubwo rero urumupadiri." Ndabasubiza nti "Yego, ariko sinkiri mu mikorere ya kiliziya gaturika." Nababwiye muri make uko byose byari byagenze, uko nari naje hano. Umuyobozi wa polisi yanteze ugutwi yitonze, kandi kuko na we yashingiraga ukwizera kwe kuri Bibiliya, aranshyigikira.

Hanyuma, naramubwiye nti "Ntabwo ndi umujura, naje kureba mushiki wanjye, uri ahantu runaka muri iki kigo. Ararwaye cyane. Umubikira mukuru ntiyanyemereye kumubona." Umuyobozi wa polisi noneho amubaza ikibazo ku birebana na mushiki wanjye, maze arasubiza ati "Ntabwo arwaye cyane."

Hanyuma umuyobozi wa polisi arambaza ati "Dogiteri Rivera, ese mushiki wawe yifuza kukubona? Ndamusubiza nti "Yego, hashize iminsi ibiri mvuganye nawe kuri telephone. Yansabaga ko namufasha."

Umubikira mukuru arabyamagana cyane ati “Ibyo ntibishoboka, arabeshya. Ntashobora gukoresha telephone … ndashaka kuvuga …”

Umuyobozi wa polisi aravuga ati “Turashaka kubona mushiki we maze tukabivuganaho na we, mubiduhereye uburenganzira!” Umubikira uyobora icyo kigo yagerageje uburyo bushoboka bwose bwo kwigizayo abapolisi. Ntiyashakaga ko babona Mariya. Ariko ntibagiye.

Ni muri ubwo buryo yatujyanye ku muryango w’icyumba aho Mariya yari ari. Ubwo yakinguraga urugi rw’icyuma, numvise umunuko umeze nk’uw’intumbi. Sinashoboraga kwemera ibyo amaso yanjye yabonaga.

Byari biteye ishozi. Numvise mbaye igishushungwe burundu, maze ntangira kurizwa n’ibyo nari mbonye. Urwango nari mfitiye Roma runyuzuramo. Mushiki wanjye wari ubabaye, ubwo namuteruraga, yapimaga ibiro bitagera no kuri mirongo itatu (30). Umwambaro we wari wuzuye amaraso, kandi ayo maraso yumye yatumye uwo mwambaro ukomera cyane. Umugongo we wavagamo amashyira kandi wavaga amaraso kubera inkoni bamukubise.

Nsakuza mvuga nti “Mariya… Mariya… uranyumva?” Nta kindi numvaga uretse iminiho gusa. Nibwiye ko yapfuye. Mubajije niba yari akeneye umuganga kandi niba baramukomerekeje, yansubije ati “Oya, Alberto, oya. Ikintu kimwe gusa ni cyo kintera kumererwa nabi. Mfite intege nke bikabije kandi niyumvamo umutima w’ubugome; byari binkwiriye ko mpanishwa igihano cy’urupfu.”

Naramubajije nti "Kuki wakwiha igihano?" Yaransubije ati "Kubera ko ntubaha; nkwiriye guhabwa amasakaramento kandi nkicuza mu gitondo na nimugoroba. Buri gihe ndumva ndi umuntu wo kugirirwa impuhwe. Alberto, nta byiringiro mfite, ndababaye cyane. Nk'uko Yesu yambabarijwe, nanjye nkwiriye kubabazwa ku bwe. Ni umugabo wanjye (maze aterera akajisho ku musaraba.) Nashyingiranywe na Kristo kandi ngomba gupfa ku bwe." Muri icyo gihe cyose, yari afashe umusaraba mu ntoki.

Naramushubije nti "Icyo ni igitutsi ku Mana. Umugore wayo wenyine ni itorero ry'ukuri; Kiliziya gaturika ntabwo ari iy'Imana." Mariya atera hejuru ati "Ngomba gusoma umusaraba." Ndamubwira nti "Mariya, ndakubwiye mu izina ry'Imana ko ukwiriye gusezera kuri byo bintu byose. Uwo musaraba ntacyo wakumarira. Ni ikintu kidafite ubugingo."

Wa mubikira w'umuyobozi arasakuza ati "Padiri Rivera, mureke." Maze we n'ababikira bose basakuriza icyarimwe bati "Mariya, mwamikazi w'ijuru, dufashe!"

Mbwira mariya nti "Tabaza izina ry'Imana. Nuyisenga uyisaba kukubabarira ibyaha byawe, kandi nureka burundu ibyo binyoma byiyambitse umwambaro w'idini, uzakizwa uwo mutima wumva ugucira urubanza."

Arambaza ati "Alberto, ese irasubiza amasengesho yanjye?" Ndamusubiza nti "Yego Mariya! Uko uri kose, iringire amagambo y'Imana yanditswe muri Bibiliya."

Mariya yumvise ahumurijwe maze ansaba kumusohora aho yari ari. Nabwiye wa muyobozi w'ababikira nti "Ndagusaba kundeka nkagenda

nkanasohora Mariya hano hantu habi hateye ubwoba." Umubikira mukuru arasakuza ati <<Padiri, kwaba ari ukumushimuta, waba umujyanye bidaturutse ku bushake bwe."

Ubwo nibwo polisi yagize icyo ibivugaho iti "Ni gute ibintu nk'ibi byashoboye kuba mu Bwongereza? Dogiteri Rivera, urashaka ko uyu muyobozi w'ababikira afatwa maze agashyirwa muri gereza kubera iki cyaha? Icyo wakora gusa ni ugutanga ikirego maze tukamujyana. Mariya ni igihamya cyiza cy'ibyabaye."

Naramusubije nti "Ni Imana ubwayo izamucira urubanza, kimwe n'iyi kiliziya yose."

Ababikira batangiye gusakuza bati "Vumwa by'iteka ryose. Umubyeyi Bikiramariya azarangiza ikibazo cya Padiri Rivera. Ni undi Yuda, yagambaniye Data [ari we] Papa."

Twaragiye maze tujyana Mariya kureba muganga kubera ibyo byari byabaye, I Roma nashyizwe ku rutonde rw'abagomba kwicwa. Nashyize Mariya mu muryango washingiraga idini ryabo kuri Bibiliya. Bamwitayeho baramuvura kandi yahaboneye umutekano.

Hagati aho Mariya yashyingiranywe n'umusore w'umwizera maze barimuka bajya muri Canada. Aho niho Mariya yazimiriye. Nyuma bitinze naje gutahura ko umugabo we mu by'ukuri yigaragazaga nk'uri mu idini rya Bibiliya. Yari umugaturika kandi akaba mu muryango w'abajezuwite witwa "Chevaliers de Colomb" soma shevaliye de kolo."

Nibwira ko yapfuye cyangwa se akaba yaragiye mu kindi kigo cy'abihayimana b'igitsina gore. Vatikani yari ihangayitse kubera njye. Nari umugabo woroheje ariko nari nyiziho ibintu byinshi cyane. Nari narahindutse umuntu ubateye akaga gakomeye. Vatikani yashakaga kuncecekesha mu buryo bushoboka bwose.

Kubw'ibyo nari naranyuzemo mu bihe byashize, nari nzi ibyo barigukora: bari guhatiriza Leta y'ubwongereza kugira ngo bayemeze ko ntagombaga kuguma kuba mu mudendezo. Bari bagiye kumenyesha ambasaderi wa Espanye I Londres. Bari kunyamagana kandi bagasaba ko nsubira muri Espanye.

Ese abatari abagaturika bari kunshyigikira? Abanzi banjye bari kubabwira ko navuye muri Espanye maze kwiba amafaranga menshi cyane, ko nari najyanye n'umugore kandi ko ntigeze mba umupadiri na rimwe. Sinari nyobewe ko bari bagiye guteza ubwega hose maze bakamenyesha abantu bose bo mu mpuzamatorero n'abakarisimatike mu isi yose kugira ngo bababafashe mu mugambi wabo mubisha wo kunkuraho.

Ese amatorero atari gaturika yari gukora iki? Kumfasha? Abantu bonyine bemera ko kiliziya gatutika atari itorero rya gikirisito ni bo bazagira ubushake bwo kumfasha. Ntabwo ari benshi, ariko abagaturika bababona nk'abantu bateje akaga gakomeye cyane. Cyane cyane Abagaturika batinya cyane abantu bashikama kuri Bibiliya.

Padiri Dominiko wo ku cyicaro gitagatifu (Vatikani) yagize ibitekerezo bimwe atanga. Kimwe kwari ukunkuraho maze ngapfira mu "mpanuka." Bari bafite

umugabo I Londres wari warabirahiriye, wari witeguye kwifatanya na kiliziya gaturika mu bikorwa byayo. Yarahiriye kunkuraho. Ku bajezuwite indahiro ni ikintu cyidasanzwe ku bantu b'ingenzi cyane, bagenewe inshingano yihariye muri Leta zinyuranye, mu gisirikari, cyangwa muri siyansi, mu buvuzi, mu burezi, mu mashyirahamwe y'abakozi, mu bigo bimwe na bimwe bishamikiye ku madini. Abo bantu bateye akaga. Ibyo narimbizi neza. Kuko nari narabaye umwe muri bo.

Ku byanjye, bari bafite uburyo bwinshi bushoboka: kundogera mu byokurya, impanuka y'imodoka cyangwa gari ya moshi, cyangwa se ikosa ryakorerwa mu bitaro. Byo byari bikwiriye kuba mbere y'uko menyekana cyane, bitaba ibyo, byashoboraga gukoma mu nkokora umugambi wabo w'ubumwe bwa politiki n'iyobokamana.

Ngiye kubagaragariza umuhango wo kwinjiza abantu mu nshingano n'indahiro y'Abajezuwite. Ni umwe mu bayozi babo bakuru uvuga:

"Mwana wanjye, kugeza ubu wigishijwe kugaragara nk'aho uri muruhande rwabo, ariko , mu by'ukuri, utari uwabo. Kuba umugaturika mu bagaturika, ndetse na maneko mu bavandimwe bawe bwite, wigishijwe kutizera abantu, kutabishingikirizaho; nk'umugorozi mu bagorozi, Umuhigeno mu bahigeno, Umukalvinisite mu bakaruluvinisite, umuporotesitanti mu ba porotesitanti, wihatira kuba umwiringirwa kuri bo.

Saba kubwiriza ku ruhimbi rwabo kugira ngo wamamaze idini ryacu ryera na Papa, hamwe n'ubushizi bw'amanga karemano bwawe: kandi nanone, wicishe bugufi kugira ngo uhinduke umuyahudi mu bayahudi,

kugira ngo utare amakuru yose ukeneye mu nshingano yawe, nk'umusirikare w'indahemuka wa papa. Wize kubiba rwihishwa imbuto y'urwango muri Leta zirimo amahoro maze ukabatera kumena amaraso. Izo Leta zishore mu ntambara, maze ubyutse impinduramatwara,

Intambara zihanganishije abene gihugu mu miryango, mu ntara no mu bihugu byigenga kandi bihagaze neza mu by'ubukungu, aho bishimiye ibyiza basanga mu muco, ubugeni ndetse n'ubumenyi. Ifatanye n'abarwana mu ntambara kandi ukorane rwihishwa n'abavandimwe bawe b'Abajezuwite, bashobora kuba bari ku rundi ruhande kandi urwanye ku mugaragaro uruhande mufatanije. Nibwo buryo bwonyine kiliziya ishobora kugera ku ntego yayo mu bihe bitayoroheye, ikagera ku myanzuro yifuza mu mishyikirano igamije kugera ku mahoro… Ntiwibagirwe ko umusozo ari wo utsindishiriza uburyo bwakoreshejwe (iyo umusozo mwiza ugezweho, uburyo bwakoreshejwe ntacyo buba butwaye).

Wigishijwe inshingano y'abatasi: gutara amakuru no kumenya ibikorwa kandi ayo makuru ukayashaka ahashoboka hose. Kora ibishoboka kugira ngo ube umuntu wiringirwa mu miryango y'abaporotesitanti bo mu nzego zose, abacuruzi, abanyamabanki, abanyamategeko, hanyuma ucengere no mu mashuri, muri za kaminuza, mu ntumwa za rubanda, mu bashinga amategeko no mu nteko. Kubera bose byose, wubahiriza ubushake bwa papa tubereye abagaragu kugeza ku rupfu.

Wamaze guhabwa amabwiriza yose ukiri umutangizi, hanyuma nk'umupadiri warambitsweho ibiganza kandi

wungirije musenyeri, nk'ufasha abantu kwicuza ibyaha kandi ukaba padiri, ariko nturahabwa ibikenewe byose kugira ngo ube umuyobozi mu ngabo za "Loyola" mu murimo wa papa. Ugomba gukora nk'igikoresho cyo gushyira mu bikorwa igihano mu gihe gikwiriye, nk'uko amabwiriza y'abagukuriye abiteganya, kuko nta muntu n'umwe ushobora gukora ataregurirwa ako kazi binyuze mu kumena amaraso y'abahakanyi, kuko hatabayeho kumena amaraso, nta n'umwe ushobora gukizwa. Nawe rero ukwiriye kwambara intaro zose ukeneye mu kazi kawe kugira ngo nawe ubwawe ube wiringiye agakiza kawe, byiyongereye ku ndahiro yawe yabanje yerekeye kwicisha bugufi ku buyobozi no kubaha papa, ugiye gusubira mubyo mvuga:

Njyewe (Amazina yombi) ubu nonaha imbere y'Imana Ishobora byose, na Bikiramariya Mutagatifu, na Mutagatifu Mikayire Marayika ukomeye, Mutagatifu Yohana Umubatiza, Intumwa Ntagatifu, Mutagatifu Petero na Mutagatifu Pawulo, ndetse n'abatagatifu bose, …

Nsezeranye kandi ntangaje ko igihe cyose bibaye ngombwa, ngiye kujya nshoza intambara nta mpuhwe, haba rwihishwa cyangwa ku mugaragaro, ku bahakanyi, abaporotesitanti, n'abaharanira kwishyira ukizana, nkurikije amabwiriza nahawe, ko nzabatsemba ku isi, ntagira uwo ndeka, kandi ntitaye ku myaka, igitsina n'urwego umuntu arimo, ko nzabafata nkabatwika, nkabarimbura, nkabakuraho uruhu, nkabaniga, nkanababahamba ari bazima, nkasatura inda z'abagore babo nkavanamo ibyo mu nda, nkamenagura imitwe y'abana babo nyihonze ku nkuta, maze muri ubwo buryo

dutsembe burundu ubwoko bwabo bw'ikizira. Biramutse bidashoboka kubikora ku mugaragaro, nzakoresha mu ibanga igikombe kirimo ikinyobwa kirimo uburozi, umugozi wo kunigisha abantu, icyuma cyo gusogota cyangwa isasu, nta kwita ku cyubahiro, urwego cyangwa ububasha by'umuntu cyangwa by'abantu, imibereho iyo ariyo yose baba barimo, yaba iyarusange cyangwa iyo umuntu ku giti cye, mu buryo ndetse n'igihe nzaba mpawe amabwiriza n'uhagarariye papa cyangwa umukuru mu bafurere hakurikijwe ukwemera gutagatifu, n'itsinda ry'abajezuwite."

Ibyo byose bikorwa mu izina ry'Imana ishobora byose. Kubw'iyompamvu rero, imikorere ya kiliziya gaturika y'I Roma uko byagenda kose ntishobora kwitwa iyo mu ijuru! Oya, ntibishoboka dukurikije Bibiliya!

Ikinyoma giteje akaga gakomeye gituruka I Vatikani, ni ubutumwa bwiswe "Ivanjiri y'urukundo": Ni ikinyoma gikomeye cyakwirakwiye vuba hirya no hino ku isi! Mu kwemeza ko babwiriza ivanjiri y'urukundo, babwiriza ubuhakanyi bwica, bwateguwe na kirizaya Gaturika y'I Roma, kandi binyuze muri ubwo buhakanyi ni bwo bajyana imitima myinshi mu irimbukiro. Icyitwa impuzamatorero ya gikristo cyarogeye cyane.

"Ivanjiri y'urukundo" igira iti: "Imana iragukunda. Uburyo ubayeho ntacyo buyibangamiyeho. Ngwino mu itorero ryacu ry'urukundo kandi byose bizagenda neza. Birahagije ko uvuga uti "Nizera Imana!" Ubwo nibwo Imana inezerwa. Igufata mu maboko yayo ikakubwira iti "Urakaza neza mu muryango w'Imana."

Ni muri ubwo buryo abantu bashukwa hifashishijwe uburiganya bukomeye maze ntihagire impinduka iba mu mibereho yabo. Bakomeza kwiberaho imibereho y'abanyabyaha kandi biringiye ko bazakizwa. Abantu benshi mu isi bakunda idini nk'iri nyamara kandi ripfuye.

Umuntu wese urwanya ingengamikorere (système) ifite ububasha yashyizweho na vatikani azacirwa urubanza rwo gupfa. Ubwo nari I Londres, banjugunye mu muhanda wa gari ya moshi zigendera munsi y'ubutaka (metro) naho muri Irlande, IRA yaturikije n'igisasu icyumba nararagamo. IRA ni umutwe w'ingabo uharanira ubwingenge wica abantu batari abagaturika muri Grande Bretagne[2] (soma garande buretanye), uyobowe n'abajezuwite babirahiriye. Muri Amerika, nyuma y'amateraniro yo gusenga, umuntu yashyize uburozi mu biryo byanjye. Bandasheho nibura incuro eshanu.

Hashize imyaka itanu bangabyeho igitero, giturutse ku ngirwa bavandimwe banjye. Uwiyitaga umukristo, wari umuganga w'amenyo kandi akaba ari umunyamurava muri iyo nkubiri y' "Ivanjiri y'urukundo", yarambaze mfite ikibazo cy'amenyo. Ubwo ikinya cyari kikindimo, uwo muganga w'amenyo yari ari kumvura kuri rimwe mu menyo yo hejuru ibumoso. Yacukuye umwobo mu ryinyo kugirango agere ku mutsi maze awusohore. Akuma yinjizagamo kacitsemo maze aho kugira ngo asohore ako kuma, cyangwa ngo ambwire ibyabaye, yahomye iryinyo kugira ngo hatagira ubibona. Niyumvisha ko yabikoze abigambiriye, arekera ako gace

[2] Grande Bretagne: Igizwe n'ibihugu bikurikira: Ecosse, Ubwongereza, Pays de Galles, na Irlande y'amajyepfo.

k'icyuma mu ryinyo, azi ko ibyo bizatera ubwandu bwari gucengera bukagera ku bwonko maze bikamviramo urupfu.

Nyuma y'imyaka ibiri, nasubiye kwa wa "mukrisito", nta gukeka na gato ko agace k'igikoresho cyacitsemo kari kakiri mu mutwe wanjye. Iyo ngirwa mukristo, aho kunyoza iryinyo, yanteye imyuka y'uburozi yangiza imitsi y'ubwonko (Gaz neutoxique) mu ishinya y'iryinyo. Umugore wanjye wari untegereje imbere y'ivuriro yabonye umuforomokazi atwaye umwambaro wanjye maze amubaza amakuru y'uko nari merewe, umuforomokazi, afite ubwoba, yasubije umugore wanjye ati: "Umugabo wawe ari gupfa." Nubwo iyo myuka y'uburozi yagombaga gutangira gukora nyuma y'amasaha runaka maze gusubira iwanjye, numvise merewe nabi mu buryo butunguranye maze nta ubwenge nkiri mu ntebe yo kwa muganga w'amenyo. Umuvuduko wanjye w'amaraso wagaragazaga ko wari wagabanutse ku buryo buhangayikishije. Umugore wanjye arasakuza agira ati "Alberto, bakunje bate?"

Muganga w'amenyo ati "Mumurekere hano, turamuvura neza cyane."

Nyamara nagaragaje ko ntabyishimiye maze umugore wanjye anjyana imuhira. Muganga yabwiye umugore wanjye ati "umugabo wawe yagize ubwoba, mujyane iwanyu, kandi araza kumererwa neza."

Ngeze iwanjye, nicaye mu bwogero, ingingo zanjye n'imitsi bitari gukora. Nari nzi ko bari bandoze, kubera ko nanjye ubwanjye najyaga nkoresha iyo myuka y'uburozi ubwo nari umujezuwite. Roma yari imeze

nk'igiye kwegukana insinzi. Umugore wanjye yahamagaye inshuti zacu hafi muri Amerika yose no muri Mexique (Soma megizike), ababwira ko bari bandoze. Imana yonyine ni Yo yashoboye kunkiza urupfu rwagombaga kubaho nta kabuza.

Nararibwaga bikabije. Mu maso yanjye hari hatumbye kandi hahindutse. Nagiye kureba undi muganga w'amenyo wanyujije iryinyo ryanjye mu cyuma gifotora ngo arebe uko rimeze. Yambwiye ko ibyo abonye birenze ukwemera. Byari biteye impungenge: kandi yahise afata umwanzuro wo kunyohereza ku muganga w'inzobere.

Uyu yatahuye ko hari agace k'igikoresho cy'icyuma mu ryinyo ryanjye, kimwe n'akazinga, kari ikimenyetso cy'ubwandu, umuganga w'inzobere mu kuvura imizi y'amenyo yagerageje gusohora icyo gikoresho mu ryinyo ariko ntiyabishobora, ubwo rero ubwo bwandu bwarasakaye hanyuma buza no kugera mu rwasaya rwose. Byabaye ngombwa ko aharagata igufa ry'urwo rwasaya kugira ngo akuremo ubwandu.

Mu gihe cya vuba, abantu benshi bazarenganywa, kubera kutagaragaza ko bubahiriza Gahunda nshya y'isi (Nouvel Ordre Mondial). Akarengane kagiye gukwira hose. Ni gahunda yateguwe kera cyane.

Muri iyi minsi, umuntu wese udashaka kwemera ubwumvikane ku bijyanye n'inzira yabo n'uburyo bari gukorera mu bitangazamakuru, atangira guhigwa. Vatikani ntiyihanganira na gato n'umuntu wese unyuranya n'umugambi wayo. Uwo ariwe wese uzitandukanya n'itorero rishya ry'isi yose, rihagarariye

ishyirahamwe ry'amadini yose ariho ayobowe na vatikani, azarenganywa. Urukiko rwaciraga imanza abahakanaga inyigisho za kiliziya gaturika (Inquisition) (soma Enkizisiyo) ruzongera rushyirweho, ibyo simbishidikanyaho!

Ndashaka kugira icyo nongera ku mateka ya vatikani. Kiliziya gaturika y'I Roma yashyizweho I Roma muri 337 nyuma ya Yesu Kristo, ku ngoma y'umwami w'abami Constantin (soma Konsitante). Constantine ubwe ntiyigeze aba umwizera mu buryo bwa Bibiliya. Yaramyaga rwihishwa ikigirwamana cy'izuba kugeza apfuye.

Kiliziya y'I Roma yarenganyaga abizera nyakuri ishaka kuburizamo burundu inyigisho ya Bibiliya y'umwimerere. Abari abanyedini by'ukuri bihishaga mu bituro byo munsi y'ubutaka no mu misozi kugira ngo bahunge urupfu. Ku bw'ibyo rero, kiliziya gaturika yabonaga impamvu yo kubaho mu kurenganya abashyigikiye iyobokamana rishingiye kuri Bibiliya. No muri iki gihe ni ko bimeze, kandi no mu gihe kizaza ntibizaba binyuranye n'ibyo.

Vatikani izarenganya abahindukirira Imana yo muri Bibiliya. "Ibirura byicana" byacengeye no mu batari abagaturika. Kubera ko abavugabutumwa batari abagaturika batabwiriza kuri iyi ngingo, abantu bazi bike cyane kuri ibyo bintu.

Umutimananama w'abantu wasinzirijwe n'amagambo agira ati "Ni kuki ibyo ari ngombwa?" "Mbese buri muntu ntakwiriye gukunda mugenzi we, by'umwihariko muri iyi minsi yacu, mu kinyejana cya 20 n'icya 21?" Nyamara,

Vatikani yo ntisinziriye. Abarwanashyaka bayo bacengera rwihishwa mu matorero nk'abafuramaso (freemasons), abaramya imbaraga z'umwijima, abatinganyi, n'abandi. Abo bose baza bigize nk'abantu bakunda gusenga. Ni uko Papa yohereza ingabo ze mu matorero atari ay'abagaturika kugira ngo barangize umurimo. Ni Abajezuwite biyoberanya, ibikorwa gaturika by'urubyiruko, abarejiyo ba Mariya, kimwe n'abapadiri n'abihayimana b'igitsinagore bagenda mu mihanda bambaye nk'abantu basanzwe, batojwe kwigisha no kubwiriza ku ruhimbi, bemeza ko Kiliziya Gaturika y'I Roma ari itorero rya gikristo, ibyo kandi bikizerwa nk'ukuri n'abatari abagaturika hafi ya bose.

Uko niko papa yaje muri Amerika itari gaturika, afite ububasha n'ikuzo, ashimagizwa n'abatari abagaturika bazwi cyane! Uwo mwanzi ukomeye w'incakura w'Imana, ari we papa, yatumiwe muri perezidansi ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (Maison Blanche) atumiwe na Perezida w'umuporotesitanti w'umubatisita, Jimmy Carter (soma Jimi Kariteri), aho yahawe icyubahiro nk'umukuru w'igihugu n'umuyobozi mu by'umwuka wa miliyoni 800 ku isi. Igihe perezida w'umuporotesitanti yemereye papa guha umugisha abaturage b'Amerika, mushobora kubona ko umukino umeze nk'uwarangiye. Abarinzi bacu mu byo kwizera baracecekeshejwe. Mu by'ukuri biragoye kwizera ko bamwe mu “barinzi bacu bakomeye mu byo kwizera” bagiye I Vatikani kureba papa, kuvugana na we no guhabwa umugisha na we! Mbega ibintu bikojeje isoni! Abatangije ivugurura batubanjirije, bashenguka mu mitima yabo cyane baramutse bashoboye kubona ukuntu umuntu wo muri iyi minsi yacu yagiye kure ya Bibiliya.

Umukozi ukomeye w'intasi y'I Roma ukorera muri Amerika ni umugore twigeze kuganira incuro nyinshi. Yari afite umwanya mu mutwe w'abalejiyo ba Mariya. Yari afite inshingano isobanutse yo gucengera mu bapantekote n'ababatisita binyuze mu itsinda ry'abakarisimatike. Yari umuntu w'inzobere mu gusinziriza ibitekerezo, kandi akagira imbaraga zikomeye ku mibereho y'iby'umwuka y'abantu benshi. Binyuze mu biganiro mbwirwaruhame, yakoze umurimo ukomeye cyane awukorera Roma. Yagombaga gushyiraho umurongo ngenderwaho w'ibiranga kiliziya gaturika y'I Roma. Aho niho inyigisho ze zari zishingiye. Mu kumuhembera ibikorwa by'indashyikirwa yakoze, bamuhaye uburenganzira bwo kwakirwa mu buryo bw'umwihariko na papa. Dukwiriye kuba tubizi. Iyo umuntu ahawe uburenganzira bwo kwakirwa nk'ubwo, agomba kunama imbere ya papa kandi agahamya ko ari Yesu Kristo ku isi, ufite uburenganzira bwo gutanga umugisha ku murimo ukozwe neza.

Papa ntiyigeze na rimwe aha umugisha umuntu urwanya inyigisho za Roma, kuko kuzirwanya bifatwa nk'ubuhakanyi, kandi nta kintu na kimwe mu mateka kitugaragariza ko ibyo byaba byarabaye. Birabujijwe mu magambo asobanutse n'amahame ya kiliziya gaturika y'I Roma.

Uyu mugore uvugwa yakundwaga n'abantu ibihumbi byinshi by'Abakristo. Nyamara 60% by'abo yakiraga bari abagaturika. Yashishikarizaga abantu bose kunga ubumwe; abapadiri, abigisha, n'abapasitoro b'ababorotesitanti. Nyuma y'urupfu rwe, bamusomeye misa y'umwihariko I Las Vegas.

Nanjye ubwanjye nari umujezuwite, sinari nyobewe ko muri twe hari benshi, mu murimo wabo wo mu ibanga, bari bazi ibikorwa bye. Yari Kathryn Kuhlmann (Soma Katirine Kulumani).

Ntimutekereze ko abajesuwite bacengera gusa mu bapantekote, abakarisimatike cyangwa mu mpuzamadini honyine; baboneka no mu Borutodogise (Orthodoxes) no mu bavugabutumwa. bagenzura abavugabutumwa bakomeye n'abayobozi ba gikristo kandi bakanagenzura imyitwarire yabo iyo habaye ingendo za papa – bakareba niba bakomeza kumera nk'aho ntacyo bibabwiye cyangwa niba baba banyuzwe cyane n'uruzinduko rwe, niba bamugaragariza icyubahiro kandi bakagira ibyo bamwandikaho mu binyamakuru.

Mu kwezi k'ugushyingo 1979, papa yahuye n'abayobozi b'amatorero ya Orutodogise ahitwa Istanbul (soma Isitambulu), muri Turukiya. Muri uko kunga ubumwe, amatorero ya Orutodogise yashyizwe mu bugenzuzi bwa Roma kandi ububasha bwa papa buzaba buri kuri miriyari irenga y'abantu biyongereye ku basanzwe. Abayobozi ba politike bo mu isi batinya cyane ububasha bw'uwo mugabo kurusha uko batinya ibitwaro bya kirimbuzi. Abayobozi b'isi rero ntibamutinya gusa ahubwo baramukurikira kubera ko afite ubutunzi bwinshi. Ubwo butunzi buri munsi y'ibendera rya Vatikani.

Kubera ko Vatikani ari Leta yigenga, umugaturika wese ahinduka umwenegihugu wayo mu gihe cy'umubatizo Bagomba kuba abayoboke ba Roma mbere ya byose, hanyuma bakaba n'abayoboke b'igihugu cyabo cya kavukire. Abantu bacye cyane ni bo basobanukiwe ko

Roma mu buryo bwa rwihishwa ifitanye isano n'abiliminatisi, Abafuramaso, Abahakanamana kandi ko bagenzura amabanki n'ubucuruzi bw'isi. Bifashisha ibitangazamakuru kugira ngo bagoreke ibintu byose kandi bayobye abantu bose ku isi. Intego bashaka kugeraho, ni ukugira idini rimwe n'ubutegetsi bumwe bw'isi. Iyo mikorere ifite gusa umwanzi umwe gica – ni abantu bafite umudendezo bashingira ukwizera kwabo kuri Bibiliya.

Ubwo Inqusition (Soma Enkizisiyo) ari rwo rukiko rwa Roma ruzaba rwongeye gukora, umugambi wa Roma wanoganijwe mbere uzatahura buri tsinda ry'abizera bafite iyobokamana rishingiye kuri Bibiliya kugira ngo baburizemo ibikorwa byabo. Roma izabafungira imiryango, yifashishije abakozi bayo bo mu ibanga, ari bo bajezuwite, nka Jim Jones njye ubwanjye nari nzi, yari umudiyakoni w'umujezuwite kandi wari ufite uruhare rwimbitse mu kuramya kurimo imbaraga z'umwijima. Ubwicanyi bwa Jones bwateguwe mu rwego rwa gisirikare, mu rwego rw'idini n'urwa politiki. Yari umurwanyi ukomeye cyane kandi akaba n'umujezuwite watojwe neza.

Yakoraga umurimo wo guharanira ubumwe bw'amadini n'uw'ibikorwa by'abakarisimatike. Yabwirizaga "Ivanjiri y'urukundo." Abigishwa be abenshi bari abagaturika n'abahakanyi bo muri kiliziya gaturika y'I Roma. Abandi bari abakristo basubiye inyuma bo mu matorero atandukanye ya giporotesitanti. Mu mwaka w'1953, yashinze itorero rya "Assemblée de Dieu" (Inteko y'abantu b'Imana), mu mwaka w'1962 yabaye umuvugabutumwa muri Bresil (soma Burezili), mu

mwaka w'1964 yashyizwe mu bigishwa b'itorero ryitwa "Eglise du Christ" (Itorero rya Kristo).

Abo bantu b'ingenzi bose bari abagaturika. Nk'umujezuwite mwiza, Jim Jones yasabye abigishwa be kumwita "Data", ndetse mu mwaka w'1973 abasaba kuba ari we babwira amasengesho yabo. Nzi neza nta gushidikanya ko ibyo byose byari mu mugambi wo kurimbura abantu wateguwe, hagamijwe gucecekesha abanzi ba Roma. Hakurikijwe amabwiriza y'I Roma, Jim Jones yari ari gutegura gutangaho igitambo umukumbi we kugira ngo asohoze indahiro yagiriye abajezuwite. Ibyo bintu biteye ubwoba kandi bishishana bimaze kuba, isi yose yacitsemo igikuba, abantu barababara cyane. Ibitangazamakuru na televiziyo byo mu isi yose byemeje ko Jim Jones yari abifitemo uruhare nk'umwizera wari waratwawe ubwenge n'inyigisho yizeraga, nk'umunyedini w'umwaka; niyo mpamvu abantu bose bigaga Bibiliya mu mudendezo batangiye gukemangwa. Mbega ubugambanyi buteye ubwoba!

Ababwiriza benshi ntacyo babibwiraho abantu babo. Abazi ukuri kwabyo ntibagira icyo babivugaho bitewe no gutinya ko batakaza abayoboke babo, byongeye kandi bakeneye kugiririrwa impuhwe no gufashwa na kiliziya gaturika kugira ngo bakomeze kubaho. Nyamara nubwo ibyo byose byabaye, hari abantu bizera ko abagaturika bari mu nzira nziza! Mbega akaga! Ibyo byangiza abizera nyakuri kandi bigatera Roma kunezerwa.

## Igice Cya Gatatu – ABABYEYI BA KILIZIYA

Mu gihe habagaho ikibazo I Los Angeles, ubwo umuntu yari yashushanije ikimenyetso cy'abanazi (swastika) ku isinagogi y'idini ry'abayuda yitwa "Beth Israel", abanyamakuru babajije umwigisha waho witwa Chapire ikibazo gikurikira:

"Ese mwaba muhangayikishijwe n'ukwiyongera kw'ibikorwa birwanya abayahudi?" Uwo mwigisha yarasubije ati: "Birumvikana ko igisubizo ari yego! Buri gihe iyo mbonye umusaraba w'ikirango cy'Abanazi numva mpungabanye. Ariko ndagira ngo mbabwire ko, nta muntu n'umwe wo mu bwoko bwacu uzongera kuba mu nkambi z'urupfu. Numva rwose nshenguwe n'icyo gikorwa cy'ubuhezanguni [nk'ubwo mu igihe cy'abanazi.] Igikorwa cy'abo bantu b'inyangabirama kizahagarikwa!"


Polisi yataye muri yombi William Smith wari washushanyije ikimenyetso cy'abanazi (Swastika) ku isinagogi y'abayahudi yitwa "Beth Israel."

Umunyamakuru yaramubajije ati: "Dukurikije ibyo abantu bari kuvuga, biracyekwa ko yaba ari wowe washushanije umusaraba w'ikimenyetso cy'abanazi ku isinagogi. Ese ibyo byaba ari ukuri?"

William Smith yasubije n'icyizere cyinshi ati: "Ni gute uvuga ngo 'Biracyekwa?' Ni njye wabikoze. Igihe kirageze kugira ngo abantu basobanukirwe ko aba Bayahudi bateye ishozi ari bo ntandaro y'ibibazo byacu byose. Ibintu byose ni ibyabo. Kandi n'ayo mateka ya milioni esheshatu z'abayahudi bishwe ni ikinyoma cyahimbwe n'itangazamakuru ry'abayahudi."

Yabajijwe ikindi kibazo: “Urashaka kuvuga ko jenoside yakorewe abayahudi itigeze ibaho?” Smith yarasubije ati: “Ntayabayeho rwose! Ibyo byose ni ikinyoma gikomeye!”

Uwo mugabo yari umukozi usanzwe wa Vatikani kandi yavugaga ibinyoma birenze ukwemera. Ahari umuntu yakwibaza iki kibazo: “Ese Vatikani yaba ihuriye he n’iby’abanazi?”



*Cardinal Augustin Bea (1881 – 1968)*

Ubwo nari nkiri umujezuwite wabirahiriye, batwigishije ibintu byinshi kuri Nazisme (Soma nazisime) na Communisme (Soma Komunisime), n’impamvu miliyoni z’Abayahudi batari bafite intwaro bishwe. Mu gihe cy’imyaka itatu, nigishijwe n’umujezuwite w’umuhanga cyane w’umudage, Cardinal Augistin Bea (soma karidinali Ogisite Beya), wari ushinzwe kwicuza ibyaha kwa papa Piyo wa 12 uzwi cyane nk’uwabaye Papa wa Hitler (soma Hitileri). Yatubwiraga amakuru y’ibanga rikomeye. Yari incamake y’ibintu byabaye mu mateka bitigeze narimwe byandikwa mu bitabo by’amateka.

Kiliziya gaturika y’I Roma yashyizeho ingengabitekerezo nyinshi. Muri zo ndavugamo ebyiri gusa. Izo ngengabitekerezo ebyiri zateguwe kandi zinozwa na Vatikani kugira ngo zigere ku rupfu n’umubabaro w’abantu miliyoni nyinshi.

Ni rimwe mu mabanga arinzwe cyane yo muri ibi bihe turimo. Abana babiri ba Kiliziya gaturika ni ishyaka

ry'Abanazi n'ishyaka ry'Abakomunisite. Ariko mbere y'uko mbigaragaza neza, nkwiriye kubanza gusobanura impamvu abayahudi bahoraga buri gihe bibasiwe na kiliziya gaturika y'I Roma. Kiliziya y'I Roma buri gihe yifuje kugira icyicaro cyayo I Yerusalemu, kuko aho niho itorero rya mbere rya gikristo (ryiswe iry'intumwa) rikomoka. Ariko yabujijwe gushyira mu bikorwa inzozi zayo n'abayahudi b'Aborutodogise. Ni yo mpamvu bibasiwe bikomeye n'abagaturika!

Amateka atubwira ko mu bihe by'intambara yiswe “Croisades” (Soma Kuruwasade ) abakristo barwaniraga Imana na Papa, bashaka kubohoro ubutaka bwera ngo bwe kugenzurwa n'abayisilamu. Abo basirikare mu byukuri ntibari abakristo mu busobanuro ubwari bwo bwose bw'iri jambo. Nta kintu na kimwe bari bazi, yaba Imana cyangwa Bibiliya. Bari abantu b'abanyabyaha bafite imitwe ikomeye bari bayobowe n'abapadiri kugira ngo bagere ku mugambi wabo mubisha…

Mu mwaka w'1906, babanje kugaba ibitero ku Bayahudi b'I Burayi, basenya aho imiryango yabo yose yari ituye – ubwo bakomezaga bagenda basatira Yerusalemu, Abayahudi barababajwe cyane bakorerwa ibintu bibi ndengakamere. Ibikorwa bya kiliziya y'I Roma ntibyarangwagamo impuhwe na nke. Aho banyuraga hose bahasigaga ibimenyetso by'amaraso, urupfu, imibereho mibi n'urwango.

Umubare munini w'abayahudi bishwe mu buryo bubi bukabije, abana babo bagahatirwa ku ngufu guhinduka abagaturika. Kiliziya y'I Roma yari ibafitiye umugambi.

Ese ni kuki Kiliziya y'I Roma yari ifite cyifuzo cyo kugira icyicaro cyayo I yerusalemu? Kuki byari ngombwa gusiga icyicaro cyitiriwe Mutagatifu Petero, n'intebe ya kiliziya iri I Roma? None se Petero ntiyabambwe acuritse umutwe, hanze ya Roma, nk'uko Kiliziya gaturika yabivuze mu gihe cy'ibinyejana byinshi? Amagufa ye se ntahambye I Vatikani?

Ku bw'amahirwe macye ya kiliziya gaturika, muri iyi myaka ishize, hari ikintu cyabaye cyabangamiye Kiliziya y'I Roma. Imva y'Intumwa Petero yatahuwe I Yerusalemu, ahantu hari ikigo cy'abihayimana bo mu muryango wa mutagatifu Faransisiko, aho hantu hitwa Dominus Flevit.[3] Mbega ikimwaro kuri Vatikani! Byari bigoye cyane guhisha ayo makuru.

Noneho ubu, tugiye kugira icyo tuvuga ku wundi mwanzi ukomeye cyane wa Roma – Itorero rya Orutodogise.

Impagarara zatangiye ahagana mu mwaka wa 330 nyuma ya Yesu Kristo. Muri cyo gihe, itorero rya gikristo ryari ryibasiwe n'ibikorwa by'akarengane gakomeye bakorerwaga n'abapagani b'abaromani. Nyamara, nubwo hari ako karengane, umubare w'abakristo wariyongerega.

Umwami w'abami yagerageje guhagarika ibyo bikorwa by'abakristo, ariko ntiyabigeraho, ubwo bashyizeyeho Itorero rya gikristo rififitse ryagombaga kugenzura abizera rikoresheje iterabwoba n'imigenzo ya gipagani.

[3] Ushaka kumenya amakuru arambuye ajyanye n'ivumburwa ry'imva ya Petero, wareba igitabo cyitwa: Peter's Tomb Recently Discovered In Jerusalem cyanditswe na F. Paul Peterson

Dore uko byagenze: biturutse ku gucika intege no kugwa k'ubwami bwa Roma, abayobozi b'icyo gihe basimbuje imyambaro yabo ya cyami, imyambaro yakwitwa iya gikristo. Nyamara, gahunda ya gipagani ntacyo yahungabanyeho! Icyo bakoze gusa, ni uguha amazina mashya ibigirwamana byabo bya kera n'ibishushanyo byabo. Jupiter (Jipiteri) yahindutse intumwa Petero, Venus (Venisi) yahindutse Bikiramariya, etc.

Mu mwaka wa 313 N.K, umwami w'abami Konsitantine yatangaje iteka ryo koroherana. Mu kwitangaza kwe nka papa wa mbere, yashakaga guhuza abapagani n'abihayimana, avanga ukuramya Baal kwa gipagani n'inyigisho za Bibiliya.

Urwo ruvange rurimo urujijo rw'ubukristo n'ubupagani ni rwo rwabyaye imikorere ya Kiliziya Gaturika y'I Roma. Abantu b'abanyedini bubahaga Bibiliya bari bazi neza ko inyamaswa nyakuri yari imaze kuremwa, kandi yiyitaga “Ubukristo.” Bari bazi ko ari iyobokamana ripfuye, rinyuranije rwose na Bibiliya. Kugira ngo barengere imiryango yabo, ubwo bahungiye mu misozi.

Amaze kwivanaho, Konsitantine yahaye umwepisikopi w'I Roma izina ry'icyubahiro rya Pontifex Maximus rimushyikiriza inshingano za Papa. Konsitantine yagiye I Byzance (soma Bizanse) mu mwaka wa 330, aha uwo mujyi isura nshya maze awita Constantinople (soma Konsitantinopule). Ku bwe, yakomeje kuba indahemuka kuri kiriziya y'I Roma. Uko igihe cyagiye gihita, habayeho ukwigabanyamo ibice kwa Kiliziya Gaturika y'I Roma hagati ya Roma

Iburengerazuba na Konsitantinopule Iburasirazuba. Konsitantinopule yahindutse icyicaro gikuru cy'Itorero Orutodogise. Kiliziya Gaturika y'I Roma n'itorero Orutodogise bahinduka abanzi bakomeye.

Mu mwaka w'1204, Papa Innocent wa 3 yatangije intambara ya kane ya Croisade (Soma kuruwasade), agaba igitero I Konsitantinopule. Abarwanaga urwo rugamba basenya uwo mujyi barimbura abaturage bawo, basahura ikintu cyose bashoboraga kugeraho. Aho guca bugufi ngo bategekwe na papa, abarokotse baramuvumye kandi barushaho kwitandukanya na we.

Hanyuma, amatorero y'iburasirazuba yisanze mu burinzi bw'umwami w'Uburusiya (Tsar). Kiliziya Gaturika ifata icyemezo cyo gukuraho umwami w'Uburusiya wari umuyoboke w'itorero Orutodogise naramuka yanze kuyoboka Kiliziya y'I Roma, nk'uko yari yarabikoreye Abayahudi.

Mu gihe cy'ibinyejana byinshi kugeza mu 1491, abapapa nk'abayobozi b'idini, batwaraga abami n'abamikazi bo mu Burayi. Icyo cyabaye igihe cy'umwijima mu mateka. Nyamara, buhoro buhoro, ibintu byagiye bihinduka mu bupapa. Impagarara n'imyivumbagatanyo, abantu bamagana kandi bahakana ugukandamiza kw'abapapa (ari ho haturutse izina ryabo ry' "Abahakanyi" (Protestants).

Muri icyo gihe, umuhungu muto yavukiye mu ngoro ya Loyala muri Esipanye. Yari umunya Esipanye wo mu karere ka basque (soma basike). Amaze kuba mukuru, uwo muhungu yashatse guhindura isi. Yitwaga Ignace de Loyola (soma Inyasi do Loyola). Yari umukozi wari ufite

ubuhanga buhanitse yahawe na Satani. Yashinze umutwe w'ingabo w'abapadiri bari bashikamye cyane ku myitwarire na gahunda – ari bo bitwa Abajezuwite. Vuba cyane bari bagiye guhinduka imbaraga ikomeye yo kugaba ibitero mu rwego rw'iyobokamana iruta izindi zose zabayeho mu mateka. Wari umutwe udasanzwe kandi wihariye wa Kiliziya y'I Roma.

Abajezuwite bahinduye imbata abo bashoboye kuganza bose. Bashoje intambara maze bica abami n'abaperezida, muri bo harimo Aburahamu Lincoln. Bari biteguye gukora icyo ubwenge bw'umuntu bushobora gutekereza cyose kugira ngo bice kandi basebye umuntu wese wari gutinyuka kwitambika mu nzira yabo. Birukanwe hafi mu bihugu byose, uretse muri Amerika, aho bakoreraga cyane, bagenzura politiki, abinjira muri Amerika, n'ibindi.

Umurimo wabo wari uwo gutuma buri mugabo, buri mugore, na buri mwana bapfukamira papa, bafataga nka Yesu Kristu ku isi, bakabashira munsi y'ubutware bwe. Umuyobozi w'abajezuwite (Le general jésuite) afatwa nka Papa wirabura (Le Pape Noir). Mu by'ukuri ni we uyobora Vatikani mu buryo bw'ibanga, ayobowe na Satani[4] ubwe.

Byinshi mu bitabo bishyira ahagaragara amateka y'abajezuwite yo kumena amaraso birajugunywa cyangwa bigacibwa cyangwa ntibyongere na rimwe gusohorwa mu icapiro. Kandi si ibitabo gusa, ahubwo n'abapadiri bahoze ari abajezuwite barihisha, cyangwa bakazimira cyangwa ugasanga barapfuye. Ese abajezuwite hari inshingano

[4] Ushaka kumenya byinshi ku miterere ya Satani wareba igitabo cyitwa "Ispovest palog andjela / Confession d'un ange déchu", Penta Gram, éd. Metafizika, Belgrade.

basohoza mu kinyejana cya 20? Ibyo mugiye gusoma ahakurikira biteye agahinda.

Mu nshingano yacu idasanzwe I Vatikani, twize amateka nyakuri y'Ubukominisime. Abayoboke b'indahemuka muri iryo shyaka bari kugira agahinda iyo baza gutahura ko abari intwari zabo b'ibirangirire, Marx (soma Magisi) na Engels (soma Enjozi), ari bo banditse Amahame remezo y'Ishyaka rya gikominisite (Le Manifeste du Parti communiste) mu mwaka w'1848, ko bari bayobowe kandi bahabwa amabwiriza n'abapadiri b'abajezuwite.

Umukaridinali witwa Augustin Bea (soma Ogisite Beya) yatubwiye ko ishyaka ry'Abakominisite ryari ryarahagurukijwe n'abajezuwite bari bafite inshingano imwe rukumbi – mu gihe cyagenwe, bagombaga gusenya bagakuraho Itorero Orutodogise, kimwe n'umurinzi waryo, ari we mwami w'Uburusiya! Kwari ukwihorera! Ishyaka ry'abakominisite ryakurikiranwaga mu buryo buhoraho n'abakozi ba Roma (Illuminati) kugira ngo bashinge undi mutwe ukomeye uyoboka Kiliziya Gaturika.

Mbere y'intambara ya mbere y'isi, ububasha bukomeye bwari bugizwe n'Abayahudi b'abakire bagerageje kongera kwigarurira ubutware bwo kugenzura Yerusalemu. Byarakaje cyane itorero ry'I Roma. Abayahudi babangamiye na none ibikorwa byaryo bya rwihishwa byari bigamije kwimukira ku butaka butagatifu.

Abo Bayahudi barwanyaga Kiliziya y'I Roma bari kuzaryozwa bikomeye ugutsimbarara kwabo. Ni muri

ubwo buryo abajezuwite bakoze imigambi itari iyo gutsemba gusa Abayahudi b'I Burayi, ahubwo yari igamije no gushishikariza abantu bose kubanga.

Batumenyesheje ko abajezuwite bakoze uko bashoboye kugira ngo Abayahudi bamwe b'indahemuka kuri papa, bandike inyandiko yiswe "Protocoles des sages de Sion[5]".

Ni muri ubwo buryo Kiliziya Gaturika yakoze ikindi "gikoresho gikomeye." Iyi nyandiko yari igiye gutunganya inzira iganisha ku kongera gushyiraho urukiko ruhana abo kiliziya yita abahakanyi (inquisition), n'ubwo ibyo byajyaga no gutwara ubuzima bwa miliyoni nyinshi z'abagaturika.

Mu ntangiriro z'imyaka y'1900, Ubufaransa bwaje gutuma umujinya wa Kiliziya y'I Roma urushaho kwiyongera ubwo bwasinyaga amasezerano mu bya politiki n'umwami w'Uburusiya, ibyo bitera uburakari bukomeye papa n'abajezuwite. Ubufaransa bwari busanzwe buri ku rutonde rw'ibihugu byo kurimburwa kuva igihe bwakuraga ku ngoma umwami wabwo w'umugaturika (1793) kugira ngo buhinduke Repubulika. Ayo masezerano n'umwami w'Uburusiya yari nk'igitonyanga cya nyuma cyatumye ikibindi gisendera kikameneka. Hagati aho itorero Orutodogise ryarushagaho kugenda rigira imbaraga nyinshi muri Bulgarie (soma Biligariya), muri Roumanie (soma Rumaniya), mu Bugiriki, mu gice cya Turukiya giherereye mu Burayi, muri Seribiya na Yugosalaviya. Kiliziya Gaturika yagombaga gucisha bugufi Ubufaransa no

[5] Ushaka kumenya byinshi kuri iyo nyandiko, wareba igitabo cyitwa "Behind Dictators", cyanditswe na L.H. Lehmann, p. 10-15, Agora Publishing Company, N.Y. 1942.

kurangiza ipiganwa ry'amadini muri Balkans. Igisubizo cyari cyoroshye. Abajezuwiti bateguye, bashishikariza kandi banatangiza rwihishwa intambara ya mbere y'isi.

Papa yashyigikiye Ubudage, kandi ubwo umuyobozi w'Ubudage, Kaiser (soma kayiseri), yasabaga Kiliziya Gaturika kumuha uburenganzira bwo kwagura imbibe z'Ubudage, papa Piyo wa 10 n'abajezuwite be babihaye umugisha. Nyuma y'itangira ry'intambara, papa Piyo wa 10 yarapfuye, kuwa 20 kanama 1914, asigira umwanya umuyobozi mushya.

Papa Benedigito XV yaramusimbuye. Yari afitanye na we umubano mwiza n'Ubudage, kandi ubwo bareberaga kure iherezo ry'intambara yagombaga kurangiza izindi ntambara, abagaturika b'abadage batangiye kwica abagaturika b'Abafaransa. Umuyobozi ntiyari ahangayikishijwe na gato n'abagaturika bishwe. Ahubwo yari ashishikajwe no gukoresha imbaraga no kwihorera. Ubugade bwarwanaga n'Ubufaransa, Ubwongereza n'Uburusiya. Hanyuma n'Amerika yinjiye mu ntambara. Iyi ntambara yamaze imyaka ine yose. Uburayi bwari bwarabaye amatongo. Kiliziya y'I Roma yari yarataye ikuzimu miliyoni nyinshi z'abantu.

Ubwo abantu banihaga basamba, bapfira mu byondo, bazengurutswe na senyenge, baraswa amasasu, bamishwaho ibyuka bihumanya, abajezuwite bari bahugiye mu gutegura intambara ya kabiri y'isi. Nubwo batari bazwi n'abaturage b'abadage, abajezuwite, bari baramaze gutanga Ubudage gaturika, umwami wabwo na guverinoma ye nk'igitambo mu mugambi wo gushinga urukiko rushya ruhana abantu bose batemera ubutware

n'amahame bya kiliziya gaturika (ari rwo rwitwa Inquisition).

**Ibyatikiriye mu ntambara ya mbere y'isi:**

Abishwe: miliyoni 10 z'abantu; abakomeretse 20 z'abantu. agaciro k'ibintu byangiritse mu isi yose: miliyari zirenga 332 z'amadorari. Ubwongereza n'Amerika ya Giporotesitanti byegukanye itsinzi. Ni kubw'iyo mpamvu Abajezuwite bagerageje kurimbura Ubwongereza n'Amerika. Reka twongere twite ku magambo ya Abraham Lincoln: "Abajezuwite ntibajya bababarira na rimwe, kandi ntibajya bavirira intego yabo."

Mu Burusiya umwami Nikola wari umurinzi w'itorero Orutodogise ryo mu Burusiya, hamwe n'umugore we, umwamikazi Alexandra (soma Alegisandara), bari bafite umuhungu witwa Alexei (soma Alegiseyi), wagombaga kuzīma ingoma. Uwo muhungu muto yari afite uburwayi mu maraso bwitwa "Hemophilie" (soma emofili). Iyo yikebaga amaraso ye ntiyafataga ngo ahagarare. Iyo yituraga hasi mu mukino runaka, igikomere icyo ari cyo cyose cyashoboraga gutuma avira imbere. Icyo kintu cyashenguraga umutima wa nyina. Abaganga ntabwo bashoboraga kugira icyo bamufasha, muri ubwo buryo rero uwo muhungu muto yarababaraga bikomeye.

Raspoutine (soma Rasiputine) bitaga "Moine fou" (bisobanura umupadiri w'umusazi), yari umuntu wakoreshwaga n'abadayimoni (kimwe n'abapadiri benshi muri iki gihe bivugaho kuba bafite ububasha bwo gukiza). Raspoutine yemezaga ko yagize iyerekwa ry'Imana n'irya Bikiramariya. Yegereye wa muhungu maze kwa kuva amaraso birahagarara. Ni ibintu byari

bizwi neza ko Raspoutine (Rasiputine) yajyaga muri gahunda zo kuramya Satani zaberagamo n'ibikorwa by'ubusambanyi. Ni we wagenzuraga umwamikazi (umugore w'umwami) w'Uburusiya. Yari afite abanzi benshi mu bantu bo mu nzego zo hejuru. Abantu benshi bamufataga nk'igikoko gifite imbaraga ndengakamere cyayoboraga Uburusiya mu ibanga. N'umwami ubwe yatinyaga Raspoutine (Rasiputine) n'ububasha bwe ndengakamere.

Karidinali Augustin Bea yavuze ko umwamikazi, igihe kimwe ubwo yari yacitse intege, yahishuriye Rasiputine aho umwami yabikaga izahabu ye. Raspoutine yabwiye iyo nkuru umuyobozi mukuru w'Itorero Orutodogise mu Burusiya mbere y'uko yicwa.

Mu nama zisanzwe, karidinal Augustin Bea yaduhishuriye imigambi yo mu mateka, iyo muri iki gihe n'iy'ahazaza y'ububasha bwo ku isi bwa Vatikani. Ni igihe kiliziya yageragezaga kwisuganya neza nyuma y'inama ya kabiri ya Vatikani yitwa "Concile du Vatican." Karidinali yaravuze ati: "Nyuma yo gukora igihe kirekire n'ubwitonzi bwinshi bagategura impinduramatwara y'Uburusiya, Abajezuwite bakoranye cyane na Marx (soma Magisi), Trotski (soma Torotisiki), Lenine na Staline. Twohereje mu ibanga zahabu yacu mu Burusiya inyuze mu Budage tubifashijwemo n'abantu bacu bakomeye. Twese twizeraga ko bidatinze umwanzi wacu yari agiye kurimburwa … n'ubukominisime bwari bugiye kuvuka nk'ububasha bubyawe na kiliziya Gaturika!"

Lenine yari ari mu Busuwisi ubwo yamenyaga ko impinduramatwara yagombaga gutangira mu Burusiya. Kugira ngo bafashe Impinduramatwara gutsemba

umwanzi wabo, ubuyobozi bwo hejuru bw'Ubudage n'abandi bateguye mu ibanga igare ry'umwotsi ryo gutwara Lenine n'abaharanira impinduramatwara be bakanyura mu Budage. Muri Mata 1917, Lenine na bamwe mu bantu b'ingenzi cyane buriye igare ry'umwotsi ryavugwaga ko "ryizewe mu buryo bw'umwihariko."

Mu bayobozi b'ingenzi cyane mu myiteguro y'urwo rugendo, harimo Diego Bergen, umugaturika w'umudage ubihagazemo cyane, watorejwe mu mashuri y'Abajezuwite, nyuma y'aho agirwa ambasaderi I Vatikani ku butegetsi bwa Hitileri. Ubwo impinduramatwara yari kuba igeze ku nsinzi, byari kuba bisobanuye urupfu rwa miliyoni z'abantu, harimo n'umwami w'Uburusiya n'umuryango we.

Ubwo Lenine yageraga mu Burusiya mu 1917, abandi bantu baharanira impinduramatwara bari basanzwe bagenzura ibijyanye n'impinduramatwara. Umwami yahatiwe kwegura akava ku butegetsi, maze we hamwe n'umuryango we barafungwa. Ubutegetsi buvaho kandi abenshi mu basirikare bo mu ngabo ze bamuvaho.

Urujijo rwari ahantu hose. Igice cy'ingabo zakomeje kuba indahemuka ku mwami ziswe "Abarusiya bera" naho abaharaniraga impinduramatwara bitwa "Abarusiya batukura." Abari bagize iyo mitwe yombi babaye abantu bangana urunuka, barwanira kureba uko babaho. Lenine yashoboye kwigarurira ubutegetsi bw'impinduramatwara maze yimurira icyicaro cyabwo I Mascou (soma Mosiku) ku itariki 10/03/1918. Mu kwezi kwa kane, umuryango w'umwami wimurirwe ahitwa Ekaterinbourg (soma Ekaterimburuge) muri Oural (soma Urali) ku mpamvu z'umutekano.

Ingabo z'aba Tchèques (soma ceke) (zari zishyigikiye umwami w'Uburusiya) zegereye ahantu uwo muryango wari uri. Hari amahirwe menshi ko bashoboraga kubohorwa. Ariko ku itariki 17/07/1918, itsinda ry' "Abasovieyi bo muri Oural" bashinga "urukiko ruburanisha ibyaha byo mu ntambara" maze rwemeza ko umuryango w'umwami uhamwa n'ibyaha.

Batubwiye ko bamwe muri bo bari Abajezuwite bari bigize abakominisite. Maze igihe papa yari yarategereje kuva kera cyiragera. Uwarindaga Itorero Orutodogise yari ahanganye n'Abajezuwite ba Roma, bishe nta mpuhwe uwo muryango muto wari wakutse umutima.

Hanyuma mu ijoro, imirambo yabo yatwawe mu ikamyo ijyanwa ahantu hahoze hacukurwa amabuye y'agaciro hitwaga "Quatre-Frères" (bisobanura "Abavandimwe Bane"). Aho niho imirambo yabo yacagaguwe, bayisukaho acide (soma Aside), iratwikwa maze ijugunywa aho bacukuraga amabuye y'agaciro.



*Umuryango w'umwami w'Uburusiya*

Abajezuwite bakoze icyo gikorwa vuba cyane ku buryo n'ishyaka rikuru rya gikoministe ritamenye iby'urubanza n'ukwicwa kw'umwami n'umuryango we; babimenye ari uko byamaze kurangira. Yabaye itsinzi ikomeye kuri Kiliziya y'I Roma.

Batubwiye kandi ko uguhiga abayobozi b'itorero Orutodogise, abihayimana babo, abapadiri, n'abihayimana b'igitsina gore byatangiranye ubukana bwinshi. Kiliziya y'I Roma yari itegereje cyane amakuru arebana no kurimburwa kw'abanzi bayo mu by'iyobokamana.

Ibyabaye ku itorero rya Orutodogise ryo mu Burusiya byari nk'uburyo bw'igerageza. Iyo itorero Orutodogise ryo mu Burusiya risenyuka, umugambi ukurikiyeho wari uwo gusenya itorero ry'Ubwongereza ryari rigeze ku buce nyuma yo guhinduka kw'urwiyerurutso kw'umujezuwite ukomeye witwaga karidinari Newman (soma Niyumani). N'ubwo igeragezwa ryakorewe ku Itorero ry'Uburusiya ritashobotse; nk'uko ngiye kubabwira mu kanya, nyamara Itorero ry'ubwongereza ryaguye mu maboko ya Vatikani nyuma y'imyaka 60 bitewe n'igikorwa cy'impuzamatorero (Oecumenisme).

Nyuma yo kwicwa k'umuryango w'umwami w'Uburusiya, Abasoviyete batangiye kugaba ibitero mu bigo by'abihayimana (Monastères); ubwo rero ubwicanyi burongera buratangira. Gusa impinduka idasanzwe y'ibyabaga yashoboye kurokora Itorero ry'Uburusiya, umuyobozi mukuru w'Itorero Orutodogise yari afite igisubizo yari yarizigamiye yari yaragize ibanga. Igihe Ingabo zitukura (zaharaniraga impinduramatwara) zari hafi kwica uwo muyobozi ushaje, uwo yaje kuzisanganira

arambuye amaboko n'amarira mu maso maze arababwira ati :

"Bagenzi banjye, murashyize noneho muraje! Twari tubategereje. Twari tubahishiye zahabu y'umwami w'Uburusiya, bagenzi banjye nkunda!" Baratangaye bati "Zahabu? ... yacu?"

Abakominisite baratunguwe bamwumvise avuga ayo magambo. Barambitse intwaro hasi, bemera zahabu ndetse n'ubucuti n'uwo muyobozi kandi bategeka ko ubwicanyi bw'abapadiri, Abamwane, abihayimana b'abagore buhita buhagarara. Itorero Orutodogise rirokoka rityo. Abakominisite ntibafashe zahabu y'umwami yonyine, ahubwo banigaruriye zahabu ya papa. Bagerageje kugenekereza agaciro ka zahabu ya papa, yageze mu Burusiya inyuze mu Bubage, basanga ari hafi miliyoni 666 z'amadolari.

Amaze kubimenya, papa yari agiye gupfa kubera ikibazo cy'umutima. Yagambaniwe n'inshuti ze bwite z'abakoministe. Kiliziya Gaturika yendaga gusara kubera urwangano rwayo. Barabeshywe. Kandi abakoministe bari bagiye kuryozwa bikomeye ubwo buriganya bwabo, hatitawe ku cyo byari gusaba cyose. Vatikani yari igiye gukomeza bidatinze gukora binyuze mu rukiko rwa Inquisition (Enkizisiyo) rwo muri Espanye, batera umubabaro, urupfu no kwihorera ku banzi babo bose.

Nyamara ubu bwo, uretse Abayahudi, n'abaporotesitanti, hari hiyongereyeho abo mu itorero rya Orutodogise n'abakominisite bo mu Burusiya. Abajezuwite bari bazi uko bashobora kugera kuri uwo mugambi binyuze mu ntambara ya kabiri y'isi. Mu

gukurikira ibiganiro mbwirwaruhame bya Karidinali Agusitini Bea, twamenye ko Vatikani yashoboraga kugira impinduka ikomeye ku bukungu bw'isi. Yashoboraga gukora ku buryo abantu bikubita imbere ya Papa bakamupfukamira, binyuze mu guteza ihungabana ry'ubukungu mu buryo bateguye.

Mu bucakura bukomeye, Roma yayobeje abemezaga ko mu isi hari ubugambanyi nyakuri babohereza mu byerekezo byinshi bitari iby'ukuri. Cyari nk'ikirahuri gitangaje gikingirijwe n'umwotsi kugira ngo bayobereze uburarì kure ya Vatikani. Ibitabo byinshi byashyizwe ahagaragara birega abakominisite, komisiyo y'inyabutatu, umuryango wa Rockefeller (soma Rokefela), Abasiyonisiti, Abiliminati, Club (soma Kalabu) y'I Roma, n'abandi. Ikintu mu by'ukuri giteye ubwoba ni uko Kiliziya Gaturika ari yo yashinze myinshi muri iyi miryango, kimwe n'imiryango yarwaniraga hamwe na yo. Ibyo byari kandi n'ubu biracyari umukino ukomeye.

## Intambara Ya Kabiri Y'Isi

Turebe iby'intambara ya kabiri y'isi. Igihe gito nyuma y'intambara ya mbere y'isi, Ubudage bwanyuze mu bibazo bikomeye. Abayahudi bamwe bafitanye umubano na Kiliziya Gaturika bahatiwe na Vatikani kugura ubutaka bw'Abadage bamerewe nabi kandi bashonje. Amafaranga yatangwaga na Vatikani, maze abo barwanashyaka ba kiliziya gaturika bakagura ubwo butaka ku giciro cyo hasi. Abadage byabateye kwiheba. Mu gihe nyacyo, Abajezuwite bashingiye ku byari biri gukorwa n'abayahudi kugira ngo batere abayahudi b'aborutodogise kwangwa. Impamvu nyakuri y'urwo rwango yabaye ko abenshi mu Bayahudi b'abakire nta

mpuhwe na nke bari bafitiye Abadage mu kugura ubutaka bwabo mu gihe cy'ibibazo by'ubukungu.

Ubu igihe cyari kigeze kugira ngo bishyure ibyo byose. Byose byari byarateguwe. Ku iherezo ry'intambara ya mbere y'isi, igihe amasezerano ya Versailles (soma verisaye) yasinywaga, muri kwezi kwa Kane 1919, ingabo zari zarifatanije (Les Alliés) zari zararakariye cyane Kiliziya y'I Roma, yari yaratangije iyo ntambara, kugeza ubwo batayemera nk'ifite ububasha mu bya politiki, ubwo rero bayigiza kure y'ameza y'imishyikirano. Nubwo Uburayi bwari bwarahindutse ibagiro, ryaba itorero gaturika ryo mu Bufaransa, ryaba itorero Orutodogise ryo muri Seribiya (nyuma yaje kuba Yugosaraviya) ntibyari bibahangayikishije. Abasore mu Budage ntibari bazi icyo bagomba gukora. Bari biteguye kwigaragambya. Gutakaza agaciro kw'amafaranga kwasenye Leta. Abakominisite bateguraga imyigaragambyo mpinduramatwara. Abajezuwite bazengurukaga mu mpande eshatu zari zihanganye.

Papa Benedigito wa 15, yapfuye arozwe mu mwaka w'1922, asimburwa na papa Piyo wa 11.

Uruhande rumwe rw'urugamba rwari Ubutariyani. Muri icyo gihe hadutse umugabo utazwi wishyiraga hejuru yemera ko ari kayisari mushya, ugomba kongera kubaka ubwami bwa Roma. Izina rye ryari Benito Mussolini. Yari umuntu wiratağa cyane, utagira impuhwe kandi ufite imyifatire mibi. Ingabo ze nkeya zambaraga amashati y'umukara zari itsinda ry'abambuzi bakubitaga abanzi babo bose kugeza bemeye kubayoboka.

Umuyobozi w'abajezuwite (Le pape noir) yategetse umusimbura we gukorana na Musolini. Umupadiri we yicuzagaho ibyaha, yari umujezuwite witwaga Venturi. Musolini yagiye ku butegetsi ku bw'amajwi y'abatora bari bayobowe na Vatikani. Papa Piyo wa 11 yavuze amagambo akurikira kuri Musolini: "Ni umuntu woherejwe n'ubwenge bukomeye bw'Imana."

Kugira ngo yikureho umwenda yari afitiye Vatikani, Musolini yasinye amasezerano y'ubwumvikane maze agira Kiliziya Gaturika y'I Roma idini ryonyine ryemewe mu Butaliyani no mu turere bugenzura. Musolini yavuguruye ingabo za Papa maze aha abapadiri ububasha bwose mu buzima bw'igihugu. Ubutaliyani bwahindutse ubutegetsi bukomeye buyobowe n'umunyagitugu w'umufashiste w'umugaturika. Yashyizeho ingabo zikomeye zigezweho, maze agerageza ubushobozi bwazo agaba igitero muri Etiyopiya. Ubutaliyani bwari bucyeneye uturere dushya.



*Amasezerano ya Latran na Mussolini*

Abanyantegenke b'Abanyetiyopiya nta mahirwe na make bagize. Barwanye n'ubutwari bwinshi bifashishije amacumu yabo n'ibyuma bikingira igituza, ariko barimbuwe

n'ingabo zirwanira mu kirere za Musolini, zakoresheje ibisasu bikomeye (Bombe) hamwe n'ibyuka bihumanya.

Papa yahaye umugisha ingabo za Musolini na Karidinali, archevêque (soma arisheveke) wa Milan Alfred Ildephonse Schuster (soma shusita), na we wari umujezuwite, yita iryo rimburwa ry'abanyetiyopiya "Intambara ntagatifu ya kiliziya gaturika."

Mu mwaka w'1923, mu Budage hari akajagari. Ihindagurika ry'agaciro k'amafaranga ryari riri hejuru cyane ku buryo amafaranga nta gaciro yari afite. Intambara, urupfu no kwiheba – ibyo byose byari ku mutwe w'abadage. Bashinje Kaiser (Umuyobozi w'igihugu) ibyo byose maze birangira bamwikijije n'abagize Leta ye bose. Abakominisite barwaniraga kugira ububasha bukomeye. Ubutegetsi bushya bwari bufite intege nke. Abantu bamwe bashakaga ko Abadage bonyine baba ari bo bayobora Leta yabo – kimwe n'abafaransa bagerageza guhindura Ubudage Repuburika. Papa byaramurakaje cyane. Repuburika yarasenywe.

Abajezuwite batangiye gushaka uko bahagarika ishingwa rya Repuburika nshya. Abagabo babiri babigize inshingano yabo: Franz Von Papen na Karidinali Pacelli waje kuba papa Piyo wa 12, wari uzwi cyane nka "Papa wa Hitileri".

Ibintu byose byarateguwe kugira ngo haze ikirangirire gishya cya Kiliziya Gaturika y'I Roma mu Budage. Izina rye ryari Adolf Hitler.

Umupadiri w'umujezuwite witwa Stimpfl yahawe inshingano yo kwandikira Hitileri igitabo cyitwa "Mein Kampf" (bisobanura "Intambara Yanjye"). Icyo gitabo

cyabaye inyandiko ihebuje izindi z'Abajezuwite, cyandikiwe Hitileri kugira ngo ashobore kugenzura Ubudage[6].

Urukiko rukomeye rushya ruhana abatemera amahame ya kiliziya gaturika (Inquisition) rwagaragaraga nk'urugiye gushingwa. Aho kwambara amakanzu y'abihayimana, Abagaturika bambaraga impuzankano y'abanazi. Abasirikari ba Hitileri, bambaraye impuzankano y'ikigina (bitwaga abanazi), bashyigikiwe na Vatikani, bakoreshaga uburyo bumwe nk'ubwa Musolini, barwanya kandi barenganya abanzi babo kugira ngo babagire abagaragu babo burundu, harimo n'abagaturika ba Roma.


Uguhangana mu mihanda byaratangiye hagati y'abagaturika b'abanazi n'abagaturika b'abakominisite. Ubudage bwari kuba igihembo k'uwari kunesha. (Ibikorwa nk'ibyo bya politike, bikorwa mu buryo bw'igerageza, hashize imyaka mike bibaye muri Polonye, ndetse no muri Kanada, muri Salvador, muri Shili, kandi n'ibidi byari biteganijwe muri Amerika).

Ubudage bwahindutse ahantu ha kabiri ho kurwanira intambara ku bajezuwite. Bashinze icyiswe Ubwami bwa Gatatu (Le Troisième Reich). Ikimenyetso cy'urukiko ruhana abahakanyi (Inquisition) rwarimo ruvuka cyari Swastika cyangwa umusaraba ufite imfuruka enye (la croix gammée), ikimenyetso cya kera cyakoreshwaga mu misengere ya gipfumu yaberaga mu mwijima.

---

[6] Ukeneye amakuru arambuye kuri iyo ngingo, wareba igitabo cyitwa "Histoire Cachée des Jésuite, p.138, Metafizika, Belgrade" cyanditswe na Edmond Paris






Hitileri yari umuntu watoranijwe na Vatikani. Yari yarateganirijwe kuba umuneshi.

Hitileri



Goebbels

Von Papen



Himmler



Ubwo byamenyekanaga ko papa Piyo wa 11 ashyigikiye Hitileri, amajwi y’abagaturika bayamuhundagajeho, ari na byo byamugejeje ku butegetsi mu mwaka w’1933.

Isi yari ihanganye n’ikintu kibi gikomeye cyitwaga “Ubwami bwa Gatatu” (Le Troisième Reich), aho abagaturika ari bo bari abatware.

Hakurikijwe urugero rw’Ubutaliyani, Ubudage bwasinye amasezerano y’ubufatanye na Vatikani I Roma mu mwaka w’1933. Uwasinye kuri ayo masezerano ni karidinali Pacelli (waje kuba papa Piyo wa 12, “ papa wa Hitileri ”, uri hagati ku ifoto iri hepfo.) Mu mwaka w’1933, yari umunyamabanga wa Leta ya Vatikani.

Uwa mbere uhereye ibumoso ku ifoto, ni Franz Von papen, umunazi w'umugome akaba n'umugaturika uhamye, ni we wari ingenzi mu by'ububanyi n'amahanga, akaba n'umukozi wa Vatikani, wafashaga abashakaga kugeza Hitileri ku butegetsi.



Von papen yirataga imbere y'abantu bose agira ati: "Ubwami bwa Gatatu (Le Troisième Reich) ni bwo butegetsi bwa mbere bukomeye bwemera kandi bukanagendera ku mahame y'ubupapa." Iburyo bwa Karidinali, hari umupadiri uzwi I Vatikani, witwa Montini, waje guhinduka papa Pawulo VI).

Esipanye yahindutse ahantu ha gatatu ho guhanganira. Abaperezida batatu b'Abesipanyoro: Niceto Alkala Zamera, Manuel Azana na Juan Negrin (bose bigishirijwe mu ishuri ry'abajezuwite) basabaga ko hakwemezwa amategeko atanu yagombaga kuburizamo ububasha bwa Vatikani kuri Repubulika ya Esipanye. Nyuma yo gutahura imirambo y'impinja mu byumba byo hasi mu butaka bw'ikigo cy'abihayimana, (reba ku rupapuro rwa 10 n'urwa 11), hatangajwe amategeko kugira ngo hakemurwe ibibazo bikurikira:

- Imitungo ya Kiliziya Gatulika igomba kuba iya Leta.
- Insengero zose za Kiliziya Gatulika zigomba gutanga imisoro.

- Amashuri ntazongera kuyoborwa n'Abapadiri ba Kiliziya Gatulika y'I Roma.
- Amashuri yose, ibigo by'abihayimana, bigomba kugenzurwa na Leta ya Esipanye.
- Ni ngombwa kwemera andi matorero atari aya Kiliziya Gatulika.

Iyo yabaye intangiriro y'intambara y'inkoramaraso mu guhangana na Vatikani. Papa yahaye akazi imitwe y'abacanshuro b'abayisilamu bari bayobowe na Franco (Soma Franko) (wari umufaramaso ukomeye), bagombaga kurwanya Abagatulika, Abayahudi n'Abaporotesitanti barwanyaga papa.

Kubera umubare munini w'Abakominisite bari bashyigikiye Repubulika, isi yarashutswe abantu bibwira ko ibyari biri kuba yari impinduramatwara y'Abakomunisite. Ibyo byari ingaruka z'amakuru yari akubiye mu binyamakuru bigenzurwa na Vatikani byahishaga ukuri.

Papa yaciye abayobozi bakuru ba Repubulika ya Esipanye maze atangaza intambara y'iby'umwuka hagati y'icyicaro gitagatifu (Vatikani) na Madrid. Ubutegetsi bwa Franco bwemewe na Vatikani ku wa 3 Kanama 1937, amezi makumyabiri mbere y'iherezo ry'intambara hagati y'abenegihugu. Jenerali Franco yahindutse umutegetsi w'igitugu wa Kiliziya Gatulika muri Esipanye.

Uko ni ko abajezuwite bagize abayobozi babo ahantu hatatu h'isibaniro. Abo bagabo batatu babaye "**Abarinzi b'ukwemera**": **Hitler**, **Mussolini** na **Franco**.

Amaraso yagombaga kumeneka mu isi yose, mu ntambara ntagatifu nshya. Urukiko rushya ruhana abahakana inyigisho z'I Roma (Inquisition) rwari rugiye kuvuka.

Abagatulika b'Abadage bahawe amabwiriza na Vatikani batangiye kwifatanya n'amatorero y'Abaporotesitanti. Ni bwo buryo bwifuzwaga bwo gusohoza, mu gihe cy'imyaka myinshi umugambi wari ukubiyemo no kurimbura Abayahudi. Abo bagatulika bari barabirahiriye, bakoreshaga imbaraga zose zishoboka kugira ngo bigarurire icyizere cy'abapasiteri b'Abaporotesitanti ndetse n'icy'abizera b'amatorero yabo. Ibikorwa by'urugomo byibasiraga Abayahudi bimaze gutangira, abo bakozi ba Kiliziya Gatulika bariyoberanyije bigaragaza nk'aho ari Abaporotesitanti, bashinja ku mugaragaro Abayahudi babarega kuri polisi y'ubutasi y'Ubudage bwayoborwaga n'abanazi (Gestapo), maze bakabohereza mu nkambi z'urupfu.

Abayahudi benshi, no muri iki gihe, bizera ko barezwe kandi bagatangwa n'Abaporotesitanti.

Abajezuwite ni abahanga mu guhimba ibinyoma. Vatikani yafashe Abayahudi ibihumbi runaka yari yarahinduye Abagatulika maze ibahisha munsi y'imisozi ya Vatikani mu gihe cy'intambara. Kubera iki? Kubera ko byashobokaga ko Hitler ashobora gutsindwa.Vatikani yameraga nk'iyishingana mu gihe imigambi yabo itagezweho. Ubwo yashoboraga gutangariza isi yose ko bahishe Abayahudi.

Mbega akaga; mbega umukino mubi!

Mu gihe Ubudage bwari buhugiye mu gukora intwaro z'intambara, Abajezuwite bakoraga imyiteguro muri Leta zitandukanye igamije kunganira ibitero bya Hitler byagombaga gukurikiraho. Nanone kandi, Abajezuwite bari bashinzwe gutegura "*Umutwe wa gatanu*", n'ibindi. (Umutwe wa gatanu usobanura ingabo z'ibanga zo muri Leta ziba ziteguye gushyira intwaro hasi no gukora icyo zishoboye cyose ngo zifashe umwanzi kwigarurira igihugu cyabo bwite). Umugambi wiswe "*Igikorwa Gatulika*" ni wo, muri ibyo bihugu, wari ugize "*umutwe wa gatanu*".

Mu Bubiligi, abapadiri b'abajezuwite Picard , Arendt na Foukalt bigishaga gahunda y'Abafashiste ya Hitler bayita "Ivugurura ry'iby'umwuka". Ubwo bateguriraga inzira ibimodoka by'intambara by'Abadage.

Mu Bufaransa, Igikorwa Gatulika cyahindutse umutwe wa gatanu wakoraga witwa "Ishyirahamwe Gatulika ry'Igihugu". Abajezuwite babwiraga Abagatulika ko Papa ari ku ruhande rwa Hitileri, kandi ni muri ubwo buryo Abagatulika bari biteguye, mu gihe gikwiriye, gukora mu ngabo z'abafashiste Gatulika. Batewe n'ibimodoka by'intambara by'Abadage, Ubufaransa bwafashwe mu minsi 30 ku bw'igikorwa Gatulika.

Muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Umupadri w'Umujezuwite witwa Coughlin (soma Kafulini), binyuze kuri radiyo yagize abayoboke barenga miliyoni 20. Yaratangaje ati "Intambara irwanwa n'Abadage ni intambara irwanira Ubukristo".

Yari ashinzwe n'imitwe yo mu ibanga y'abakomando mu bice bikomeye byo mu migi, bakoresha uburyo

bw'imikorere bw'abahungu ba Loyola kandi batozwa n'abajenerali b'abanazi.

Icyo ni cyo cyabaye igikorwa Gatulika muri Amerika kuva mu mwaka w'1936 kugeza mu mwaka w'1942.

Papa Piyo wa 11 yapfuye ku itariki 10 Gashyantare 1939. Rwabaye urundi rupfu rw'amayobera. Ku ntebe yahasimbuwe na Papa Piyo wa 12 wasengeraga intsinzi y'abanazi.

Hitileri yari yaratangiye ibitero bye byo gusenya mu Burayi maze ubwo intambara ya kabiri y'isi iraduka. Ubudage, Ubutaliyani n'Ubuyapani bishyize hamwe maze barwanya abasigaye bose bo mu isi, bica abantu, barakomeretsa, baca n'imyanya imwe n'imwe ku mibiri y'abantu miliyoni nyinshi. Intambara yamaze imyaka itandatu yose hameneka amaraso.

Imwe mu masoko y'ingenzi y'amakuru ya gisirikari yari Vatikani binyuze mu hantu ho kwicuriza ibyaha h'abagatulika mu isi yose.

Ikigo cy'ubutasi cy'Abadage cyangwa Gestapo cyashinzwe na Heinrich Himmler (Soma Heyinirici Himula) hakurikijwe amahame shingiro y'Abajezuwite. Hitileri yabwiraga inshuti ze ati "Mbona Himmler nka Inyasi Loyola wacu". Abapadiri benshi b'abagaturika baje kwisanga mu mpuzankano y'umukara y'ikigo cy'ubutasi. Umupadiri w'umujezuwite Himmler (nyirarume wa Heinrich Himmler) yabaye umwe mu bakozi bakomeye b'icyo kigo.

Hafi miliyoni 6,5 z'Abayahudi barishwe. Urukiko ruhana abahakana inyigisho z'i Roma (Inquisition) rwari

rurimbanije. Muri Yugoslaviya, abizera b'Itorero Orutodogise (bari bafite ubwenegihugu bwo muri Seribiya) bishwe n'umutwe w'impirimbanyi z'abagome witwaga "*Oustachis*" (soma Ustashi), uwo mutwe wari agatsiko k'Abagatulika bari bayobowe n'abajezuwite. Bakoreraga ibya mfura mbi abo bicaga, bakabica mu buryo bubi umuntu atabona amagambo abivugamo. Abapadiri benshi bari bari muri uwo mutwe gatulika wa "Oustachis " wari ushinzwe kwivugana abo bantu. Nyuma y'intambara, umwe mu bambari b'uwo mutwe witwa Andrija Artukovic (soma Andirija Arutukovici) yahungiye muri Amerika, amaze kwica mu buryo butaziguye cyangwa buziguye hafi miliyoni y'abantu (abenshi muri bo bari abayoboke b'Itorero Orutodogise).

Habuze gato ngo Artukovic afatwe yoherezwe muri Yugoslaviya kugira ngo aryozwe ibyaha ndengakamere yakoze, ariko ibyo ntibyabaye, kubera ko igikoresho cy'Abagatulika (Karidinali Spelmann) n'Abagatulika bagenzuraga ikigo cy'Amerika gishinzwe abinjira n'abasohoka, ndetse n'ikigo cy'Amerika cy'ubutasi baburijemo umugambi wo kumwohereza muri Yugosalaviya.





Shebuja, Papa Piyo wa 12 yanejejwe cyane n'icyo gikorwa. Abantu bose batashatse kuyoboka Nyirubutungane barabiryojwe mu buryo buteye ubwoba.

I Vatikani, Karidinali Agusitini Bea yanditse incamake y'ibyabaye mu ntambara ya kabiri y'isi na nyuma yayo. Intambara igiye kurangira, ingabo z'Abasoviyete (zahabwaga intwaro n'Abanyamerika) zagabye ibitero i Burasirazuba, mu gihe abishyize hamwe (Les Alliés) bigaruriye Ubudage, bakubita inshuro mu buryo budasubirwaho ingabo za Hitler.

Mu gusubiza icyo Hitileri yari yasabye rwihishwa, Jenerali Franco yohereje mu Budage umutwe w'ingabo wari uzwi cyane, ugizwe ahanini n'abasirikare baturukaga mu gace ka Basque (soma basike). Uwo mutwe w'ingabo wose wajyanywe igitaraganya mu igare ry'umwotsi hagati mu mirongo y'abiyunze (Les Alliés). Bagendaga bitwaje ibendera rya Vatikani; babwiye abiyunze ko inshingano yabo yari iyo gutabara abihayimana, abapadiri n'ababikira.

Uwo mutwe w'ingabo warwanaga ufatanyije n'abadage mu kurinda Berlin (soma belire). Adolph Hitler amaze kumenya ko yatsinzwe mu ntambara yariyahuye, Amirali Karl Donitz (soma Karile Donitsi) (Umugaturika ubushikamyemo) aramusimbura maze afata ubutegetsi mu Budage bw'Abanazi.

Aho gusubiza uwo mutwe w'ingabo muri Esipanye mu igare ry'umwotsi, nk'uko Abanazi bari barabisezeranye, Amirali Donitz (soma Donitsi) yashyizemo izahabu y'Ubudage ayohereza mu Busuwisi kugira ngo ishyirwe muri Banki ya Vatikani.

Uwo mutwe w'ingabo warashutswe. Abenshi mu barokotse bisanze muri gereza z'Abarusiya.

Babwiye Abanyamerika ko iryo gare ry'umwotsi ryagombaga kunyura aho bagenzura ryari "igari ry'umwotsi ry'ubugiraneza" ryoherejwe na Papa kandi ko ryari ritwaye ibikoresho by'ubuvuzi byo gufasha inkomere. Nta bugenzuzi bwigeze bukorwa mu gihe babonaga igare ry'umwotsi ritambuka ririho amabendera ya Papa.

Bamwe mu barokotse bo muri wa mutwe w'ingabo, basubiye muri Esipanye barishwe abandi babajyana ahantu habi cyane, kugira ngo bizere ko ukuri kwerekeye ya zahabu y'abadage kutazigera kumenywa n'isi. Nyamara abasirikari bakomeye b'uwo mutwe bagize uruhare mu mugambi mubisha bagarutse mu cyubahiro cyinshi, bahemberwa bihebuje umurava wabo.

Ubudage bwarambitse intwaro hasi muri Gicurasi 1945. Uburayi bwari bwarabaye amatongo. Abajezuwite bahoraga biteguye kwemera ibinyuranye n'ibyo bari bagamije, bafata ingamba zo kwirengera mu gihe batsindwa mu ntambara ya kabiri y'isi. Uwo mugambi wateganyaga ibikorwa bikurikira:

1. Gukora ku buryo buri muntu wese yizera ko Vatikani ntaho yari ihuriye n'intambara, kandi buhoro buhoro bakizeza abantu ko nta bwicanyi ndengakamere bwigeze buba.
2. Kumenya neza ko abigometse: Abapadiri, abihayimana b'igitsina gore n'abamwane baba barwanya Vatikani, bakwicirwa mu nkambi z'urupfu,

kandi ku rundi ruhande bakumvisha isi ko abayoboke ba Papa nabo barenganywaga.

3. Gusaba imiryango Gatulika imwe n'imwe hamwe n'abapadiri babo gucumbikira abayahudi mu nzu zabo maze bizagere igihe ibyo biba ubusobanuro bwiza bwanyuzwa muri filime, ibitabo n'ibindi. Ni ngombwa kumenya ko abo bayahudi n'ubundi bari barahindutse abagatulika.
4. Kwihesha isura nshya mu gihe cy'inama ya Vatikani ya kabiri (Deuxième Concile du Vatican).
5. Gushyiraho Papa w'umukomunisite inyuma y'umwenda w'icyuma kugira ngo banezeze abakomunisite maze muri ubwo buryo bakagerageza kubahindura abagatulika, bityo bagasohoza "ubuhanuzi bw'I Fatima" (ndaza kugira icyo mbuvugaho mu kanya mu buryo burambuye) aho Papa Piyo wa 12 avugwamo mu buryo bwimbitse.

Ku munsi w'urupfu rwa Hitileri, ibinyamakuru byo muri Esipanye byatangaje amagambo akurikira: "Adolph Hitler, umuhungu wa Kiliziya Gatulika yapfuye arwanirira ubukirisitu. Ntibishoboka kubona amagambo nyayo yo kuririra urupfu rwe, urebye umubare w'abantu barataga imibereho ye. Hejuru y'umurambo we haracyari isura ye y'ubutwari mu myifatire myiza. Imana yahaye Hitileri ikamba."

Ayo magambo avugirwa abapfuye yabwiwe umutware w'Abanazi, yari ubushotoranyi bukabije ku biyunze batahukanye insinzi, yatangajwe n'ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya Gatulika ubwabwo, bwihishe inyuma y'itangazamakuru ryo muri Esipanye rya Franco. Ryari

itangazo ry'ubuyobozi bwa Vatikani, nyamara ryashyizwe ahagaragara binyuze ku buyobozi bwa Madrid.

Ese Kiliziya Gatulika yigeze isaba imbabazi isi cyangwa Abayahudi kuri ibyo bikorwa bya kinyamanswa byose? Ni ukuri ko igisubizo ari oya. Kandi ntizigera inabikora. Yanga abayahudi na n'ubu. Vatikani izemera Abayahudi gusa umunsi bazayemerera kugenzura Yerusalemu. Amerika niramuka isinye amasezerano y'ubufatanye na Vatikani, Kiliziya Gatulika izaba ariryo dini ryonyine ryemewe muri Amerika kandi amashusho y'ibyabaye mu gihe cyahise azagaruka mu ntekerezo z'abanyamerika n'abana babo. Imishyikirano yerekeranye n'isinywa ry'aya masezerano irarimbanyije mu buryo biteganyijwe ko azaba yemewe vuba aha.

## Incamake y'amateka

Imikorere y'amadini muri iki gihe ni iya kera cyane. Yatangiye nyuma gato y'umwuzure wo ku bwa Nowa. Nimrod (soma Nimurodi) na nyina Semiramis bashyizeho idini ry'imbaraga z'umwijima mu mujyi wa Babuloni, iryo dini ryaje gukwira mu isi yose.

Nimrod yashyingiranywe na nyina barabana; nyuma y'urupfu rwa Nimrod (soma Nimurodi) Semiramisi yavugaga ko yahindutse ikigirwamana cy'izuba, "Baal". Bamwitaga amazina anyuranye nka: Sol, Tamuzi, n'andi. Iyo migirire yagize Seramisi ikigirwamanakazi gifite amazina anyuranye nka Isis, Venus n'umwamikazi w'ijuru. Kimwe no mu mikorere y'amadini muri iki gihe, ibyo byose byari bifitanye isano na Politiki y'isi.

Mu gihe nari nkiri mu gusohoza indahiro y'abajezuwite, bari barambwiye ko hazatangwa ikimenyetso cy'ibanga ku bajezuwite bo mu isi yose igihe ukwishyira hamwe kw'amadini kuzageza ubwo kurimbura ubuporotesitanti maze hagategurwa n'ibisabwa byose ngo hasinywe amasezerano y'ubufatanye hagati ya Vatikani n'Amerika. Icyo kimenyetso kizamenyekana igihe Perezida wa Amerika azaba yarahiye yerekeje amaso kuri Obélisque (soma obelisike). Ni ku gihe cya perezida Reagan (soma Rigani) byabayeho bwa mbere mu mateka y'Amerika, indahiro mu muhango wa Perezida ikorerwa mu ruhande rw'iburengerazuba bwa Capitole (soma kapitole), icyo gihe Perezida yahindukiriye iyo nyubako ya Washingitoni. Ibyo byabaye ku wa 20 Mutarama1981. Ese ibyo Perezida hari icyo yari abiziho? Ntacyo abantu babiziho.

Perezida Reagan yarahiye indahiro ya Perezida i Washington (soma Washingitoni) yerekeje amaso kuri Obélisque (soma Obelisike).

Obélisque (soma Obelisike) ni inkingi ifite imfuruka enye, impande zayo zikaba zerekeye mu byerekezo bine by'isi, hejuru hakaba hariho pyramidion (Soma Piramidiyo: [utu ni udushushanyo dufite ishusho y'inyubako zitwa Piramide zo mu misiri]). Ibyo bishushanyo bigaragaza uguhuzwa kw'ububasha bw'idini n'ububasha busanzwe bw'isi. Obelisques (soma obelisike) nk'izo ziboneka muri Egiputa, i Washington (soma Washingitoni) n'i Vatikani. Ku bajezuwite, n'abafuramasoni n'abandi bayoboke b'amashyirahamwe akorera mu bwiru, ibyo ni ikimenyetso cy'ubutegetsi bumwe bw'isi. Obélisque ni ikimenyetso gishushanya

ikigirwamana cy’izuba, ari na cyo cyitwa Baal, ku bantu basengera mu mwijima. Ni n’ikimenyetso cy’uburumbuke, ni ukuvuga ikimenyetso cya phallus (soma falisi) (ikimenyetso cy’igitsina cy’umugabo cyafashe umurego).





Nyuma y’intambara ya kabiri y’isi,






Papa Piyo wa 12 yanze kwemera umwana wa kabiri wa Vatikani. Ubukomunisime bwaranzwe, Papa Yohani wa 23 yagiye ku butegetsi maze ategura inama ya kabiri ya Vatikani (Deuxième Concile du Vatican), imyanzuro y’iyo nama yagwabije cyane andi madini yose yo muri Amerika no mu Burayi ku buryo yendaga kumera nk’atariho rwose; iyo nama yageze ku ntego yayo binyuze mu kugaragarizanya urukundo no guhoberana [hagati ya Vatikani n’andi madini.]

Papa Yohani wa 23 yarindaga inkoramutima ye mu gice cy'I burengerazuba. Uwo yari Fidel Castro (soma Kasitoro), ukundwa n'abantu banyunyuza imitsi, akaba umugatulika w'indahemuka n'umujezuwite wabirahiriye kandi watojwe neza. Akaga ku muntu uwo ari we wese uzagirana impagarara na Fidel Castro. Abayobozi bakuru bari bamushyigikiye cyane, harimo na Papa ukundwa wa Polonye.

**Ku Klux Klan**




Ku Klux Klan (soma Ku Kulukisi Kalani) yashinzwe n'abasirikari bakuru bo mu majyepfo ya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika b'abagatulika, nyuma y'intambara yari ihanganishije abaturage bo mu majyepfo n'abo mu majyaruguru ya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika. Abo bagabo bayobowe n'abajezuwite barushijeho gukomera umunsi ku wundi. Iryo shami ry'abafuramasoni ryashyizweho kubera impamvu eshatu z'ingenzi zikurikira:



1. KKK yigaragazaga nk'umuryango w'Abaporotesitanti, yemeza ko yanga Abayahudi, Abagatulika n'abirabura, ari byo byangizaga isura y'Abaporotesitantui muri Amerika.
2. KKK yakomezaga ibirindiro by'Abagatulika muri Amerika ikoresheje gutera ubwoba abantu bw'uko bagiririrwa nabi.

3. KKK yakoraga ibishoboka kugira ngo abirabura bishishe Abaporotesitanti, kuko bari benshi cyane muri Amerika, bityo babashyire mu biganza bya Kiliziya gatulika y'I Roma.

Ku Klux Klan (soma Ku Kulukisi Kalani) ni igikoresho gihebuje cyakozwe n'abajezuwite.

Ni muri ubwo buryo mu gihe cy'imyaka 1600 ishize umubare munini w'abagabo b'abanyedini bashegeshwe na Kiliziya Gatulika y'I Roma. Miliyoni nyinshi z'Abagatulika b'indahemuka hamwe n'abandi bapfiriye mu ntambara ya mbere n'iya kabiri y'isi. Kubera iki? Kugira ngo gusa baharanire ububasha bukomeye bwa Kiliziya Gatulika y'I Roma. Bari mu barebwaga n'uwo mukino, mu gihe miliyoni nyinshi z'abantu bagombaga gupfa.

Abanazi baragambaniwe. Iryo tsinda ryazamukiye muri Amerika, ntabwo ari ikindi kitari igikorwa cya Kiliziya Gatulika kiyobowe n'abajezuwite. N'ubwo bimeze nk'aho bigoye kubyizera, abayahudi bamwe bahinduwe abagatulika, binjiye mu ishyaka ry'abanazi ryo muri Amerika (American Nazi Party).

Abayoboke b'itorero Orutodogise bishwe na Oustachis (soma usitashi) "zari ingabo zirwana intambara ntagatifu" (Croisés) hamwe n'imitwe y'abarwanyi ba Papa; aba rero hanyuma baje kwishimira Papa "w'umukomunisite" kandi baje kuba no ngabo ze. Nabo baragambaniwe. Isirayeli na yo yaragambaniwe. Muri iki gihe bari kwiyunga n'umwanzi wabo ukomeye Vatikani, yabacaga amajosi mu gihe cyahise igamije kubatsemba burundu.

Abagize Ku Klux Klan (Ku Kulukisi Kalani) nabo baragambaniwe badasobanukiwe ko bari ibikinisho biri mu biganza by'abajezuwite.

Abafuramasoni na bo ubwabo baragambaniwe. Ntibari bazi ko Papa Piyo wa 12 na we yari umufuramasoni, kandi ntibari banazi ko bagenzurwaga na Papa wirabura ari na we uri ku ruhembe rw'imbere. Muri iki gihe abaporotesitanti bunamira Papa binyuze mu bayobozi babo.

Abakomunisite baragambaniwe. Bari ishami ry'urukiko rwa "Inquisition" gusa (soma Enkizisiyo) rwa Kiliziya Gatulika y'I Roma – Abagome bagenzurwa na Kiliziya Gatulika y'I Roma. Ikibi gikabije ni uko abagatulika nyakuri bagambaniwe kandi n'ubu bagambanirwa binyuze mu guhatirwa mu buryo bw'uburyarya kuramya Baal, mu buryo bwiyoberanya bujya gusa n'ubukristo. Abapapa babo ni abantu basanzwe bapfa. Abapadiri n'ababikira babo na bo ni abantu bapfa, kandi na Vatikani ni urusengero rw'abadayimoni ruyobora miliyoni nyinshi z'abantu ikuzimu, rubigisha ubutumwa bupfuye, mesiya n'umwuka bitari byo. Imana ibahe imbaraga zo kubisohokamo.

## Igice Cya Kane – IMBARAGA IDASANZWE

Ikintu ngiye kubasobanurira cyabereye mu kirorero gito, kiri mu misozi y'ikirwa cya canaries (soma kanari), mu majyepfo y'uburasirazuba bwa Esipanye. Icyo kirorero kera cyahoze kirimo urujya n'uruza rw'abantu ibintu bigenda neza, cyaje guhinduka kiratuza mu buryo budasanzwe mu ijoro rimwe. Izuba rimaze kurenga, abatuye muri icyo kirorero batangiye guhwihwisa. Nta muntu wari ugisohoka nijoro, kandi na nimugoroba nta muntu wari ucyumva indirimbo zisanzwe. Imitima y'abaturage b'icyo kirorero yari yuzuye ubwoba. Bafungaga amaduka yabo kare nyuma ya saa sita. Abaturanyi barabwiranaga bati "Uzaze ejo, byaba byiza wihuse, amasaha arakuze." Ikibi cyari cyarinjiye mu kirorero cyabo, ndetse n'inyamanswa byari byaraziteye ubwoba.

Humvikanaga amajwi adasanzwe atari ayo ku isi, aturuka mu nzu y'umupfakazi Carmen Montez (soma karumeni montezi), umugore w'umwizerwa wo muri Kiliziya Gatulika y'I Roma. Amajoro ya Carmen yahindukaga amajoro y'ibintu bibi biteye ubwoba. Mu guhwihwisa, abatuye ikirorero bibazaga niba mu by'ukuri abantu bapfuye baragendagendaga mu mihanda yabo yabaye imisaka.

Carmen (soma Karumeni) yacanye buji maze atangira gusenga Bikiramariya kugira ngo iyo mbaraga mbi iteye ubwoba itagaruka muri iryo joro. Nyamara umutima we waradihaguraga n'ibitonyanga by'ibyuya byajojobaga mu maso he. Mu guhindukira, yumvise ubukonje mu ruti rw'umugongo. Yashoboye kumva urugi rw'umuryango winjira mu nzu rukinguka buhoro buhoro. Urwo rugi yari

yarufunze neza n'urufunguzo mbere y'uko izuba rirenga. Imbaraga idasanzwe yaragarutse.

Carmen yavuze n'ijwi rirenga ati: "Mubyeyi Mutagatifu!" ndumva urusaku rw'iminyururu yikurura hasi!" Carmen yari yaragiye gusaba ubufasha Padiri we. Yari yaramubwiye ibihe bibi cyane yari yaranyuzemo mu nzu ye, ukuntu yagiye yumva urusaku rwinshi no gutaka mu ijoro.

Padiri yaramubwiye ati "Twizera ko urwo rusaku rwo gutaka ruturuka ku kubabazwa gukorerwa abo mu muryango wanyu bari muri purigatori. Barasaba misa nyinshi kurushaho, bouji nyinshi zicanye kugira ngo boroherezwe imibabaro yabo. Bariyumvamo imibabaro yo gusamba kwabo. Mwashobora kubafasha no guhagarika ibyo byose."

Carmen yarakomeje ati "Yo, Padiri! Turi abakene cyane, ese ntimwari mukwiriye kutwumva? Nzakora ibyo nshoboye byose … Padiri!"

Ubwo rero basomye misa nyinshi, ariko aho kugira ngo bihagarare, byarushijeho kuba bibi. Umuryango wose wari ufite ubwoba, uretse Marigarita wari wicaye atuje mu cyumba cye avuga ishapule ye. Marigarita yiteguraga kuba umukarumelita (ni umuryango w'abihayimana b'abagatulika witiririrwa "Abafurere ba Bikiramariya uhiriwe").

Ariko reka dusubire mu myaka mike yabanje, mu gihe ayo majoro yose y'ibintu bibi biteye ubwoba yatangiraga. Carmen Montez (soma Karumeni Montezi) yari afite umukobwa w'imyaka cumi n'itatu wari urwaye

igicuri cyamufataga mu buryo butunguranye. Abaganga bari baramubwiye ko nta muti wo kuvura uwo mukobwa muto Marigarita. Carmen yajyanye umwana we hamwe mu hantu hatagatifu ha Bikiramariya, maze asezerana ko Bikiramariya naramuka akijije umwana we, azakora ibishoboka byose kugira ngo uwo mwana muto Marigarita ahinduke umubikira mu muryango w'abakarumerita. Mu gihe yari ari gusenga imbere y'ishusho ya Bikiramariya, imbaraga idasanzwe yamanukiye kuri Marigarita. Ibyo gufatwa n'igicuri yari arwaye byahise birangira burundu. Abaganga byarabatunguye barumirwa. Uwo mwana muto Marigarita yarakize. Mu by'ukuri kwari ugukira kw'igitangaza kandi Carmen yabihimbarije Bikiramariya.

Umunsi Carmen yashakaga kwambika Marigarita ikanzu y'ikigina y'abakarumelita kugira ngo arebe ko izamubera, imbaraga imeze nk'iy'umuyaga witwa "Ouragan" (soma uraga) ufite imbaraga nyinshi yaraje iramukubita. Iyo mbaraga yagushije ibintu byose byari mu nzu.

Padiri w'icyo kirorero yumvaga abuze amahoro kubera abantu batari abagatulika bari bazi imibabaro ya Carmen Montez. Yifuzaga cyane ko hakorwa igitangaza kugira ngo imbaraga y'itorero rye ikure, maze abatari abagatulika bacike intege. Yanahamagaye musenyeri we asaba ko hagira umuntu uza agaturisha roho z'abantu bapfuye ziri muri purigatori ngo zive mu nzu ya Carmen. Barantoranyije kugira ngo mufashe maze ntangira gutegura amasengesho yo kwirukana abadayimoni, no gutura igitambo cya ukarisitiya no gusoma misa igenewe igikorwa nk'icyo.

Umunsi umwe, ubwo nari ndi kuvuga amasengesho yo kwirukana abadayimoni, byabaye nk'aho uburakari bwose bw'ikuzimu buri kwiroha ku nzu ya Carmen Montez, kandi iyo mbaraga idasanzwe yagendaga irushaho kuba nyinshi.

Marigarita yarasakuje ati "Sinshobora kuguma hano." Mama we yaravuze ati "Mudufashe!".

Ibyo byose byabaye mu gihe Padiri wo muri icyo kirorero yari ahagaze imbere y'umuryango wabo. Musenyeri yari yamubwiye kuntegereza, kuko bari bansabye kumufasha, njyewe, umujezuwite wigishijwe kwirukana abadayimoni n'ibindi byose bijyanye na byo. Ariko ubwo yari asabwe kubafasha vuba bishoboka, yagiye tutari kumwe. Yagerageje gukingura urugi, ariko agikora kuri serire, hari ikintu cyitambitsemo. Hanyuma, umuntu ashikuza urugi maze imbaraga idasanzwe imwinjiza mu nzu ku ngufu imunyujije mu muryango. Hanyuma urugi rurongera rurifunga n'imbaraga nyinshi, maze abantu bari hanze bumva Padiri wabo ari gutaka.

Ngeze mu kirorero, aho kubona Padiri nahuye n'umwungirije. Namubajije aho Padiri yari ari. Yaransubije ati "Amaze kugenda kandi aradutegereza, Padiri Rivera." Naramusubije nti "Ibyo ntintibinshimishije. Yagombye kuba yantegerereje hano." Umutambagiro wahagurukiye ku kiliziya werekeza ku nzu ya Carmen Montez. Abantu batubonaga dutwaye ibikoresho bitagatifu bya Kiliziya y'I Roma mu ishusho y'umusaraba, maze abagendaga bose bagahagarara mu rwego rwo gutanga icyubahiro. Bari bazi ko ari umuhango wo gushyingura cyangwa amasengesho yo kwirukana abadayimoni. Abantu basohokaga mu modoka

zabo kugira ngo babone uko bapfukama. Bakoraga ikimenyetso cy'umusaraba nk'aho ari Yesu Kristo ubwe wari utambutse imbere yabo mu ishusho y'ako kantu gatoya (ukarisitiya). Bari bafite ubwoba bwo guhemukira ukarisitiya – ari yo bafata nk'imana, cyangwa guhemukira abihayimana cyangwa idini ryabo.

Narabajije nti "Padiri ari he?" Umwungirije yaravuze ati "Arimo imbere." Ndavuga nti "Muhite mumpa amazi y'umugisha!"

Muri icyo gihe, ibikoresho byo mu gikoni byanyuraga mu madirishya yamenaguritse biguruka.

Humvikanaga ijwi rigira riti "Mana, dufashe, Mubyeyi mutagatifu!"

Naravuze nti "Twinjire!"

Uwungirije Padiri ati "Padiri, mfite ubwoba!"

Ndamubwira nti "Ntuhangayike, icyo ukora gusa ni ukunkurikira."

Aravuga ati "Pajdiri Rivera, Reba! Urugi rurikinguye!"

Wa mupadiri warimo imbere yajugunywe hanze, umutwe uri imbere, yuzuyeho amaraso.

Umwungirije ataka afite ubwoba ati "Ese yaba yapfuye! Mubyeyi mutagatifu w'Imana! Yapfuye acagaguwemo ibice, nkaho yakatishijwe icyuma. Ntimugomba kwinjira!".

Ndavuga nti "Ngomba kwinjira! "

Arambwira ati "Nawe uricwa!."

Imbaraga idasanzwe yaramfashe maze iransunika inyujije mu muryango inyinjiza mu nzu. Abantu bari bahahamutse basigaye bavuga ko nanjye nari ngiye gupfa. Natangiye kuzenguruka nk'igikinisho cy'umwana,

nkazamuka nkagera hejuru kuri parafo. Umuntu yankuyemo imyambaro maze arayicagagura yose. Ibyaberaga imbere mu nzu byari amahano akomeye, mu by'ukuri birenze intekerezo z'umuntu. Abakobwa ba Carmen Montez rimwe babaga bari hejuru kuri parafo, ubundi bagurukaga mu kirere bihuta cyane, baruka ibintu by'icyatsi kibisi. Nyamara ya mbaraga yari yasheze ntiyigeze yegera Marigarita. Numvaga urusaku hamwe n'ibitwenge. Umuyaga ufite imbaraga nyinshi wavunaguraga intebe n'ibindi bikoresho maze bikagurukira hirya no hino mu cyumba. Intebe zaravunaguritse.

Hanyuma naguye hasi, ahantu hari huzuye ibipande bya za matola n'ibintu birenduka bias n'icyatsi kibisi. Ubwo nageragezaga guha inzu umugisha nkoresheje amazi y'umugisha, nyina wabo wa Marigarita yahise avuga ati "Padiri, nta musaraba mufite."

Yarihengetse maze anyuza amaboko muri palafo afata imakasi azifungura ku buryo zimera nk'umusaraba. Ya mbaraga yaratambutse  ijya mu kindi cyumba. Icyo gihe abari bari kumfasha bose binjiye mu muryango uza mu nzu. Nafashe umusaraba maze ntera isengesho mu Kilatini. Nabaye nkitangira gusenga maze ba bakobwa b'inkumi bagwa hasi. Humvikanaga urusaku rwinshi no guseka cyane. Njye nafashe ukarisitiya "Umugati w'Imana", maze mbanza kuyiha Marigarita, kuko ari we wari izingiro rw'ibyabaga byose. Hanyuma nahaye ukarisitiya n'abantu bose bari aho. Ya majwi yatangiye kugenda akendera buhoro buhoro. Hanyuma ya mbaraga yaragiye . Nyuma y'ibyo byose inzu yasaga nk'ibagiro.

Ese mu by'ukuri koko yari imyuka y'abapfuye? Oya! Bari abadayimoni. Ukarisitiya n'umusaraba se ni byo byirukanye iyo mbaraga y'abadayimoni? Oya! Wari umugambi w'ubuhendanyi w'abadayimoni kugira ngo abantu barusheho kwegera abapadiri babo ngo bashobore kurindwa, nibatabikora babure ubuzima bwabo.

Abamarayika bigometse ku Mana cyangwa abadayimoni bahindutse ingabo z'imyuka mibi. Bashobora kugira ibyo bakora , bafite ubucakura, ni abanyabwenge kandi bafite ububasha. Kugira ngo umuntu asobanukirwa n'ibikorwa byabo, ni ngombwa gusubira mu mateka.

Intego y'abadayimoni ni ugushyiraho imyizerere y'iyobokamana ikoresha imbaraga z'umwijima ku buryo iryo yobokamana rizabashoboza kugenzura isi – rikaba ari iyobokamana abantu bafitiye icyizere, ku buryo bashobora kwica cyangwa kwemera gupfa ku bwaryo. Kugira ngo bagaragarize isi iryo yobokamana ryabo, abadayimoni bifashishije abantu babiri b'I Babuloni: Semiramis na Nimurodi. Semiramis yari yarashyingiranywe na Nimurodi, umuhungu we bwite. Babuloni yabaye umujyi wa mbere wubatswe nyuma y'umwuzure. Abadayimoni bahashinze icyicaro cyabo kibahagararariye cyangwa cy'ubuyobozi. Semiramisi yari umwamikazi wa Babuloni, na Nimurodi yayoboraga abantu mu kugomera Imana.

Abadayimoni bashyizeho urufatiro rw'imikorere y'idini bari gukoresha kugira ngo bakome mu nkokora umurimo w'Imana maze babone uko baganisha miliyoni z'abantu mu rupfu no ku kurimbuka by'iteka.

Dore uko ibyo byose byasohojwe na Semiramisi. Yari umupfumukazi ufite ububasha kandi w'uburanga, wari wariyeguriye abadayimoni. Bamwunguye ibitekerezo byinshi. Semiramisi yashishikarije inyokomuntu kwigomeka ku mategeko y'Imana ku bijyanye n'ubukwe. Yashyizeho gahunda y'uko abihayimana baba ingaragu, ibyo bigafasha mu gukingira ikibaba abihayimana mu busambanyi, imibonano hagati y'abatarashakanye, ubutinganyi, ubusambanyi bukorerwa mu kibuno, ubusambanyi hagati y'umugore n'undi. Iyo ni yo nkomoko yo kudashyingirwa kw'abihayimana muri Kiliziya Gatulika y'I Roma. Bavuga ko kudashyingirwa kw'abihayimana ari byo bizana ubutungane bw'umupadiri. Muri iki gihe kimwe no mu gihe cya Semiramisi, abagatulika bizera ko isakaramentu ry'umuryango mutagatifu w'abihayimana – ari ryo ryo kudashyingirwa – riri hejuru y'isakaramentu ry'ubukwe.

Ni muri ubwo buryo imigenzo y'abadayimoni yashyizwe hejuru y'amategeko y'Imana.

Abihayimana b'igitsina gore bari indaya zo mu rusengero, bakorera abapadiri kugeza n'ubu. Mu gihe cyahise, bitwaga amasugi yeguriwe ikigirwamana cy'umuriro (vierge vestales). Muri iki gihe, ni "Umugeni mushya wa Kristo."



Urwo rwego rwahimbye uburyo bwo kwicuza ibyaha, kugira ngo babone uko

bagera ku mabanga y'abayoboke babo mu buryo bworoshye. Abantu batinyaga abapadiri babo, batinyaga ibikangisho byo kubagerekaho ibyaha. Abadayimoni bakunze cyane icyo gitekerezo. Kuva icyo gihe batangiye kandi bakomeza gukoresha ahantu ho kwicuriza ibyaha kugira ngo barimbure abantu.

Kwica abantu babababambye na cyo ni kimwe mu bitekerezo by'abadayimoni. Ubwo imisaraba yadukaga, yakoreshwaga nk'ibimenyetso by'imbaraga z'umwijima kandi yasengwaga muri Babuloni ya kera no muri Egiputa.

Nimurodi yari umutware w'intambara, agakora ubumago akaba n'umupfumu. Yagize uruhare mu guteza imbere kwiga iby'ahazaza h'abantu binyuze mu kureba mu nyenyeri. Yanashyizeho ubumago bw'abera n'abirabura. Ni we witwa Moleki. Ibitambo byatambirwaga Moleki byari bitangaje cyane. Imana umuremyi yashyizeho uburyo bwo gutamba inyamanswa nk'ikimenyetso cyerekana ububi bukabije bw'icyaha. Ku ruhande rwe, Semiramisi yatangazaga ko ari ikigirwamanakazi kandi yasabaga ko bamutambira ibitambo by'abana. Ku gituza cyabo bacagaho ikimenyetso cy'umusaraba maze bakabakuramo umutima. Semiramisi ubwe yari ikibi ubwacyo. Umwe mu bahungu ba Nowa, witwaga Shemu umukurambere w'Imana, wari uriho muri icyo gihe, yishe Nimurodi maze ashyira iherezo kuri iyo migenzo y'imbaraga z'umubi.

Ariko abantu baririraga Nimurodi, intwari yabo yari yapfuye. Abadayimoni bahinduye urupfu rwa Nimurodi barukoresha mu nyungu zabo. Semiramisi yatangaje ko Nimurodi abaye imana maze amwita Baal – imana

y'izuba, mu gihe we (semiramisi) yahisemo ukwezi nk'ikimenyetso cye. Yasabye ko ukwezi bakuramya. Yaje gusama, ariko akomeza kwemeza ko akiri isugi. Yabyaye umuhungu amwita Tammuz (Soma Tamuzi) kandi yavugaga ko ari Nimurodi wari ugarutse amunyuzemo. Semiramisi yivugagaho ko umwuka wo mu ijuru wari wamwinjiyemo nk'umubyeyi. Yifataga nk'isugi mvajuru – umubyeyi, kandi n'igishushanyo cye kimugaragaza ari kumwe n'umuhungu we w'ikigirwamana, cyabaga kiri ahantu hose. Semiramisi yemezaga ko Tammuz yari umukiza wabo. Mu gihe cyakurikiyeho, icyo gitekerezo cyakoreshejwe n'abadayimoni, kugira ngo bayobye miliyoni nyinshi z'abantu.

Amateka ahamya ko imyizerere kuri Nimurodi na Tamuzi yakwiriye ku isi yose. Ni muri ubwo buryo yabaye gikwira mu iyobokamana kimwe no mu bitekerezo bivuga inkomoko z'ibigirwamana n'intwari mu bihugu bitandukanye. Ibigirwamana n'ibigirwamanakazi byahindutse ingingo y'inzozi n'ibyiringiro by'abantu. Ibyo byabaye urufatiro rw'ingengamikorere (system) ishingiye ku kinyoma.

Semiramisi yari azwi nk' "Umwamikazi w'ijuru," mu gihe muri iki gihe bamwita "Bikiramariya." Mu mateka yiyerekanye ahantu hanyuranye, agafata ishusho y'abantu banyuranye. Ni ukugaruka mu buryo bw'abadayimoni kwa Semiramisi mu mbaraga zikomeye. Buri gihugu cyiba gifite umutagatifu wacyo cyangwa umwari wacyo. Na none kandi abadayimoni bagenda bakoresha mu bihe binyuranye imbaraga idasanzwe. Iyi mbaraga akenshi yigaragaza binyuze mu bitangaza bifitse. Bagaragaza ubushukanyi mu buryo

bw'uburyarya, bagatuma bwemerwa n'abantu banyuranye.

Ese abadayimoni bafite ububasha bwo gukora ku buryo igishushanyo kibajwe kigenda cyangwa kivuga? Yego, barabikoze mu gihe cyahise kandi bazanabikora no mu gihe kizaza.  Ibyo bitangaza bizashuka abantu benshi kandi ubugingo bwabo buzarimbuka by'iteka ryose.

Ayo mayerekwa n'ibyo bintu bidasanzwe byagaragaraga mu madini ya gipagani, kimwe no muri Kiliziya Gatulika y'I Roma mu mazina ya Venusi, Diyane, Isis, Madona, Umwari w'I Fatima, Umubyeyi w'Imana w'I Bistrita (soma bisitirita), n'abandi; kandi mu buryo bw'umwihariko bizabaho mu gihe iherezo ry'isi ryegereje. Ibyo bitangaza bizakoreshwa nk'imbaraga y'igenzi nk'uko byari bimeze mbere. Iyerekwa ry'I Fatima ni uburiganya bukomeye mu bya politiki bwahimbwe na Kiliziya Gatulika y'I Roma. Ni ubuhanuzi bupfuye, buvuga ko Bikiramariya yari yarasezeraniye abayoboke be ko mu gihe bazasengera amahoro, Uburusiya buzahinduka bukajya muri Kiliziya Gatulika y'I Roma.

Byanditswe muri Bibiliya ko Imana yatoranije ubwoko bwo kubera umucyo abakiri mu mwijima w'abadayimoni. Ubwo bwoko bwagombaga kwereka abandi imiterere nyakuri y'Imana. Bwabaye ubwoko nyakuri bw'Isirayeli, hanyuma buba ubwoko by'abayahudi. Babaye abacakara muri Egiputa mu gihe cy'imyaka 400. Iyobokamana ry'icyo gihugu ryari rishingiye ku kuramya izuba. Nyuma y'igihe kinini, ndetse n'ibigirwamana bya Babuloni, babihaye amazina y'abanyegiputa. Mu nsengero zo muri Egiputa, abatambyi b'ibigirwamana bakoraga "transubstantiation" (soma

taransibusitansiyo). Bemezaga ko bafite imbaraga y'amayobera yo guhindura ikigirwamana cyabo gikomeye Osiris bakagihinduramo hositiya – wabaga ari umugati muto ufite ishusho y'uruziga, kugira ngo bawurye mu mihango y'idini yabo bityo bakaba bagaburiye ubugingo bwabo.

Imana yahagurukije Mose kugira ngo akure ubwoko bw'Abaheburayo muri Egiputa, abujyane kure cyane, ahantu hitaruye iyo misengere irimbura kandi ishingiye ku mbaraga z'umwijima. Kubera ko Farawo yanze kureka ubwo bwoko ngo bugende, Imana yateje ibyago bikomeye muri Egiputa. Binyuze muri ubwo buryo yatumye kugenda kw'Abisirayeli bishoboka. Hanyuma Imana yatandukanyije amazi y'inyanja imbere y'ubwoko bw'Isirayeli, maze bamaze kwambuka inyanja irifunga, irimbura ingabo za Farawo. Hanyuma Imana iza guha Mose amategeko cumi ku musozi wa Sinayi.[7]

Nyuma y'urupfu rwa Mose, Imana yatoranyije Yosuwa umuhungu wa Nuni kugira ngo ayobore Isirayeli muri Kanani – Igihugu cy'isezerano.

Abaturage b'i Kanani na bo bari barishoye mu byo gusenga ibigirwamana. Imana yategetse Yosuwa kurimbura imisengere y'Abanyakanani, ibigirwamana ndetse n'ababiramya. Ukwangirika kwa kidayimoni kw'I Babuloni kwari kwarakwiriye n'i Kanani: Abanyakanani bari bafite ikigirwamana cyitwa Moleki, rikaba ari irindi zina rya Nimurodi. Bayitambiraga abana nk'ibitambo, bakabatwikira ku gicaniro. Abisirayeli ntibumviye Imana

[7] Ku bindi bisobanuro byerekeye umwimerere w'ubuhanga bwa Bibiliya, wareba igitabo cyitwa "Nauka i problem smrti"/La science et le probleme de la mort/ Ubumenyi n'ikibazo cy'urupfu / éd. Metafizika, Belgrade.

mu buryo bwuzuye. Ni muri ubwo buryo batangiye buhoro buhoro gukorera ibyo bigirwamana. Kubera kutizera kwabo, Imana yemeye ko igihugu cya Isirayeli bacyigarurira maze hanyuma abaturage bacyo bajyanwa mu bunyage, kugeza ubwo guhinduka no kwihana byababaye muri bo.

Bashutswe no kuramya ibigirwamana, Abayahudi barushijeho kugenda bitarura Imana. Ubwoko bwabo bwakuruwe n'imikorere ipfuye y'iyobokamana, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Semiramis.

Abadayimoni ni bo batumye handikwa ibitabo byitwa "Apocryphes" (soma apokirife/ibitabo byo mu rwego rwa kabiri) maze binashyirwa no muri Bibiliya. Muri ubwo buryo bashakaga gusenya cyangwa se nibura kugabanya agaciro ka Bibiliya. Mu nama ikomeye ya Kiliziya Gatulika yabereye i Trente (soma tarante) mu mwaka w'1546, inyandiko zitwa "Apocryphes" zemejwe nk'izahumetswe n'Imana. Mu gitabo cy'Abamakabe, kimwe muri ibyo bitabo byo mu rwego rwa kabiri, ni ho havuye igitekerezo cya purigatori.

Mu mwaka w'1611, Umwami James (King James) yaratoranyijwe kugira ngo ahindure Bibiliya bundi bushya, biturutse ku gitekerezo cy'umubare munini w'abajezuwite, bahindutse abizera b'Itorero ry'Angilikani. Ariko Imana yarinze ijambo ryayo ryanditse, kandi ntibashoboye kurihindura, nk'uko bari barabigambiriye kuva kera.

Nyamara, biturutse ku bitekerezo byabo, ibitabo byo mu rwego rwa kabiri (Apocryphes) byashyizwe mu ngeri ya mbere y'iyo Bibiliya. Ariko ubwo bugambanyi bumaze

gutahurwa, abantu b'abanyedini bubaha Bibiliya banze kwemera ibyo bitabo. Muri iki gihe turimo, ku kagambane k'abajezuwite bongeye gusohora ingeri ya Bibiliya [yitiriwe umwami Yakobo] yo mu mwaka w'1611, irimo n'ibitabo byo murwego rwa kabiri (Apocryphes).

Abadayimoni barakoraga cyane mu bihe bya kera, nk'uko bakora no muri iki gihe. Bayobowe n'abadayimoni, vuba aha Kiliziya yashyizeho:

- Liturgie (soma Litiriji) – Ni umuhango w'idini wiyoberanije, wahimbwe kugira ngo abantu bizere ko abayobozi babo mu by'idini ari abatagatifu.

- Amategeko y'imihango – Ni urutonde rw'amabwiriza y'idini, n'amategeko y'abantu;

- Amahame (Dogmes) – Ni "ukuri" kwa Kiliziya y'I Roma, n'amategeko agomba gukurikizwa mu buryo budakebakeba mu mikorere ya Kiliziya.

Kiliziya Gatulika y'I Roma ikomeye cyane kuri litirijiya, amateko y'imihango n'amahame. Muri iki gihe, Abagatulika batanze uruhushya rw'agateganyo kugira ngo umuntu abe yabasha kuvuga ibyo atekereza akurikije imyifatire ye cyangwa imyumvire ye bwite kugira ngo babone uko bigarurira icyizere cy'impuzamadini. Nyamara bahora buri gihe biteguye kuvuma abantu bose babarwanya cyangwa bagerageza guhindura ishingiro ry'inyigisho zabo.

Yesu yavugishaga Mariya amwita "Mugore." Uwo Mariya woroheje ntiyashoboraga no gutekereza ko mu binyejana bizaza, miliyoni nyinshi z'abantu bari kuzicwa bikozwe mu izina rye, kandi ko abadayimoni bari

kumugereranya na Semiramisi maze bakamwita Umwamikazi w'Ijuru.

Birakwiriye ko mvuga ikindi kintu ku musaraba ufatwa nk'ikimenyetso cya gikristo. Umusaraba nk'igikoresho cy'urupfu watekerejwe na Semiramisi I Babuloni mu guhesha icyubahiro Tamuzi. Mu gutangira, umusaraba wari ufite imiterere nk'iy'inyuguti ya "T" ariko uko igihe cyagiye gihita, icyo kimenyetso cyagiye cyangirika.

Mu butegetsi bwa Roma, abantu bacirwaga urwo gupfa barabambwaga, atari ukugira ngo baryozwe ibyaha byabo gusa, ahubwo cyari n'igikorwa cyo gutambira ibitambo ibigirwamana byabo bya gipagani. Umusaraba ntiwigeze na rimwe uba ikimenyetso cya gikristo.

Abadayimoni bashishikarije umuyoboke wabo w'imena, Ignace de Loyola, kwica abantu bose bakangutse mu by'Umwuka n'abarwanyaga inyigisho za Kiliziya y'I Roma. Ibiro bitagatifu bya Vatikani byashinze urukiko ruhana abantu bose bahakana inyigisho z'I Roma, maze runoza neza imigendekere y'ubwicanyi ndengakamere. Muri icyo gihe giteye ubwoba, miliyoni mirongo itandatu n'umunani (68,000,000) z'abantu bakorewe iyicarubozo kandi abenshi muri bo batwikiwe ku bicaniro by'umuriro. "Ibiro bitagatifu bya Vatikani," kuva ubwo kugeza iki gihe ntibyigeze bihindura uburyo bw'iyicarubozo no kurenganya abantu. Ntibyigeze bihagarika gukora ako kazi.

Mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi, miliyoni esheshatu z'abayahudi zarishwe "Mu guhesha Imana icyubahiro." Imikorere ntiyigeze ihinduka. No muri iki

gihe “Ibiro bitagatifu bya Vatikani” bishishikariza abantu gukunda no gutwarwa n’imikorere yabyo kurusha uko byigeze biba mbere. Papa Yohani Pawulo wa 2 yatanze itegeko ryo gushyiraho ibyicaro by’inkiko z’uturere muri za Kiliziya Gatulika mu isi yose.

**Ignace (soma inyasi) de Loyola yashinze “Illuminati”, umuryango w’abadayimoni ugenzura ubwonko bw’abayobozi b’I Burayi mu buryo bwo gusinziriza ibitekerezo (Hypnose) n’ubupfumu.** Loyola yavuganaga n’imyuka y’umwijima, akayigīsha inama mu gihe yashingaga uwo muryango ukomeye kandi w’abagizi ba nabi. Iyo myuka mibi mu by’ukuri ni abadayimoni, abamalayika bigometse. Mu bubasha bwabo, bagenzuraga ubwonko bwa Loyola, maze bakamwita “Malayika w’umucyo.”

Ku mpamvu z’ibikorwa bye ndengakamere, Loyola yafashwe n’abadominikani, bari bafite ububasha n’ijambo rikomeye kurusha abandi mu rukiko ruhana abahakana inyigisho z’iRoma rwo muri Esipanye (Inquisition Espagnole). Ku bw’abadayimoni ubwabo, na we ubwe yakuweho igihano cy’urwo rukiko yashinze ubwe.

Ignace de Loyola yabanje kujya kureba Papa ngo amuhe igitekerezo cyo gushyiraho urwego rushya rw’abapadiri, rwitwa “Compagnie de Jesus” cyangwa “Abajezuwite”, umugambi warwo ukaba ari uwo gukorera Nyirubutungane. Papa yemeye icyo gitekerezo, maze Loyola aba umujenerali wa mbere w’umujezuwite. Yashyizeho imyitozo ya roho (exercices spirituels) kugira ngo agere ku rugero ruhanitse rw’ubutungane bwa roho. Ibyo byabaga bigizwe no kuzamura ibitekerezo bye

atekereza ku kintu runaka mu buryo bwimbitse (méditation), amasengesho, kwisuzuma, ubupfumu no kumurikirwa n'umucyo udasanzwe, ku buryo yageraga ku gutwarwa guhanitse kw'ibyiyumviro (extase). Abantu bamubonaga asa nk'uguruka hejuru y'ubutaka yavuye hasi.

Muri iki gihe hariho abajezuwite benshi kandi bose bakorera munsi y'ububasha bw'abadayimoni, nk'uko nanjye nari meze igihe nari nkiri mu muryango wabo. Abadayimoni batoje abantu babo b'abahanga cyane, bagize urwego rw'abajezuwite, kugira ngo babakurikire buhumyi muri byose. Loyola yavomaga ibitekerezo bye mu bumenyi bwo mu Bugiriki bwa kera, mu kuramya ko mu mwijima no mu bundi buhanga bunyuranye. Yifuzaga ko abapadiri be (abajezuwite) bahinduka ubwenge bw'umuryango w'abihayimana wa Kiliziya y'I Roma. Loyola yakoresheje inyurabwenge (philosophie), imitekerereze ihanitse (logique), ubuvuzi bw'uburwayi bwo mu mutwe (psychiatrie), ubumenyi bwo gucukumbura imyifatire umuntu yaba afite ikomoka ku byamubayeho ariko yibagiwe (psychanalyse), ubuvuzi bwifashisha imitekerereze y'abantu (psychothérapie), ubumenyi bw'imyifatire y'abantu (psychologie), ubumenyi bwo gusesengura imyifatire idasanzwe y'umuntu aterwa n'ibimuzengurutse (parapsychologie), ubumenyi bwo gusinziriza umuntu no kwerekeza intekerezo ze ahandi (hypnose), uburyo bwo kumera nk'ushyikirana n'umuntu mu ntekerezo nyamara we ari kure (télépathie). Muri iki gihe ibyo byiciro by'ubumenyi bifatwa nk'imigabane y'ubumenyi bwa siyansi.

Imitekerereze yimbitse irenga iby'ubuzima busanzwe yakorwaga mu bigo by'abihayimana nk'imigenzereze y'ibanze, yakorwaga binyuze mu kwerekeza ibitekerezo ku kintu runaka no gusubiramo kenshi amazina y'abatagatifu na Bikiramariya, ibyo byakomokaga kuri Semiramisi, cyangwa se binyuze mu gusenga abatagatifu no kubaha ikuzo. Abo bantu rero muri ubwo buryo bikururiraga abadayimoni. Muri iyi minsi yacu, urugero rwiza kuri ibyo ni imitekerereze yimbitse irenga iby'ubuzima busanzwe, aho ijambo risubirwamo n'abasenga mu by'ukuri ari izina ry'umudayimoni ukomeye wo mu Buhinde. Binyuze mu gusubiramo izina ry'umudayimoni, baramurarikaga maze hanyuma akabihangamo akababera umuyobozi.

Kuba bazi gukorana n'imyuka mibi, biha abapadiri b'abajezuwite ububasha bwo kugenzura abandi bantu.

Ignace de Loyola yahindutse umwe mu bayobozi ba Kiliziya y'I Roma. Yashyizeho umuryango ukorana n'imbaraga z'umwijima – ari wo illuminati, ukaba ukingiwe ikibaba na Kiliziya Gatulika y'I Roma. Kuva ubwo, Abiliminati bahindutse ishami ry'ingenzi ry'umuryango w'abajezuwite, ariko mu ibanga. Loyola ntiyari ayobewe ko abiliminati bazagira ubushobozi bwo kugenzura ubukungu bw'isi, imikorere mpuzamahanga y'amabanki, ububasha bwa gisirikari, amashami yose y'abaramya imbaraga z'umwijima n'amadini yose yo ku isi, no guhatira inyokomuntu gupfukamira Papa. Nta tsinda na rimwe ry'abantu ryishoye cyane mu bikorwa by'imbaraga z'umwijima nk'abajezuwite. Kwiga cyane iby'imisengere yo mu mwijima n'ibikorwa bigendana na yo byatumye abajezuwite bagenda barushaho kwegerana

n'abadayimoni. Muri iki gihe bakorera mu isi yose hamwe n'abantu b'inzobere mu by'imbaraga z'umwijima, ari na bo baboherereza "amazi y'umugisha."

Ku itariki 08/07/1980, Papa Yohani Pawulo wa 2 yatangaje ko nta kintu na kimwe yari afite cyo kuvuga ku kuramya gushingiye ku mbaraga z'umwijima gufite urufatiro ku mwuka no kuramya bya kinyafurika, mu gihe iyo misengere ikomoka mu bugatulika. Yibukije ko ubwo buryo bwo kuramya igihe bwejejwe, bushobora kugira uruhare mu gukwirakwiza hirya no hino ivanjili ya Kristo. Abajezuwite bafasha mu guteza imbere ubwo buryo bwo kuramya mu buryo bw'ibanga, binyuze mu nkunga z'amafaranga no kubacengeramo.

Buri muryango w'idini wose ushinzwe vuba cyangwa se ikigo (nubwo cyaba icyo mu ibanga), uhita usurwa n'abajezuwite. Uwo muryango mushya uzagirwaho impinduka vuba binyuze muri abo bashyitsi b'abahanga kandi bafite igikundiro, bazitangira kugira uruhare mu iterambere ryawo. Mu by'ukuri bakora bafite intego imwe rukumbi – gukorera kugera ku nyungu za vatikani.

Ubwo hamenyekanaga ko Loyola yari yarashinze umuryango w'abiliminati, abajezuwite bakoresheje undi munyamuryango w'indahemuka witwa Adam Weishaupt (soma weyishawuti) na we wari warabirahiriye. Inshingano ye kwari ukumera nk'uvuye mu muryango w'abajezuwite no kuba nk'umuntu utangije abiliminati, ku itariki 01/05/1776. Ibyo byarakozwe kugira ngo herekanwe ko Kiliziya Gatulika ntaho ihuriye na gato n'abiliminati.

Tugomba gusobanukirwa ko iyo kiliziya itigeze na rimwe iba itorero rya Gikristo. Ni ikiganano gusa. Imana yabo, Yesu wabo, Roho mutagatifu wabo ntibaba muri Bibiliya. Munyemerere mbisobanure. Yesu yaravuze ati "Mureke abana bato bansange, ntimubabuze kuko abameze batyo ubwami bw'Imana ari ubwabo." (Mariko10:14). Yahamije muri ubwo buryo urukundo afitiye abana nyamara abapadiri ba Kiliziya Gatulika y'I Roma babwira ababyeyi Gatulika ko umubatizo w'abana ari ngombwa cyane mu gakiza kuko niba umwana apfuye atabatijwe, atazemerwa n'Imana.

Ababyeyi ntibazi imihango ya kera yerekeranye n'igikorwa cyo gutambira Baali abana bato, kandi muri icyo gikorwa hifashishwaga amavuta n'umunyu. Umuhango nk'uwo muri iki gihe ukorerwa ku bana babo maze muri ubwo buryo ababyeyi babo bagatēgeza abana babo bato b'inzirakarengane ububasha bw'abadayimoni b'I Babuloni.

Umupadiri asaba ko bakora umuhango, bivugwa ko [binyuze muri uwo muhango] imbaraga z'abadayimoni zizirukanwa mu mwana, kandi kugira ngo amurinde, umupadiri ashyira ikimenyetso cya Tammuz ku mutwe w'umwana akoresheje amavuta giteye nk'umusaraba. Hanyuma ashyira umunyu mu kanwa k'umwana maze umwana akabatirishwa amazi. Umwana muto rero ubwo ahinduka umwe mu bagize umuryango mugari w'idini ya Babuloni, ari yo dini ya Vatikani. Abagatulika bizera ko binyuze muri uwo muhango umwana yezwa agakurwaho icyaha cy'inkomoko, agahinduka umwana w'Imana. Bizera ko umwana aba avutse ubwa kabiri.

Satani akoresha nanone misa (ukwigana pasika) bita "Isakaramentu rya ukarisitiya ntagatifu."

Umugati w'umuhango witwa na none "hostie" (hostiya) (IHS). Ibyo babivanye mu banyegiputa bahinduraga umugati mo ikigirwamana cyabo cy'izuba Osiris. Niyo mpamvu hositiya (ukarisitiya) ifite imiterere y'uruziga nk'iy'izuba. Inyuguti zanditse kuri hositiya y'abagatulika ni zimwe n'izo ku y'abanyegiputa: I-H-S, zikaba zihagarariye ubutatu bw'abanyegiputa Isis, Horus na Sol (akaba ari amazina y'ibigirwamana by'abanyegiputa). Kiliziya y'I Roma yakoresheje izo nyuguti eshatu ku izina rya "Yesu" mu Kigiliki. Abajezuwite bahisemo icyo kimenyetso nk'ikirango cyabo.




Niba umunyagatulika w'I Roma atagize uruhare mu isakaramentu rya ukarisitiya, azarimbuka by'iteka ryose. Abanyagatulika barya uwo Yesu wundi mu miterere y'izuba, ntibarya mu buryo bw'ikimenyetso Yesu wo mu ivanjili, ahubwo ni baali, ikimenyetso cy'abadayimoni. Indiri y'abadayimoni – Vatikani ijugunya inshundura z'imbaraga z'umwijima igashobora gufatiramo abayoboke bayo.

Hari ibimenyetso bibiri bikoreshwa kenshi cyane n'iyo nyamaswa y'inkazi. Umusaraba - ikimenyetso cy'urupfu na ukarisitiya cyangwa ugusangira bavuga ko mu by'ukuri ari Imana baba batuye igitambo.

Umusaraba ni ikimenyetso cy'imbaraga z'umwijima cyatanzwe na Semiramis, "umwamikazi w'ijuru" nk'urwibutso rw'umuhungu we Tammuz (ikigirwamana cy'izuba – Baali). Ku musaraba wa Tammuz hariho ikimenyetso cya Yesu wapfuye, ariko uretse ibyo

abagatulika baramya icyo gikoresho cy'idini kandi bagasengera imbere yacyo. Uwo musaraba ni izingiro ry'imbaraga z'umwijima, kandi mu maso y'Imana ni ikizira.“Ntuzajyane ikizira mu nzu yawe, utagibwaho n'umuvumo nka cyo; ahubwo uzacyange urunuka, uzakigire umuziro, kuko ari ikintu kiriho umuvumo” (Bibilya, Gutegeka kwa kabiri 7:26).

Inyuma y'uwo musaraba hari ububasha bukomeye bw'abadayimoni, buwuha imbaraga nyinshi, nk'uko bigaragara mu mafilime avuga iby'abapfuye basohoka mu bituro bakajya kunyunyuza amaraso y'abantu bazima (Vampires).

Muri ya masengesho yo kwirukana abadayimoni yabereye kwa Carmen Montez (soma Karumeni Montezi), mu by'ukuri nari mpanganye n'abadayimoni bigaragazaga nk'imyuka y'abapfuye. Bibiliya ivuga ko iyo umudayimoni avuye mu muntu utarahindutse, azamusubiramo, ariko hamwe n'abandi badayimoni barindwi kugira ngo bashobore kugenzura uwo muntu.

Abadayimoni baba bari inyuma y'uwo musaraba, maze bakawukoresha bumvikanisha ko ari ukugira ngo birukane abadayimoni bafite intege nke bari mu mitima y'abagatulika [baba batewe n'abadayimoni]. Muri ubu buryo, umwizera aba yiteguye guhangwaho burundu n'abadayimoni ba Babuloni. Ni muri ubwo buryo umudayimoni abafata n'imbaraga nyinshi mu mikorere ya Kiliziya gatulika.



Buri musaraba nk'ikimenyetso cy'idini, utitaye ku buryo uteye, uri mu nzu cyangwa mu kigo cy'abihayimana, ugira impinduka mu buryo bukomeye kandi butaziguye ku muntu uwutunze, kuko ukurura abadayimoni. Ku bw'ibyo rero, niba umuntu afite umusaraba mu nzu ye, yari akwiye kuwikiza ako kanya.

Ku myaka cumi n'ine hamwe n'itsinda ryo muri Koleji yacu, nasuye ikigo cy'Abaseleziyani i Las Palmas, muri Canaries (soma kanari) kugira ngo menye uburyo uwo muryango w'abihayimana ukora. Bari baritangiye gukora umurimo wo kwita ku mfubyi.
Njye n'inshuti yanjye, ubwo twirukaga ku mbuga y'icyo kigo, ako kanya inshuti yanjye yaguye mu cyobo kirangaye kirekire gifite hafi metero imwe n'igice n'ubugari bungana gutyo kandi gifite ubutambike bwa metero zigera kuri ebyiri. Yarakomeretse mu kugwa maze nanjye nsimbukiramo kugira ngo mufashe gusohokamo.

Nagerageje gufata igiti kirekire kugira ngo kimufashe kuvamo. Maze ako kanya dufatwa mu mwenda uzinze umeze nk'ishuka nini. Mu gihe nari ndi gukurura igiti, uwo mwenda warizinguye maze nkomeza guterwa ubwoba n'ibyabaga. Aho hari imirambo irindwi y'abana bato. Buri wese muri bo yari afite imisaraba itatu ku ijosi, umusaraba umwe muri buri kiganza no ku maguru abiri, mu gihe ku gituza cyabo hari imisaraba ibiri minini.

Nyuma y'igihe kirekire, umwe mu bahungu wiboneye n'amaso ye ibyo bintu biteye ubwoba byabaga, yabibwiye mushiki we w'imyaka 13 wigaga mu ishuli ry'abakobwa mu kigo cy'abihayimana. Yagiye aho bicuriza kugira ngo abwire ibyo bintu byabaye ushinzwe kumwihanisha. Nyuma y'igihe gito, umurambo we watahuwe nta matwi ufite nta n'ururimi. Ubwo kandi inshuti yanjye yazimiye mu buryo bw'amayobera kandi nta wongeye kumubona. Maze kumenya ibyabaye kuri uwo mukobwa muto, naratenguwe kubera ubwoba. Icyo kimenyetso cyari ku gatuza.

Nari meze nk'urwaye kubera ubwoba kandi natekerezaga ko nari ngiye gupfa. Abo bana bato bari baratambiwe Bikiramariya nk'uko byagendekeraga abana mu gihe cya Semiramis. Nta kintu na kimwe cyari cyarigeze gihinduka.

Uwo musaraba warambikwaga ku babaga bishwe bawitaga "amahoro ya kristo" cyangwa "pax Christi" (soma pagisi kirisiti). Abajezuwite bafashe uwo musaraba nk'ikimenyetso cy'abadayimoni binyuze mu kuramya Bikiramariya.

Hari inyigisho y'abagatulika ivuga ko Bikiramariya yababajwe nk'uko Yesu yababarijwe ku musaraba, kubera ko we ubwe yabwiwe ati "inkota izagucumita mu mutima". Kugira ngo basangire umubabaro na Bikiramariya, abagatulika bagomba kugira ikintu bigomwa nk'igitambo. Buri wese agomba kubabara kubwa Bikiramariya, kugira ngo, nk'uko babyibwira, bashobore kubona amahoro ya Kristo.

Iyo umubikira atakaje amaraso menshi abyara umwana w'umupadiri, ntacyo akorerwa cyo kumwitaho kugira ngo ashobore kubabara kubwa Bikiramariya, ndetse byaba ngombwa akamupfira. Buri gihe babatizaga umwana muto mbere yo kumutamba. Inshuro nyinshi cyane, abo bana bato banakorerwaga iyicarubozo. Abajezuwite bigisha ko hatabayeho uko kwibabaza, umuntu adashobora kubona amahoro.

Ubwo rero, nta mahoro umuntu azagirana na Yesu, niba hatabanje gutambwa igitambo mu izina rya Bikiramariya. Bavuga ko Bikiramariya azakiza umuntu ubabazwa ku bw'umuhungu we, kandi uwo muntu azabana na we amahoro. Niyo mpamvu bashyiraho ibimenyetso bimeze nk'umusaraba.

Inyigisho nk'iyo ni iy'imbaraga z'umwijima kandi ihabanye na Bibiliya; ubwo kandi umuntu ashobora kubona ko Bikiramariya w'abagatulika, mu by'ukuri si undi wundi ahubwo ni Semiramisi.

Igihe nari umwe mu bagize umuryango w'abajezuwite, nasuye Lourdes (soma Lurude) mu Bufaransa maze mbona ibitangaza byinshi byo gukiza indwara byakorwaga n'abadayimoni. Abantu bavugaga ko bakijijwe indwara bahaga ikuzo Bikiramariya. Imbaga y'abantu benshi bagendaga batangara cyane, batazi ko imyuka y'abadayimoni nayo ishobora gukora ibitangaza.

Umuryango w'impuzamatorero (Ecumenisme) uri gukururira abatari abagatulika kuri Vatikani. Muri iki gihe iyo mbaraga ishobora kubonwa, ishobora gukora binyuze mu bapadiri bashya bakunzwe na rubanda, bategura amateraniro yo gukirizamo abantu. Ugukira

kuraba, nyamara inyuma y'uko gukira haba hihishe ikigirwamana bita: Umubyeyi w'Imana, mu by'ukuri ni Semiramisi uteruye ikigirwamana Baali. Ku bwo kwigarurirwa n'imbaraga yo kuzura imyuka, abapadiri bafata Baali bakayizamura mu kimenyetso cy'imbaraga z'umwijima – umusaraba.

Twamaze kumenya ko Yesu wabo ari Tammuz, Bikiramariya wabo ari Semiramis, mu gihe ukarisitiya yabo bayikomoye ku banyegiputa kandi ishushanya ikigirwamana cy'izuba, mu gihe umusaraba w'abagatulika – ari izingiro ry'imbaraga z'umwijima.

## Igice Cya Gatanu – INGABO ZIKOMEYE Z'UMWIJIMA

### Inama nkuru ya Kabiri ya Vatikani (1962 – 1965)

Mu gihe cyo gutangira iyo nama, Papa Yohani wa 23 yaratangaje ati: "Isi yose itegereje intambwe ijya imbere!"


Mu isoza ry'iyo nama, Papa Pawulo wa 6 yaratangaje ati: "Ni kimwe mu bintu bikomeye cyane mu mateka ya Kiliziya."

Iyo nama ya Kabiri yatangaje itegeko-teka ku muryango mpuzamadini ryerekana ubugaturika nk'ububasha bukwiriye gushimangira ubumwe bw'amadini. Ibitangazamakuru byagize icyo bivuga kuri icyo cyemezo nk'ubutumwa bw'amahoro, urukundo n'ubwumvikane hagati y'amadini n'abantu bose.

Ariko mu gihe amaso y'isi yari ahanzwe ku myanzuro yatangazwaga na Vatikani n'ibitangazamakuru, umutima w'urwo rwego (kiliziya) ntiwigeze uhinduka. Iyo nama irangiye Pedro Arrupe, umuyobozi mukuru w'abajezuwite (Le general jésuite/Le pape noir), yakoranyirije hamwe abajezuwite b'ingenzi bagengwa n'indahiro y'ikirenga y'abajezuwite. Muri iyo nama hatangajwe ibi: "Igihe kirageze cyo gutunganya kiliziya no kurimbura abantu bose batagandukira Papa, mu rwego rw'imyiteguro y'ibihe bishya".




*Papa Yohani wa 23*



*Papa Pawulo wa 6*

Isi yarashutswe. Iyo nama yari uburyo bwo kwiyerekana gukomeye, hamwe no kuburizamo ibikorwa runaka no gutuma abantu batita ku migambi nyakrui ya Vatikani, kugira ngo bashobore kugenzura isi yose.



*Pedro Aruppe*

Nyuma y'iyo nama, nahawe inshingano yo kujyana n'itsinda ry'abajezuwite mu nzira zo munsi y'ubutaka za Vatikani kugira ngo twige uburyo bwakoreshwaga na Neron, Constantin, Dominique na Loyola. Izo nzira zo munsi y'ubutaka ni ndende zifite ibirometero byinshi kandi hari inzu zigerekeranye eshatu munsi ya Vatikani. ni ububiko bw'amakuru, amabanga yijimye cyane avuga ndetse no ku ntwaro zigezweho zo muri iki gihe. Ayo makuru aturuka ku batasi bakorera Vatikani, abo bakaba baboneka mu nzego zose z'ubutasi mu isi.

Uburyo bwakoreshwaga na Neron bwari bwarateye imbere cyane. Yashyizeho insengero zimeze nk'insengero nyakuri. Abigiraga nk'abizera benshi muri icyo gihe bakoreshaga amasinagogi nk'ahantu ho gukorera inama, kugira ngo bategе umutego abizera nyakuri. Idini rishingiye kuri Bibiliya ryari ribangamiye Roma cyane, kubera ko abayoboke baryo batashakaga kwemera umwami w'abami w'I Roma nk'Imana. Roma ya gipagani yabonaga ibyo nk'imbogamizi ikomeye, kubera ko iyo baramuka bambuwe ibitekerezo by'ibihimbano by'ibigirwamana byabo, abami b'abami bari kuba batakaje ububasha bwo kugenzura za Leta. Bitegetswe na Neron, Roma yaratwitswe; abanzi b'ibigirwamana by'I Roma baba ari bo babishinjwa, maze ibirori bikomeye byo kumena amaraso biratangira.

Inyandiko za Constantin (soma Konsitante) zihishura ko abami b'abami batashoboye kurimbura abanzi babo mu gihe kirenze imyaka 200. Mu buryo bukomeye abami b'abami bagendaga batakaza icyizere, kuko abo banzi b'ubwami bukomeye barushagaho kugira imbaraga. Constantin (Soma Konsitante), yakurikije icyitegererezo cyashyizweho na Nero. Ariko abantu b'abanyedini bakurikizaga Bibiliya bari biteguye neza kandi batahuraga mu buryo bworoshye intasi n'abashukanyi biyoberanyaga. Kugira ngo akumire akaga kari kamusatiriye, ubwo yabonaga abanzi b'idini rye barushaho gutera imbere, Constantin yabeshye isi atangaza ko ahindute umuyoboke wa Bibiliya, kandi ni muri ubwo buryo imikorere y'amadini afifitse, yashinzwe na Nero, yateye imbere iganisha kuri Kiliziya gatulika y'I Roma.

Abaye Papa wa mbere, Constantin (Soma Konsitante) yatangaje iteka ryo kwihanganira abantu, ariko kwari ukwihanganira gusa abantu bemeraga imiterere y'idini ye. Abantu b'inyangamugayo bakomeje kwitandukanya n'iyo mikorere, kubera ko batashakaga kuba abayoboke b'iyo dini ya gipagani yavugaga ko ari iya Gikristo.

Constantin yimukiye I Constantinople (Soma Konsitantinopule), Roma isigara mu midugararo ikomeye cyane. Abayobozi b'idini bashishikarije abaturage kwigaragambya, maze baha ruswa abayobozi ba gisirikari, babashishikariza kuva ku myanya yabo y'ubuyobozi kugira ngo abapadiri, abakaridinali na Papa, bafate ubugenzuzi bw'Ubwami. Ryari rya tsinda ry'abasenga ibishushanyo bari bafite imyanya y'ubuyobozi y'ingenzi I Roma, kandi ubu, mu guhindura amazina y'icyubahiro yabo, bafashe ububasha busesuye mu Bwami. Ubutunzi bwose Roma yari yarasahuye mu myaka amagana bwari mu biganza byabo, ibiganza bya Kiliziya y'I Roma.

Nyuma y'urupfu rwa Constantin, abo bayobozi b'iby'idini babayeho neza cyane. Kuri bo idini yari umushinga ukomeye ubyara inyungu. Ahagana mu mwaka wa 337, batangiye gukora umushinga wagombaga gutuma bahinduka abatunzi bakomeye cyane kurusha abandi bafite ubutaka bwo mu Burayi. Ariko ibintu byahindutse mu buryo butunguranye. Mu kinyejana cya 8, ingabo z'abayisilamu zateye kandi zigarurira mu izina rya Allah, ibihugu by'Abapapa. Ubwami bwabo bwagiye bugabanuka buhororo buhoro hanyuma busigara bugizwe n'ubutaliyani bwo hagati. Abanzi barihuse cyane kandi umutungo wa Kiliziya Gatorika wari ugiye

kurimburwa. Ibyiringiro byabo byonyine byari Pépin (Pepe), wari umwami w'umufaransa (roi des franc). Ariko se ni gute bajyaga kumwemeza kurwanirira Roma? Bari bakeneye umugambi w'uburyarya.

Baje kugira igitekerezo cyo kwandika urwandiko, aho byavugwaga ko intumwa Petero ubwe yasabaga ubufasha bwa Pépin. Bahimbye urwandiko rwavugwaga ko rwanditswe na Petero, ruvuye muri Paradizo. Nuko barwandika ku muzingo wa zahabu babwira Pépin ko rwari rwazanywe na Petero ubwe aruvanye muri paradizo, maze arushyikiriza Papa. Itsinda ritangaje ry'abihayimana bagenderaga hamwe baje kwa Pépin kumuha urwo rwandiko. Pépin yatangajwe cyane no kumenya ko Petero amuzi, maze biramunezeza. Yiringiye buri jambo ryose ry'urwo rwandiko rw'uruhimbano, maze akoraniriza hamwe ingabo ze kugira ngo zirwanirire Roma. Pepin yagiye imbere y'izo ngabo kugira ngo arwanye umwanzi maze ashobora gukiza umujyi. Urugamba rurangiye, Pépin yasubije Papa Sitefano wa 2 (Stephane II) umujyi wa Roma n'igice cy'ubutaka bwo mu nkengero zayo.

Nyuma y'urupfu rwa Pépin, wa mupapa w'indashima yahimbye indi nyandiko mu kilatini aho yemezaga ko Pépin yari yarahaye Ubutaliyani bwose Kiliziya y'I Roma. Umusimbura we Charlemange (Soma Sharilemanye) yiringiye Papa, maze ikinyoma gikomeye kurusha ibindi mu mateka kiba kiratangiye.

Mu gihe cy'Ubupapa bwa Papa Hadiriyani wa 1 (Hadrian I) hakoreshejwe indi nyandiko mpimbano yiswe "Impano za Konsitante", aho bemezaga ko Konsitante yari yaratoranije Papa nk'umuragwa w'ubwami bwose bwa

Roma. Abapapa bitangaje ubwabo ko ari abasimbura ba Mutagatifu Petero, bakaba ari nabo bafite imfunguzo z'ubuzima n'urupfu. Abami bo mu Burayi bwose biringiye ibivugwa muri izo nyandiko mpimbano n'ibinyoma by'Abapapa, maze bemera inyandiko yiswe "impano za Konsitante." Abami n'abami b'abami babonaga muri Roma umuyobozi w'iby'umwuka, bizera mu buryo bupfuye ko abapapa bari abayobozi b'ubwami bw'Imana ku isi. "Abami b'abami ba Roma" mu myambaro y'abihayimana hamwe n'abapadiri basenga ibishushanyo ba Roma bari barashoboye kugera ku ntego zabo. Bashutse isi, bigarurira amafaranga n'ubutunzi by'ubwami bwa Roma maze bashyiraho imikorere y'"Ubwami butagatifu bwa Roma."

Nyuma y'ibinyejana runaka, byose byasubiye irudubi. Abami benshi n'abantu bo mu miryango yiyubashye barahagurutse barwanya ubutegetsi bwa Papa. Abapadiri bamwe batangiye gusoma Bibiliya kandi batahura uburyo amahame yayo yari ahabanye cyane n'aya Kiliziya. Barekeye aho kwishyura imisoro maze Kiliziya y'I Roma itangira kujegagega. Hari hasigaye igisubizo kimwe gusa: Gushinga urukiko ruhana abantu bose batemera amahame ya kiliziya y'I Roma (Inquisition) mu mugambi wo kwica abantu, gusahura n'ubwambuzi hakoreshejwe ingufu kugira ngo batere ubwoba abaturage maze ubwo babatwaze igitugu.

Dominique de Guzman (Soma Dominiko do Guzumani), waje guhinduka mutagatifu Dominiko, yashinze umuryango w'aba Dominikani watangije urukiko urwo rukiko (Inquisition) (Soma Enkizisiyo) maze bashinga Icyicaro gitagatifu. Abadominikani nta mpuhwe

bagiraga. Kiliziya yagendaga yigwizaho ubutunzi binyuze mu gusahura imitungo y'abayigomekagaho. Iterabwoba ryayogoje uburayi kandi nta muntu n'umwe wari utekanye imbere y'urwo rukiko rwakoreshwaga n'icicaro gitagatifu.

Mu Budage, Umupadiri w'Umunyagaturika Luther (Soma Luteri) yanditse ingingo 95 zivuguruza Kiliziya Gatorika maze imyigaragambyo iratangira. Ubuporotesitanti bukwira mu Bufaransa, mu Bubirigi no mu Buholandi. Mu Burayi hose, abantu barahaguruka batangaza ko Papa ari antikristo. Roma yari mu midugararo. Imyaka magana abiri y'urukiko rwa Inquisition (Soma Enkizisiyo) rwayoborwaga n'abadominikani ntiyashoboye guhagarika kukwirakwira k'ubumenyi bwa Bibiliya. Byari bimeze nkaho Kiliziya Gatulika y'I Roma yendaga kugera ku iherezo ryayo.

Ni muri icyo gihe hadutse umugabo w'umuhanga cyane, wakoraga mu nzego nkuru za gisirikari z'ibihugu by'I Burayi. Izina rye ryari Ignace de Loyola (Soma Inyasi do Loyola). Umuryango washinzwe na Loyola witwaga "Illuminati" (Soma Iliminati). Kubera ibikorwa bye byo mu ibanga, yajyanywe imbere y'abakozi b'urukiko rwa Enkizisiyo. Abadominikani ntibari bagasobanukirwa ko iyo mikorere ya Loyola yashyiriweho gufasha Papa. Bamukekagaho gushaka gushinga umuryango wo mu ibanga wari kugira uruhare mu kwigomeka kuri Kiliziya y'I Roma. Ari imbere y'abacamanza ba rwa rukiko, Loyola yifuje kubona Papa, kandi ibyo yarabyemerewe kubera ububasha bwe, n'umwanya w'ubuyobozi yari arimo.

Ubwo yari ageze imbere ya Papa, Loyola yasabye imbabazi maze atanga igitekerezo ku buryo bushya bwo

kurwanya abahakanyi. Yaravuze ati “Tugomba kurwana, ariko tutabikora nk’Abadominikani.” Yatanze igitekerezo cy’amahame abiri y’imikorere ya Kiliziya Gatolika y’I Roma:


- Ugusimburana kw’Intumwa.
- Ububasha bw’ikirenga bw’Abayobozi

Papa yarabyemeye maze atangaza ko Loyola ari umuntu udakorwaho. Ayo mahame abiri yiswe inkingi zo kwizera, yemejwe ku mugaragaro mu nama y’ I Trente (Soma Tarante).

Inkingi ya mbere y’“Ugusimburana kw’intumwa” igaragaza ukwemera ko Petero yabaye Papa wa mbere kandi ko abandi bapapa ari abasimbura be.

Inkingi ya Kabiri y’“Ububasha bw’ikirenga bw’Ubuyobozi,” bivuze ko Papa afite ububasha bw’ikirenga ubugereranije n’ubw’abandi bami bose mu bihugu byose bwo ku isi.



Izo nkingi ebyiri, Abagaturika bazigaragaza mu buryo bw’ibimenyetso bazamura intoki ebyiri: Mukuru wa meme na musumbazose, ibyo umuntu ashobora kubibona kenshi cyane. Birumvikana neza ko hari abantu benshi batazi ubusobanuro nyakuri bw’icyo kimenyetso. Mu mikoreshereze y’ibimenyetso ya Kiliziya gatolika y’I

Roma, umuntu abona nanone amashusho ya Yesu na Bikiramariya basuhuza abizera bakoresheje icyo kimenyetso.

Iyo Papa asuye igihugu, asoma ubutaka bwaho maze abantu bakizera ko ari ikimenyetso cyo kwicisha bugufi. Mu by'ukuri, aba yemeza ko binyuze muri icyo kimenyetso ubwo butaka ari ubwe kubera ububasha bw'ikirenga bw'ubuyobozi bwe.



*Papa asoma ubutaka ageze mu gihugu*

Imikorere ya Kiliziya Gatolika ishingiye kuri izo nkingi ebyiri zo kwizera, kandi n'isi irabyemera. Ubwo na none kandi, Kiliziya Gatolika y'I Roma ni yo igenzura ubukungu bw'isi, kandi binyuze mu miryango yayo, igenzura hafi imiterere y'ibikorwa byose byo mu isi.

Imwe Mu Miryango Igenzurwa Na Vatikani Binyuze Mu Bajezuwite

Vatican Jesuites
Illuminati
Franc-Maçons
Banquiers (Abanyamabanki)
Mafia mpuzamahanga (Abicanyi bo mu ngabo za Vatikani)
Club de Rome
Opus Dei
Mouvement du Nouvel Age
(CFR)

# Igice Cya Gatandatu – INTUMWA Y'IMANA

Ibikorwa bivugwa muri iki gice, nabimenyeye I Vatikani, nkiri umupadiri w'umujezuwite ugengwa n'indahiro.

Umukaridinali w'umujezuwite Augustin Bea (Soma Ogusitini Beya) yadusobanuriraga uburyo abagatulika bifuzaga Yerusalemu ahagana mu mpera z'ikinyejana cya gatatu. Kubera impamvu z'akamaro kayo ku bijyanye n'iyobokamana n'ahantu iri heza cyane, umujyi mutagatifu wahindutse nk'ubutunzi butagira akagero. Byari ngombwa rero ko hategurwa umugambi wo guhindura Yerusalemu mo umujyi wa Kiliziya Gatolika y'I Roma.

Ubushobozi bukomeye bwo gutuma uwo mugambi ushyirwa mu bikorwa bwari mu bakomoka kuri Ishimayeli. Ni muri ubwo buryo Abarabu bahindutse inzirakarengane z'umwe mu migambi yateguranywe ubuhanga kurusha indi yose yigeze itekerezwa n'ubutegetsi bukoresha imbaraga z'umwijima.

Munyemerere mbabwire mu ncyamake amateka ya Isilamu.

Muri Alger (Soma Alije), muri Afrika y'amajyaruguru, umubyeyi w'umugatulika ubikomeyemo yari yarabyaye umwana mu mwaka wa 345 nyuma ya Kristo. Bamuhaye izina rya Augustin. Augustin yari umuhanga cyane, hanyuma aza guhinduka "Umutagatifu" mu idini Gatulika. Yari Musenyeri w'Afurika mu gice cyayoborwaga na Roma.

Uwo muyobozi w'indahemuka w'umugatulika yiswe "Umubyeyi wa Kiliziya." Inyandiko zizwi za Augustin ni "La cité de Dieu" (Umurwa w'Imana) na "Les confessions" (Ibikorwa byo kwicuza). Ibyo bitabo bitazwi mu bihugu by'abarabu, byagize impinduka ikomeye cyane mu buzima bwabo.

Augustin yari ahugijwe no guhindura Abarabu ngo abazane muri Kiliziya Gatulika y'I Roma, harimo n'imiryango migari yose. Nyamara, abarabu benshi bangaga urunuka ubugaturika, badashaka kwakira iyo myemerere. Hashize igihe, bohereje intasi kuri abo bantu batashakaga kwakira ubugatulika, kugira ngo bakwize hose inkuru ko umunsi umwe umuyobozi ukomeye azaduka afite inshingano yo guhuriza hamwe abarabu bose.

Imyaka magana abiri nyuma ya Augustin, ahagana mu mwaka 570 nyuma y'ivuka rya Kristo, Muhamadi yavukiye i Maka, muri Arabiya Sawudite. Uwo mugabo yagombaga guhindura umurongo w'amateka y'isi.

Muhamadi ubwe yiyitaga "Intumwa y'Imana." Yashinze idini rikomeye rya Islam (Soma Isilamu) Muhamadi yari umuyobozi w'igitangaza.

Mbere na mbere, ndashaka kubereka ukuntu isi y'iki gihe ibona idini ya Islamu. Hanyuma ndabasangiza ibyo namenyeye i Vatikani, ukuntu mu by'ukuri Isilamu yavutse. Muratangara cyane kubw'ibyo bintu. Ibyo ngiye kubabwira birasa n'inkuru idashobora gupfa kwemerwa y'ubugambayi mutigeze mwumva na rimwe ivugwa.

Dore uko isi ibona idini rikomeye rya Isilamu, ryashinzwe na Muhamadi, rifite hafi miliyari imwe y'abayoboke!

Ahantu habo hatagatifu, ni Maka, muri Arabia Soudite. Ni na wo mujyi umuhanuzi wabo Muhamadi yavukiyemo.

Isilamu yemeza ko Aburahamu n'umuhungu we Ishimayeli bubatse "Inzu y'Imana" hafi y'isoko (Zamuzam) yakijije ubuzima bwa Ishimayeli na Nyina. Inyubako y'umwimerere y' "Inzu y'Imana," yari ntoya uyigereranije n'inyubako nshya y'amabuye ireshya na metero 15 z'ubujyejuru yayisimbuye. Ni "Kaaba" (Inzu y'Imana).

Abayoboke b'idini ya Isilamu mu isi yose basenga incuro eshanu ku munsi bareba mu cyerekezo cy'aho hantu hatagatifu, amasengesho yabo bakayageza mu buryo butaziguye ku Mana yabo Allah. I Maka, Abayoboke b'idini ya Isilamu bazenguruka Kaaba, basuka amarira, basaba imigisha, bagaragaza icyifuzo cyabo gikomeye cyo kwishimira kubana na Allah muri paradizo.

Amadini atatu y'ingenzi afite ikintu rusange ahuriyeho – buri dini ryose muri ayo rifite ahantu hatagatifu aho ritegerereza amabwiriza mvajuru.

1. Abagatulika ba Roma: bafata Vatikani nk'ahantu hatagatifu.
2. Abayahudi: Batekereza ko urukuta rw'amaganya ari ahantu hatagatifu.
3. Abayisilamu: babona Maka nk'ahantu hatagatifu.

Buri tsinda ryizera ko mu gusura aho hantu hatagatifu, bakira imigisha y’ubuzima bwose.

Mu itangira, abashyitsi bazanaga impano mu "Nzu y’Imana" i Maka, kandi abarinzi ba Kaaba bagaragarizaga urukundo abantu bose bahazaga. Abantu bamwe bazanaga ibigirwamana (Ibishushanyo) byabo maze kugira ngo batababaza abo bantu, abarinzi bakabirambika mu nzu y’Imana (Kaaba).

Abayahudi bafataga Kaaba nk’ubuturo bwa kure bw’Imana, mu gihe cyose yari itarahumanywa n’ibigirwamana (ibishushanyo).

Byaje kugera ubwo abantu bari batagishobora kugera ku isoko (Zamuzam) kubera ko ubwoko bwarindaga aho hantu hatagatifu nutashakaga gushyikirana n’abandi bantu. Ubwo bwoko bwari ubwo muri Yemen, kandi bwitwaga Jurhum.

Abajuruhumite banagenzuraga Maka. Hanyuma, abantu baza guhangana n’abajuruhumite bashaka kubirukana.

Ubwo bahavaga, Abajuruhumite bajugunye igice cy’ubutunzi bwari muri Kaaba – impano z’abazaga kuhasura, zari zarahakusanyirijwe mu gihe cy’imyaka myinshi, bazijugunya mu isoko Zamzam. Bayujujemo umusenyi maze isoko irazimira. Ubwoko bw’aba Khuzaites (soma Kuzayite) ni bwo bwayigaruriye, maze bemerera ikigirwamana cy’abamowabu cyitwa Hubali gushyirwa muri Kaaba, bityo kuramya ibigirwamana birakomeza.

Abakhuzaite basimbuwe n'aba Quraychites (soma Abakurayishite), ubwoko bukomeye cyane bwakomokaga kuri Ishimayeli.

Ubwo ni bwo I Maka hadutse umugabo wubashywe mu bakurayishite, n'ubwo yavaga mu bwoko bwa Hachim (Soma Hakimu). Izina rye ryari Abd Al-Mutalib, Sekuru w'umuhanuzi Muhamadi.

Al-Mutalib yagize amayerekwa maze muri yo amenyeshwa ahantu yashoboraga kuvumbura isōko. Umwuka yamubwiye gushaka amaraso, amabyi, imigina y'intozi n'inyoni z'iminwa miremire zitoragura ibizitunga.

Yabonye ibintu byamwerekaga ko ahantu hari isōko hagati y'ibigirwamana bibiri aho Abakurayishi batambiraga ibitambo byabo. Yatangiye gucukura maze aza kubona ya sōko n'ubutunzi bwayo, maze ubwo ahinduka intwari ya Maka.

Abd Al-Mutalib yasenze imana ye ayisezeranira ko azayitambira umuhungu umwe muri Kaaba niramuka imuhaye umugisha w'abahungu icumi.

Nyuma y'imyaka runaka, amasengesho ye yarasubijwe. Umuhungu we w'umuhererezi, umusore mwiza cyane witwaga Abd Allah, ni we yakundaga cyane. Kandi igihe cyari kigeze kugira ngo uwo mubyeyi asohoze isezerano rye. Umwe mu bahungu be yagombaga gupfa.

Muri Kaaba, imbere y'ikigirwamana cy'Abamowabu Hubal, ababaga bahari bagiraga uruhare mu mihango yo kuramya ibigirwamana. Ubufindo bwaguye ku muhungu muto.

Hagati aho, nyina wa Abd Allah, yarabyanze. Abandi bahungu be batakambira se ngo areke murumuna wabo abeho.

Se wa Abd Allah yagiye kureba umupfumukazi kugira ngo amugishe inama. Amaze kugisha inama umwuka ukorana na wa mupfumukazi, yabwiye Abd Al-Mutalib kongera gukora ubufindo ngo barebe niba imana ze zakwemera igitambo cy'inyamanswa mu cyimbo cy'umuhungu we. Ingamiya ijana zarishwe maze Abd Allah ararokoka. Ni we waje kuba Se w'umuhanuzi Muhamadi.

Ni Abarabu b'Abagatulika bazanye ibyo kwaduka k'umuhanuzi w'umwarabu, mu buryo bumwe n'ubw'Abayahudi bari bategereje Mesiya.

Ninde utari uwo muhanuzi wari gushobora guhindura abarabu akabakura mu kuramya ibigirwamana? Muri Kaaba, hari harimo n'igishushanyo cya Bikiramariya n'icy'umwana Yesu.

Abd Allah yashyingiranywe na Amina mu mwaka wa 569. Bidatinze byabaye ngombwa ko agenda mu itsinda ry'abantu benshi kubera akazi ke. Ari mu rugendo yaje kurwara maze arapfa. Amina yari atwite inda y'umwana we.

Nk'uko bivugwa mu mico y'abarabu, yumvise ijwi ryamubwiraga riti "Utwite umutware w'ubu bwoko; namara kuvuka, uzavuge uti "Mushyize mu burinzi bw'Imana" kandi uzamwite "Muhamadi."

Ubwo umwana yavukaga, Sekuru Abd Al-Mutalib yajyanye Muhamadi wari ukiri muto muri Kaaba kugira

ngo ahavugire amasengesho n'amashimwe kubw'impano yari abonye.

Abahungu bo mu miryango ikomeye y'Abarabu, bo mu mijyi nka Maka, boherezwaga mu butayu kugira ngo bahamare igihe cy'ubwana bwabo bari hamwe n'ubwoko bw'Aba bédouins (Ababeduwini) aho batozwaga neza, kandi bakirinda impfu ziterwa n'ibyorezo byo mu mijyi.

Umuryango ukennye wari wafashe Muhamadi kugira ngo umwiteho, wahawe umugisha mu buryo bwinshi. Dukurikije ibyo idini ya Isilamu ivuga, igihe Muhamadi yari umuhungu muto, yafashwe n'abagabo babiri bambaye imyenda yera, hanyuma bamuryamisha ku butaka aryamishije umugongo, bamufungura igituza maze bakura mu mutima we akabumbe k'amaraso kirabura (umukara).

Hanyuma boza umutima we bakoresheje amasimbi. Nta kimenyetso cy'igikomere cyari ku gituza cye, ariko ku mugongo we, umuntu yashoboraga kuhabona ikimenyetso gito kuva ku ivuka rye.

Nyuma y'imyaka myinshi, ni bwo yashoboye gusobanura icyo kintu bivugwa ko cyamubayeho mu buryo burambuye. Ubwo ni bwo Muhamadi yatanze ubuhamya bwe butangaje cyane:

"Satani akora kuri buri mwana w'Adamu wese ku munsi nyina yamubyariye. Gusa Mariya n'umuhungu we ni bo batigeze bakorwaho na we."

Ni kuki Muhamadi yavuze amagambo ashyigikira inyigisho Gatulika?

Ese ibyo ntibitangaje?

Nyina wa Muhamadi, Amina, yapfuye ubwo Muhamadi yari afite imyaka 6. Kuko yari akomeje kuba imfubyi, sekuru Abd Al-Mutalib yamwitayeho. Ariko nyuma y'imyaka ibiri na sekuru nawe yarapfuye. Kabaye agahinda gakomeye ka kabiri mu Buzima bwe.

Amaze imyaka 9, Muhamadi na se wabo bagiye mu rugendo hamwe n'abandi bantu benshi. Umupadiri w'umugatulika abonye uwo muhungu atangira kumubaza ibibazo. Hanyuma amusaba kureba ikimenyetso cyo mu mugongo we. Aratangara cyane ati "Ni ikimenyetso cy'umuhanuzi" maze abimenyesha se wabo wa Muhamadi, aramubwira ati:

"Subiza umuhungu w'umuvandimwe wawe mu gihugu cye kandi umurinde Abayahudi, kugira ngo ashobore gukorera Imana ye…. Nibaramuka bamubonye bakamenya ibyo muziho, bazacura umugambi wo kumukuraho. Umuhungu w'umuvandimwe wawe yateganirijwe gusohoza ibikorwa bikomeye.

Ni muri ubwo buryo uwo mupadiri w'umugatulika yateguye inzira y'ibikorwa byagombaga gukurikiraho byo kurenganya Abayahudi bikozwe n'abayisilamu.

Muhamadi yari afite imyaka makumyabiri n'itanu ubwo yashyingiranwaga n'umugore w'umupfakazi w'umukire witwaga Khadiah wari ufite hafi imyaka mirongo ine.

Muhamadi na Khadiah babyaye abahungu babiri, bapfuye bakiri abana bato n'abakobwa bane. Uwamenyekanye, ni Fatima, washyingiranwe n'uwagombaga gusimbura Muhamadi, mubyara we Ali.

Ahagana mu mwaka wa 610, Muhamadi yemeje ko yahawe iyerekwa rikomeye rivuye ku mana Allah mu ishusho y'ikiremwa gihebuje cyitwa Malayika Gaburiyeli wamubwiye, nk'uko bivugwa, ati:

"Uri umuhanuzi wa Allah!"

Ni muri ubwo buryo Muhamadi yatangiye umurimo we w'ubuhanuzi. Mu bihe byakurikiyeho yakomeje kugenda yakira ubutumwa, yemeza ko yabuhabwaga buvuye kuri Allah, kugeza igihe yapfiriye.

Afashijwe na mubyara w'umugore we, umugatulika witwaga Waraqah ( Soma waraka), umuhanuzi Muhamadi yashoboraga gusobanukirwa ubwo butumwa. Waraqah yaravugaga ati:

"Muhamadi mu by'ukuri ni umuhanuzi w'ubu bwoko." Amwe mu mayerekwa ye avugwa mu Ikorowani, mu mwaka wa 650, mu gihe izindi nyandiko za Muhamadi zitigeze zishyirwa ahagaragara.

Mu mwaka wa gatanu w'umurimo wa Muhamadi, nibwo hatangiye akarengane kakorerwaga abayoboke be, kubera ko bangaga kuramya ibishushanyo byo muri Kaaba. Muhamadi yagiriye inama bamwe guhungira muri Etiyopiya.

Negusi, umwami w'umugatulika wayoboraga Etiyopiya yarabakiriye ku mpamvu z'imyumvire ya Muhamadi kuri Bikiramariya, yari ifite aho ihuriye cyane n'amahame ya Kiliziya Gatulika y'I Roma.

Muhamadi yavuze ko ijoro rimwe yakanguwe ubwo yari asinziriye akanguwe na Malayika Gaburiyeli, amujyana ku nyamanswa yo muri paradizo ifite

amababa, yitwa Bouraq (soma Buraki). Bombi, bayigendeyeho irabagurukana ibageza ku matongo y'urusengero rw'Abaheburayo I Yerusalemu.

Muhamadi yakomeje avuga ko abahanuzi nka Aburahamu, Mose, Yesu, n'abandi basengaga, bamusanze aho hantu hari urusengero rwasenywe.

Nyuma y'amasengesho, yagiye ku mugongo wa ya farashi Bouraq, ajya muri paradizo aho nanone yahuye n'abahanuzi hanyuma ahura n'Imana ubwayo. Dukurikije ibyo Muhamadi yivugira ubwe, yakiriye ukwizera kwa Isilamu n'amabwiriza yerekeranye no gusenga gatanu buri munsi – abibwiwe n'Imana. Iryo yerekwa ryagize impinduka ikomeye ku mateka y'isi.

Kubera ibikorwa by'akarengane, Muhamadi yahungiye I Madina mu mwaka wa 622, kuri kirometero zigera kuri 300 mu majyaruguru ya Maka. Yegukanye intsinzi mu mirwano myinshi. Abamurwanyaga b'I Madina barishwe.

Aho I Madina, Muhamadi yahagaragarije umutima w'urwango rukomeye afitiye Abayahudi asenya ibirorero bari babagamo.

Ku bw'impamvu za Politiki yarongoye abandi bagore, kugira ngo agirane isano ikomeye na bene wabo, no gukomeza umwanya we w'ubuyobozi.

Maka yohereje umutwe w'ingabo ugizwe n'abantu 10,000 kugira ngo bafate Muhamadi ariko ntibababigeraho. Ntibigeze bashobora gutambuka ku ngabo ze. Nyuma y'ijoro ry'umuyaga ukomeye n'imvura, za ngabo zikomeye kandi nyinshi zasubiye inyuma maze zikwira imishwaro.

Muhamadi ntiyari afite umugambi wo kurimbura Maka n'abayirimo, ahubwo yifuzaga ko bakwemera idini ya Isilamu.

Mu mwaka wa 630, Muhamadi ayoboye ingabo ze 10,000, yigaruriye Maka, maze Kaaba irezwa ikurwamo ibigirwamana.

Muhamadi yashatse gushinga idini rye bwite. Yari akeneye ubufasha ku bwoko bwe bukomeye. Mu gushyiraho Allah, imana y'Ukwezi bubahaga cyane, nk'Imana imwe rukumbi, we ubwe yatangaje ko ari umuhanuzi wa Allah.



Amateka ahamya ko mbere ya Isilamu, Abasebinsi muri Arabiya baramyaga imana y'ukwezi yari yarashyingiranywe n'ikigirwamanakazi cy'izuba. Bari barabyaye abakobwa batatu, bitwa Al-Lat, Al-Uzza, na Manat. Abo bahindutse ibigirwamana, bubahwa cyane "nk'abakobwa b'Allah."

Ukwezi kw'igice kuzwi hose nk'ikimenyetso cya Islamu. Mu mwaka w'1950, igishushanyo kibumbye cy'imana y'ukwezi cyataburuwe muri Mazore ho muri Palestina. Igishushanyo mubona aha hirya cyerekana Allah yicaye ku ntebe ya cyami. Ku gituza cye hari ikimenyetso cy'ukwezi. Ubwo rero, Allah ni igishushanyo, ni ikigirwamana!

Kiliziya y'I Roma yifuzaga cyane Yerusalemu, kubera agaciro kayo mu by'Iyobokamana, ariko ibyakozwe byose

byo kwigarurira uwo mujyi byagiye biburizwamo n'abayahudi.

Ikindi kibazo cyari uko muri Afurika y'amajyaruguru hari hari abakristo bari bashikamye kuri Bibiliya.

Kiliziya Gatolika y'I Roma yagendaga yongera ubutware bwayo kandi ntiyihanganiraga na gato abayirwanya. Kiliziya y'I Roma yagombaga kurema intwaro zo kurimbura Abayahudi n'abakristo bashingira kwizera kwabo kuri Bibiliya, bakanga kwemera Kiliziya Gatolika y'I Roma.

Mu gutekereza Afrika y'amajyaruguru, Kiliziya y'I Roma yabonaga abarabu benshi cyane nk'imbaraga zikomeye zasohoza uwo murimo mubi. Abarabu benshi bari barahindutse abagatulika kandi bashoboraga gukoreshwa mu kugeza amakuru ku bayobozi babo I Roma.

Abandi bashoboraga gukora mu mutwe wa 5 w'intasi, wajyaga gufasha Roma mu mugambi wayo wo kugenzura umubare munini w'abarabu bashoboraga kwigomeka kuri Kiliziya Gatolika.

Ubwo Mutagatifu Agusitini yari akiriho, yari asobanukiwe neza n'ibyari biri kuba. Yari umugabo ufite ububasha kandi ugira impinduka ku bandi abifashijwemo n'ingabo ze ari zo bigishwa be. Ibigo by'abihayimana bye byari ahantu yaboneraga kandi agatwikira inyandiko zandikishijwe intoki za Bibiliya zabaga zifitwe n'abakristo bashingira kwizera kwabo kuri Bibiliya. Agusitini yagizwe "umutagatifu" kubera umurimo ukomeye yakoreye Kiliziya Gatulika.

Kiliziya y'I Roma yashakaga gushyiraho Mesiya w'umwarabu, umuntu wari guhinduka umuyobozi ukomeye, umuntu ufite ubushobozi budasanzwe bwagombaga kumushoboza kwigisha no guhuriza hamwe abarabu bose batari abagaturika. Kiliziya yifuzaga gushinga ingabo zikomeye zagombaga kwigarurira Yerusalemu zibikoreye Papa.

Mu nama zaberaga i Vatikani, Karidinali Agusitini Bea yatubwiye inkuru ikurikira :

Umugore w'umukire w'umwarabu, umuyoboke w'indahemuka wa Papa, yagize uruhare rukomeye muri ibyo bintu byabaye ku barabu. Ni wa mupfakazi Khadiah (soma Kadiya). Yari yarahaye ubutunzi bwe bwose Kiliziya Gatulika kandi yari yarashyizwe mu cyigo cy'abihayimana b'abagore.

Muri icyo cyigo yahaherewe inshingano idasanzwe yatumye bamwohereza hanze y'icyigo. Inshingano ye yari iyo gushaka umuyobozi ukiri muto kandi w'umuhanga, wo gukorera Kiliziya y'I Roma, agashinga idini rishya maze agahinduka Mesiya w'abakomoka kuri Ishimayeli. Bidatinze yabonye umusore Muhamadi maze barashyingiranwa (icyo gihe Kadiya yari afite imyaka 40).[8] Kadiya yari afite mubyara we witwa Waraqah (soma Waraka) kandi kimwe na Kadiya, na we yari umuyoboke ukomeye w'indahemuka w'umugatulika. Yari afite ubutware bukomeye kuri Muhamadi. Roma yamubonyemo umujyanama wa Muhamadi.

[8] Uburyo nk'ubu ni bwo bwakoreshejwe mu gushinga umutwe uharanira ubwigenge bwa Palestine (Oraganisation de Libération de la Palestine). Umukobwa w'umugatulika w'indahemuka witwa Souha wari ufite imyaka 28, yashyingiwe Yaser Arafat wari ufite imyaka 62.

Roma yabonye uwo mugabo, kandi amafaranga ntiyari ikibazo. Abigisha boherejwe kwa Muhamadi kugira ngo bamutoze mu buryo bwihuse cyane. Biturutse ku murimo wakozwe na Waraqah Muhamadi yemeye inyandiko za "mutagatifu" Agusitini maze ahinduka umuntu ushyigikiye ibitekerezo bye. Ibyo byamuteguriraga "Umuhamagaro ukomeye."

Binyuze muri Kiliziya y'I Roma, abadayimoni bafungiye umuryango abarabu, bababuza gusobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya mu gihe cy'ibinyejana byinshi. Hakurikijwe amabwiriza y'I Roma, abarabu b'abagatulika bo muri Afurika y'amajyaruguru, batangiye gukwiza impuha zerekeye umuhanuzi ukomeye waba waratoranijwe n'Imana.

Ubwo batozaga Muhamadi, bamwumvishije ko Abayahudi ari abanzi be. Banamubwira kandi ko Abagatulika ari bo bakristo nyakuri bonyine, naho abandi bavuga ko ari abakristo bakaba ari ababeshyi n'abana ba Satani bagenewe kurimbuka.

Abayisilamu benshi no muri iki gihe, bizera iyi nyigisho ituruka ku badayimoni.

Ubwo Muhamadi yatangiraga guhabwa amayerekwa mu buvumo bw'umusozi wa Hira, bugufi bw'I Maka, Waraqah (umugatulika wari mubyara w'umugore wa Muhamadi), yivanze cyane mu gusobanura amayerekwa yahawe Muhamadi. Hanyuma hakurikiyeho igitabo gitagatifu cya Isilamu cyitwa Korowani, gikubiyemo menshi mu mayerekwa ya Muhamadi. Mwibuke ko mu gihe cya mbere, abayisilamu bari bafite uburinzi

bw'abami b'abagatulika kubera ko amayerekwa ya Muhamadi yari afite aho ahuriye na Bikiramariya.

Ariko inyandiko za Muhamadi zari zitarashyirwa ahagaragara. Muri iki gihe ziri mu biganza by'abagabo bafatwa nk'abatagatifu bari mu myanya y'icyubahiro gikomeye bo mu idini ya Isilamu (Les Ayatollahs).

Ubwo yatubwiraga ibyo byose I Vatikani, Karidinal Beya, yaravuze ati "Izo nyandiko zirarinzwe kuko zikubiyemo amakuru agaragaza isano iri hagati ya Vatikani na Isilamu. Izo mpande zombi zifitanye amakuru, ku buryo ibyo biramutse bitahuwe, byaba urukozasoni rukomeye n'akaga kuri ayo madini yombi."

Mu gihe cy'urupfu rwa Muhamadi, habayeho ukuvumbuka gukomeye kw'idini ya Isilamu. Amoko yo mu barabu yahurije hamwe imbaraga zayo mu izina ry'Allah n'umuhanuzi wabo Muhamadi.

Mu gitabo cyabo gitagatifu, Ikorowani, Yesu afatwa nk'umuhanuzi. Niba rero Papa amuhagarariye ku isi, na we agomba gufatwa nk'umuhanuzi w'Imana, ari na byo bituma abayoboke b'idini ya Isilamu bubaha Papa nk'undi muntu "mutagatifu."

Papa yateraga imbere mu buryo bwihuse. Yahaye abajenerali b'abarabu impapuro zimwe zibemerera kugaba ibitero byo kwigarurira ibihugu byo muri Afurika y'amajyaruguru. Vatikani yishingiye ibyagombaga gukoreshwa n'izo ngabo zikomeye z'Abayisilamu, ariko na bo bakayikorera ibi bikurikira:

1. Kurimbura Abayahudi n'abakristo bashingira ukwizera kwabo kuri Bibiliya, abo bita abatemera;

2. Kurinda abapadiri ba Agusitini n'abagatulika ba Roma.
3. Kwigarurira Yerusalemu bakayegurira Papa na Kiliziya y'I Roma.

Ibitero byo muri Afurika y'amajyaruguru byaratangiye. Uko igihe cyahitaga ingabo za Isilamu zagendaga zirushaho gukomera cyane. Abayahudi n'abakrisito bishingikiriza kuri Bibiliya barishwe kandi na Yerusalemu yigarurirwa n'abayisilamu.

Biratangaje kumenya ko muri icyo gihe, abagatulika bose nta n'umwe wigeze aterwa, ndetse n'insengero zabo nta na rumwe rwagabweho igitero.

Igihe cyo kwishyura cyarageze, Papa asaba ko bamuha Yerusalemu.

Kugeza icyo gihe abajenerali b'abarabu baratsindaga aho bajyaga hose. Bizeraga ko nta kintu na kimwe cyashoboraga kubitambika mu nzira.

Abigiriwemo inama na Waraka, Muhamadi yanditse ikinyoma gikomeye muri Korowani – ko Aburahamu yashakaga gutamba Ishimayeli nk'igitambo. Bibiliya ibisobanura neza ko ari Isaka wagombaga gutambwa, mu gihe Muhamadi yashyize izina rya Ishimayeli mu mwanya w'irya Isaka.

Kubera ibyo hamwe n'amayerekwa ya Muhamadi, abayoboke b'idini ya Isilamu bubatse umusigiti (Le Dôme du Rocher) mu rwego rwo guha icyubahiro Ishimayeli, ahahoze hubatse urusengero rw'abayahudi rwasenywe mu mwaka wa 70 nyuma y'ivuka rya Yesu, ibyo bihagira ahantu ha kabiri hatagatifu h'idini ya Isilamu.

None se, ni gute bajyaga gufata urusengero nk'urwo bakarwegurira papa?

Papa yasobanukiwe ko yari yamaze gutakaza ubushobozi bwo kugenzura ibyakorwaga mu gihe cyose abayisilamu bafataga "Nyirubutungane" nk'utizera.

Mu kwemera ko bari barahamagariwe kugarurira isi yose Allah, abajenerari b'abayisilamu batangiye kureba mu cyerekezo cy'i Burayi. Intumwa z'abayisilamu zaje kureba "Nyirubutungane" i Roma, kugira ngo babone uburenganzira bwo kwigarurira ibihugu by'i Burayi.

Kiliziya y'I Roma yumvise ibyo biyikomereye. Ntacyashoboraga guhagarika iyo ntambara. Roma yumvaga ko kugenzura isi byari bigize uburenganzira bw'ibanze bwa Papa. Kiliziya ntiyashoboraga no gutekereza ukuntu yagabana ubutegetsi n'undi muntu uwo ari we wese. Papa yashinze umutwe w'ingabo zo kumurwanira intambara ntagatifu (les croisés), kugira ngo babuze abakomoka kuri Ishimayeri kwigarurira Uburayi Gatulika.

Intambara yarakomeje mu gihe cy'ibinyejana… Kandi Yerusalemu ntiyagiye mu biganza bya Papa.

Byzance (Soma Bizanse) yarigaruriwe, Esipanye na Porutigali na byo byagabweho ibitero n'ingabo za Isilamu.

Muri Porutigali, Abayisilamu bahaye izina rya Fatima ikirorero cy'imisozi, mu guhesha icyubahiro umukobwa wa Muhamadi, badatekereza ko hari kuzahinduka ahantu hazwi mu isi yose.

Nyuma y'imyaka myinshi, mu gihe ingabo z'abayisilamu zari zikambitse mu birwa bya Sardigne

(soma Saridenye) na Corse (soma Koruse), kugira ngo zigarurire Ubutaliyani, havutse ikibazo gikomeye.

Abajenerali b'Abayisilamu basobanukiwe ko batari bakomeye bihagije, ko impamba n'ibindi bintu bari bakeneye byari bigiye kubashirana, kandi ko bari barigaruriye ibihugu byinshi cyane kandi ko igihe cyari kigeze ngo batangire imishyikirano y'amahoro. Umwe mu bashyikiranaga ku ruhande rw'abagatulika yari Francois d'Assise (soma franswa d'Asize).

Banyuze mu nzira zisanzwe zikoreshwa mu mishyikirano kugira ngo babashe gushyira umukono ku masezerano y'amahoro. Amasezerano yari akubiyemo ibi bikurikira :

**Abayisilamu babonye uburenganzira** bwo kwigarurira Byzance (soma Bizanse) (ubu yitwa Turukiya) mu gice cy'Abakirisitu.

**N'Abagatulika babonye uburenganzira** bwo kwigarurira Libani mu gice cy'Abarabu.

Byari byumvikanyweho kandi ko abayisilamu bashoboraga kubaka imisigiti mu bihugu by'abagatulika, kandi ibyo ntibigire ikibazo bitera… Ariko mu buryo bujyanye n'umuvuduko wo kujya mbere kw'Abagatulika mu bihugu by'abarabu.

Karidinali Bea yatubwiye ko Abayisilamu n'abagatulika bifatanije kugira ngo bahagarike kandi baburizemo umuhati w'abanzi babo rusange – ari bo bashingira idini ryabo kuri Bibiliya.

Binyuze mu nzira y'ubwo bwumvikane, abadayimoni bari barimo gusenya ibya mwuka mu bakomoka kuri

Ishimayeli bashyiraho urukuta runini cyane rwo kwigomeka kuri Bibiliya kugira ngo bayigize kure cyane y'abarabu.

Nyuma yo gusinya amasezerano y'ubwumvikane, Abayisilamu bakurikiye abayobozi babo b'ikirenga, n'abandi bayobozi babo b'idini (ayatollahs). Ku ruhande rwa Kiliziya Gatolika y'I Roma, yatangije igikorwa cyo kubyutsa urwango hagati y'Abayisilamu b'abarabu n'abayahudi. Mbere babanaga mu mahoro.

Abayisilamu bose barebanaga Bibiliya indoro y'urwikekwe, bizera ko abayubaha bari abadayimoni, umugambi wabo ukaba ari uwo guhumanya no kurimbura abana ba Allah. Umugambi w'abajezuwite wari uwo kugenzura Isilamu mu buryo bwuzuye.

Mu mwaka w'1910, Porutigali yahindutse igihugu cy'Abasosiyalisiti. Ahantu hose hari amabendera atukura, Kiliziya gatulika muri icyo gihugu yari ihanganye n'ikibazo gikomeye. Abayobozi b'ishyaka ry'abasosiyalisiti bashakaga gusenya ubushobozi bwa Kiliziya.

Amabonekerwa ya Bikiramariya yari ategereje gusa igihe cyari kubabera kiza. Byari ngombwa ko babyaza inyungu nyinshi zishoboka icyo kintu kidashanzwe, kandi ntabwo kwari ukugarura Porutigali gusa munsi y'ubutware bwa Vatikani.

Abajezuwite bashakaga kubishyiramo n'Uburusiya, kandi ahantu iryo bonekerwa ryari kubera, ikirorero cy'i Fatima, hagombaga kugira uruhare rukomeye no mu muhati wo kugarura Abayisilamu muri Kiliziya yababyaye.

Mu mwaka w'1917, Bikiramariya yabonetse i Fatima. Iryo boneka rya Nyina wa Jambo, ryabaye intsinzi yuzuye, bari bari gukinira umukino w'ikinyoma ku mbaga y'abantu? Ese ingaruka zabaye izihe? Ni ugutsindwa gukomeye kw'Abasosiyaliste bo muri Porutigali.

Abajezuwite batekereje isengesho ryihariye rigenewe Fatima, ryagombaga kumara iminsi icyenda; muri Afurika y'amajyaruguru, iryo sengesho ryasabaga ko habaho imibanire myiza n'ibihugu byiganjemo Isilamu. Abarabu bizeye buhumyi ko ayo masengesho yari ayo guhesha ikuzo Fatima, umukobwa Muhamadi.

Abagatulika mu isi yose batangiye gusengera uguhinduka k'Uburusiya. Ingaruka z'iyerekwa ry'I Fatima ni izi: Papa Piyo wa 12 yategetse ingabo z'abanazi gusenya Uburusiya n'idini rya Orthodoxe (soma Orutodogise), kubera ko Uburusiya bwagombaga kuhinduka igihugu Gatulika.

Iyerekwa rya Fatima ntiryigeze ryibagirana. Nyuma y'imyaka runaka, bamaze gutsindwa intambara ya kabiri y'isi, Papa Piyo wa 12 yateye ubwoba isi yifashishije iyerekwa rififitse ry'izuba, kugira ngo akururire ibitanyamakuru kwita kuri Fatima. Cyabaye igikorwa cy'ubucuruzi gikomeye mu by'idini, cyemewe mu buryo bworoshye n'isi yose. Nta kintu na kimwe gitangaje kuko Papa Piyo wa 12 ni we wenyine wari wahawe iryo yerekwa.

Uko bimeze kose, itsinda ry'abayoboke ba Kiliziya y'I Roma ryahindutsemo ingabo zikomeye mu isi yose,

zihuriza hamwe miliyoni z'abayoboke ba kiliziya Gatulika biteguye kuba bapfira Bikiramariya.

Ariko ntabwo byari ibyo gusa. Hakurikijwe umugambi w'abajezuwite, Mariya yagombaga kuboneka inshuro enye cyangwa eshanu mu Bushinwa, inshuro runaka mu Burusiya, n'inshuro nyinshi muri Leta z'unze ubumwe z'Amerika. Kandi abantu bagombaga kubyizera.

Ese ibyo bihuriye he na Isilamu? Dore ibyo Nyakwigendera Musenyeri Sheen (soma Shini) avuga kuri Bikiramariya na Isilamu:

"Amayerekwa y'Umubyeyi wacu I Fatima, yagaragaje impinduka mu mateka ya miliyoni amagana z'abayisilamu bagoye cyane guhindura ngo babe abakristu (Abagaturika). Mu binyejana runaka, Abayisilamu bigaruriye Porutigali maze bahasiga ibirango. Nyuma y'urufu rw'umukobwa we Fatima, Muhamadi yavugaga ko ari we mugore utunganye kurusha abandi bagore muri Paradiso nyuma ya Mariya."


Musenveri Sheen

Musenyeri Sheen (Shini) yavuze ko Bikiramariya yahisemo kumenyekana nka "Notre Dame de Fatima" (Umubyeyi wacu w'I Fatima) nk'ikimenyetso cyo kugira ngo Abayisilamu bemera kudasamanwa icyaha kwa Bikiramariya bemere n'Ubumana bwa Yesu.

Yashimangiye ko ibishushanyo bibumbye bya Bikiramariya, byazanwaga n'abagenzi babaga baje mu mutambagiro, byakiranywe urugwiro rwinshi n'abayisilamu muri Afurika, mu Buhindi n'ahandi hantu, kandi ni ku bw'iyo

mpamvu Abayisilamu benshi bazaga muri Kiliziya Gatulika. Nk'umuyobozi w'ikigo Gatulika gishinzwe kwamamaza ukwemera, Musenyeri Sheen yavuganaga ubutware.

Mu gice cya kabiri cy'ikinyejana cya 19, Espanye yaranzwe n'imivurungano ikomeye cyane mu bya Politiki. Ubwami bwayo bw'Ubugaturika bwari buri mu marembera, maze umwamikazi yamburwa ikamba mu mwaka w'1868. Espanye yahindutse repubulika mu gihe cy'imyaka ibiri.

Ingoma ya cyami yongeye gusubizwaho maze igeza mu mwaka w'1923. Kubera ko ibya politiki byarushagaho kugenda biba bibi cyane, Espanye yongeye kurangwamo akajagali. Vatikani yokeje igitutu gikomeye Espanye ubwo yahitagamo kongera kuba repubulika. Kiliziya Gatulika yatangiye kubikoma mu nkokora.

Kuva mu mwaka w'1931 kugeza mu mwaka w'1936, abaperezida batanu bagiye basimburana. Abagatulika bo muri Esipanye bahamije ko batubaha Vatikani mu kwaka imisoro ku mitungo ya Kiliziya kandi banabuza abapadiri n'ababikira kwigisha mu mashuri ya Leta. (Ntibari barigeze batekereza na rimwe ibyo Vatikani yabateguriraga)

Abagatulika bo muri Esipanye babangamiraga imishinga ya Kiliziya y'I Roma. Ni yo mpamvu Kiliziya yateguye umugambi wo kubarimbura, yitwaje kurwanya ubukomunisiti.

N'ubwo abaperezida benshi ba Repubulika ya Esipanye bari barigishijwe n'Abajezuwite, na bo ubwabo, bigomekaga ku bayobozi ba Kiliziya y'I Roma.

Abayobozi bo ku rwego rwo hejuru ba Kiliziya Gatulika y'I Roma, bavuganye n'abayobozi b'idini ya Isilamu. Aba, bari bafitiye umwenda Vatikani kubera ikinyoma ku birebana na Yerusalemu.

Mu gusinya amasezerano y'ubufatanye, basezeranye ko bazafasha Papa nibiba ngombwa, kandi ko bazanamufasha mu buryo bwa Gisirikari nabyifuza. Ubu rero igihe cyari kigeze cyo kubikora.

Abajezuwite babyungukiyemo. Mbega abanya Esipanye bateye agahinda! Mbega ukuntu bari bagiye kubabara? Binyuze mu nzira y'imishyikirano yo mu ibanga, bahagurukije ingabo ziyobowe na Jenerali Franco (Soma Furanko). Vatikani yateye inkunga izo ngabo kugira ngo bahe isomo Abanya Esipanye.

Mu mwaka w'1936, hadutse mu bundi buryo "Urukiko rushya ruhana abahakanyi rwo muri Esipanye (inquisition)." Babyise "Intambara yo gusubiranamo kw'abenegihugu ba Espanye" yari iyobowe na Vatikani mu ibanga. Kugira ngo bahishe isi ukuri, ibyabaga babigaragaje nk'aho Vatikani yarwanaga intambara ntagatifu irwanya Abakominisiti.

Mu by'ukuri muri Esipanye hari abakomunisiti bake cyane. Kiliziya Gatulika y'I Roma yateguye umunsi mukuru wo kumena amaraso ku bayoboke bayo bwite.

Bitwaje ibendera rya Vatikani, ingabo z'abayisilamu zigaruriye ibirwa bya Canaries (soma Kanari) kandi banagaba ibitero mu majyepfo ya Esipanye.

Abanya Esipanye baguye mu kantu, babonye Karidinali Pedro Segura ayoboye ingabo z'abayisilamu mu kwica nta mbabazi abagatulika basuzuguye Vatikani – Abagabo, abagore n'abana.



*Karidinali Pedro Segura (1880 – 1957) asuhuzwa n'abapolisi I Seville*

Ni muri ubwo buryo ingabo z'abayisilamu zihimuye ku bakrisito, bahawe umugisha na Papa.

Ubwo nari mfite imyaka itatu, ingabo z'abayisilamu zari zarafashe inzu yacu. Twanejejwe no kuba twarasigaye turi bazima nyuma y'ibyo bintu biteye ubwoba.

Ubwo rwa rukiko (inquisition) rwari rumaze kugera ku ntego zarwo, Esipanye yari amatongo, amaraso atemba kandi yarashegeshwe, ariko uko byamera kose yari mu biganza bya Vatikani ntagushidikanya. Ubwo rero muri Esipanye bateraga hejuru bati "Twabohoye Esipanye tuyikura mu bakomunisiti. Hashimwe Bikiramariya Uhiriwe!"

Hafi miliyoni eshanu z'abayisilamu bari bari muri Espanye nk'abarinzi b'ukwemera kwa Kiliziya Gatulika y'I Roma. Isilamu yari yishyuye umwenda yari ifitiye anti-Kristo wari ku ngoma I Vatikani.

Mu mishyikirano yo mu ibanga, Abarabu bari barabwiye Papa ko bazarwanirira Vatikani muri Esipanye, ariko Papa na we akabemerera ko atazigera na rimwe yemera Leta ya Isirayeli yashoboraga gushingwa. Papa yarabyemeye.

Karidinali Bea yatubwiye ko muri icyo gihe Abayahudi b'aba Orutodogise n'abasiyonisiti bari bashyigikiye igitekerezo cyo gushinga Leta yigenga ya Isiraheli.

## Igitero Cyagabwe Kuri Papa

Umuntu ashobora kwibaza ati "Mbese si umuyisilamu warashe kuri Papa, ubwo bamugabagaho igitero?"



*Igitero cyagabwe kuri papa Yohani Pawulo wa 2, ku kibuga cya Mutagatifu Petero I Vatikani, ku itariki 13/05/1981*

Nibyo, Abajezuwite babiteguye neza. Imbaga nyamwinshi y'abantu bashenguwe n'icyo gikorwa. Perezida w'Amerika Reagan (soma Rigani) na Papa ubu bari bafite ikintu bahuriyeho bombi; bari baragabweho ibitero bigamije kubahitana. Bidatinze bari guhinduka inshuti. (Twibuke ko Rigani yabaye uwa mbere mu mateka warahiye yerekeye kuri Obélique (soma Obelisike).



*Papa ubwo yababariraga uwamurashe, Mehmet Ali Agca*

Papa yabaye icyamamare cyane kandi abayobozi bo mu isi yose bagaragaza ko bifatanyije na we. Kubera icyo gikorwa cyabaye, Isilamu yarushijeho kwegerana cyane na Vatikani. Abayisilamu bakozwe n'isoni, kuko batekerezaga ko umwe muri bo ari we wari warashe

k'uhagarariye umuhanuzi Yesu ku isi. Ku bw'ibyo, abayobozi bakuru (Ayatollahs) basabye imbabazi Papa.


Nyamara byaje kurangira bareze KGB, mu kwemeza isi ko abakomunisite bari abanzi ba Papa. Mu by'ukuri byari nk'ikinamico yo gusetsa abantu.

Papa Yohani Pawulo wa 2 yabaye umukomunisite mwiza mu gihe cy'imyaka myinshi. Niba mwumva ibyo ari ibintu bitangaje, mwibuke uko kiriya gitero cyagenze. Uwagikoze ari we Mehmet Ali Agça yari umwe mu bicanyi bakomeye b'I Burayi bazwi cyane kandi akaba n'umuntu ufite ubunararibonye mu kurasa. Yarashe ari kuntera ya Metero eshatu. Papa yakomeretse mu nda, ku kuboko kw'ibumoso no ku kiganza cy'iburyo. Birumvikana, kuko ntiyari afite umugambi wo kwica Papa. Yakurikizaga gusa amabwiriza y'Abajezuwite.

Ubwo isi yabonaga Papa ababarira Mehmet Ali Agça wari waramurasheho, hafi miliyari imwe y'abayisilamu nta kindi bakoze usibye kwishimira "Nyirubutungane." Mehmet Ali Agça mu gihe cyakurikiyeho yagaragaje icyifuzo cye cyo kubatizwa muri Kiliziya Gatulika y'I Roma.


Byose byari byarateguwe neza. Papa n'Abayisilamu bashimiye Bikiramariya kuba ataremeye ko Papa apfa yishwe n'ibikomere.

Muri iki gihe, Papa aracyagaragaza icyifuzo gikomeye cyo kugenzura Yerusalemu. Intego ye ntiyahindutse, kandi Abayisilamu ni bo bazagira uruhare mu kuyisohoza. Nyamara Imana ifite undi mugambi.



*Papa afashe mu biganza igitabo gitagatifu cya Isilamu, Korowani, maze aragisoma*

*Kaaba I Maka*





*Umusigiti witwa "Dome of the Rock" I Yerusalemu*

## UMUGEREKA – NI NDE UYOBORA AMERIKA?

Kiliziya Gatolika y'I Roma ni wo muryango ukomeye kurusha indi miryango yose yo mu isi – mu bijyanye n'ubukungu, iyobokamana na Politiki. Vatikani ni Leta mu buryo bwuzuye ifite ububasha bwose, nk'ubudahangarwa bw'abahagarariye ibihugu n'ibindi bigendanye n'ibyo. Kiliziya y'I Roma ifite na banki yayo, ikaba ari yo banki yonyine mu isi itajya ikorerwa igenzura, ibyo bishatse kuvuga ko ari ahantu hashobora gukorerwa ibikorwa byo kubona amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko – ntihagire umuntu uzaza kubigenzura.

Banki ya Vatikani, ari yo yitwa "Institut pour les Œuvres Religieuses" (I.O.R) (Ikigo gishinzwe ibikorwa by'idini) ishora amafaranga menshi cyane mu isi yose, mu mitungo itimukanwa, mu mabanki, n'ibindi bigo bizwi. Uretse ibikorwa byabo bitaziguye, hari n'amafaranga yinjira atanzwe n'abayoboke. Bivugwa ko Kiliziya y'I Roma ifite abayoboke bagera kuri miliyali imwe.

Vatikani Igenzura ibikorwa by'ingenzi mu isi yifashishije imiryango yayo, aho abanyamuryango bayo baba ari abantu bakomeye bafite imyanya ikomeye muri Politiki, mu bukungu, n'ibindi. Nk'urugero, imiryango y'ingenzi cyane ya Vatikani aho abanyamuryango bayo barahiye indahiro y'ubuyoboke kuri Kiliziya na Papa ni iyi: Abajezuwite, La Société Secrète des Chevaliers de Malte, Opus dei, Chevaliers de Colomb n'abandi. Ni ingabo za Papa – zigenderaga ku mafarashi – nk'uko byari bimeze mu mateka ya kera, ariko mu buryo

bw'ubucakura kandi burimo ubwigomeke bukomeye cyane muri iki gihe.


Abajezuwite ni bo mbaraga z'ibanze za Kiliziya Gatulika, ni bo bagenzura indi miryango yose. Hari inzego z'ubuyobozi zidasanzwe muri iyo mikorere aho umujenerali w'umujezuwite ari we uhagarariye ubuyobozi bukuru. Aho ni ho haturuka izina cy'icyubahiro "Jenerali." Abamwungirije bamwita "Père General." (Data Jenerali). Ni byo mushobora kubona ku rubuga rwabo rwa interineti.



*Papa Benedigito wa 16 hamwe na Adolfo Nikolas*

Jenerali w'umujezuwite uriho ubungubu, yatowe mu mwaka wa 2008, ni umunya Esipanye witwa Adolfo Nikolas, yavutse mu mwaka w'1936, mu gihe hajyagaho ingoma y'igitugu, avukira mu munyango washyigikiraga cyane Adolf Hitler, ari na ho yakuye izina rye.

Hakurikijwe inzego z'ubuyobozi za Kiliziya y'I Roma, Jenerali w'umujezuwite ashyirwaho n'abanyamuryango ba Chevaliers de Malte, Chevaliers de Colomb, n'abo muri Opus dei. Abajezuwite bakorera mu ibanga, mu gihe abagize iyi miryango nka Chevaliers de Malte, Opus dei na Chevaliers de Colomb, abenshi ni abantu bazwi cyane. Nk'urugero, umuvandimwe w'uwahoze ari Perezida wa Amerika, George Bush ari we Jeb Bush, Guverineri wa Floride, ni Chevalier de Colomb. Ntajya abura gusoma ikiganza cya Papa mu kumugaragariza ubuyoboke.



Joseph Ratzinger
(Benedigito wa 16) akiri muto



Chevaliers de Malte, ni bo benshi cyane, ubu bahindutse umuryango ukorera mu bwiru, ahari ushobora kuba ari wo munini mu isi yose.

Mu banyamuryango bawo harimo umuyobozi w'umujyi wa New York, Michael Blumberg, umugabo ukomeye cyane mu bamiliyarideli, hakurikijwe ubushakashatsi bwakozwe n'ikinyamakuru Forbes.



Michael Blumberg, umuyobozi w'umujyi wa New York

Hanyuma, Frank Carluchi, wigeze kuba umukozi wo ku rwego rwo hejuru muri CIA, ubu akaba ari we wa mbere mu itsinda ry'Abanyamerika rya Carlyle, ni n'umwe mu bacuruzi bakomeye cyane b'intwaro ku isi. Mu by'ukuri, ikigo
Carlyle kibariwa mu bigo bikomeye cyane ku isi. Ubwo rero, Chevaliers de Malte bagenzura umugabane munini w'inganda za gisirikari.

Mu banyamuryango ba Chevaliers de Malte, dusangamo na Michael Chertoff, umuyobozi w'urwego rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika rushinzwe



*The Carlyle Group*


umutekano rwitwa “Homeland Security,” rukorera mu kigo cy’abanyamerika gishinzwe za gasutamo n’abinjira n’abasohoka mu gihugu. Kiliziya y’I Roma yinjiza abantu bayo muri icyo kigo aho bashyira mu bikorwa impinduka mu bijyanye n’abaturage b’Amerika. Nk’urugero, Abesipanyolo (ni ukuvuga abantu baturuka muri Amerika y’amajyepfo bavuga ururimi rw’icyesipanyole cyane cyane abo muri Megizike), muri iki gihe ni imbaraga ikomeye mu gutora muri Amerika (muri iki gihe ni benshi kurusha abirabura) kandi hafi ya bose ni abagatulika. Ubwo rero, buri mwaka, Abagatulika bagenda barushaho kuba benshi cyane muri Amerika.



*Michael Chertoff*

Umwami wa Espanye Juan Carlos na we ni umunyamuryango w’imena wa Chevaliers de Malte, aho mu bugenzuzi bwawo harimo umunya Esipanye Javier Solana umukozi wo mu rwego rwo hejuru mu Muryango w’Ubumwe bw’Uburayi, wari n’umuyobozi wa NATO mu gihe bamishaga ibisasu muri Repuburika ya Yugoslaviya.

Muri Amerika, ku buyobozi bukuru Bwa Chevaliers de Malte hari Karidinal wa New York Edward Eagan.



*Georges Bush na Karidinali Edward Eagan*



*Barack Obama imbere Karidinali Edward Eagan*

Mu gihe cy'isenywa ry'iminara y'impanga yo kuwa 11 Nzeli 2001, Eagan yari umuyobozi wa Chevaliers de Malte muri Amerika; umuyobozi mukuru wa CIA, Georges Tenet, ni ukuvuga umwe mu byegera bya Eagan, yari umwe mu banyamuryango ba Chevaliers de Malte. Abantu bizera ko CIA yari ifite amakuru ku byabaye kuri iriya minara, kandi ntawakwirengagiza ko bikekwa ko Kiliziya Gatulika yaba yarivanze muri icyo kintu cyabaye twavuze haruguru.

Umunyamabanki ukomeye kurusha abandi wo mu kinyejana cya 20, David Rockfeller na we ni umunyamuryango wa Chevaliers de Malte.

Abari mu rukiko rw'ikirenga rw'Amerika – Samuel Alito na Antonin Scalia, bombi b'abagatulika, na bo ni abanyamuryango ba Chevaliers de Malte.

John de Gioia, Perezida wa Kaminuza ya Georgetown i Washington yigisha abakozi bakuru bo gukora mu buyozi bwa Amerika na Pentagone, na we ni umunyamuryango w'urwo rwego rwa Malte. Georgetown ni Koleji y'abajezuwite, (uwahoze ari Perezida wa Amerika Bill clinton, yarahize). Amenshi mu makoleji yo muri

amerika, harimo nka  Kaminuza izwi cyane ya Fordham i New York, zigenzurwa n'Abajezuwite.

Umuherwe washoye imari mu itangazamakuru Rupert Murdoch na we ni umunyamuryango wa Chevalier de Malte.




*Samuel Alito na Georges Bush*



*Antonin Scalia*

Abenshi mu banyamuryango ba Chevalies de Malte ntibahisha uruhare rwabo mu bikorwa by'uwo muryango ku buryo n'urutonde rwabo rushobora kuboneka mu buryo bworoshye kuri Internet, kimwe no mu bitabo byandikwa n'abanditsi banyuranye.



*David Rockefeller*

Birazwi neza ko abanyamuryango b'imiryango nk'Abajezuwite n'ibyiciro byabo, nka Chevaliers de Malte, bacengeye muri Franc-maçonnerie no mu yindi miryango ikorera mu ibanga imeze nkayo.



Rupert Murdoch

Leo Zegami, wahoze ari umunyamuryango wa Illuminati, ukaba ari umuryango ubarizwamo ab'imena ba franc-maçonnerie, avuga ko abajezuwite ari bo bagenzura n'abari ku ruhembe rw'imbere muri franc-maçonnerie ku rwego rw'isi. Nk'urugero, umuryango wa Rothschild (soma Rotishilidi) ni wo nimero ya mbere muri Franc-maçonnerie yo mu Bwongereza. Birahagije

ko Kiliziya y'I Roma igenzura umwe cyangwa benshi mu bagize uwo muryango kugira ngo yizere ko ishobora kugenzura Franc-maçonnerie yose yo mu gihugu cy'ubwongereza, bigakorwa mu buryo abanyamuryango basanzwe boroheje batagira icyo babimenyaho. Aba Rothschild, nk'abagaragu b'indahemuka ba Kiliziya y'I Roma, bakorana umurava mwinshi bagambiriye kugera ku buyobozi bumwe bw'isi.

## INDUNDURO

## UBUPAPA MU BUHANUZI BWA BIBILIYA

Basomyi nkunda,

Kugeza kuri uru rupapuro, mwamenye ibintu byinshi byabatunguye kandi bishobora no kuba byabashenguye.

Dogiteri Alberto Rivera, wabaye muri iyo mikorere yo kurimbura, kandi ubwe akaba yaragize uruhare mu bikorwa byayo, ni we wabishyize ahagaragara. Ntabwo yabishyize ahagaragara kubera ko yangaga abayoboke b'ubupapa, ari na bo yabarizwagamo, ahubwo yabishyize ahagaragara kubera urukundo afitiye abahoze ari abavandimwe be n'urwo afitiye buri mugaturika wese.

Ubwo Dogiteri Rivera yashoboraga gutunga Bibiliya, ubwo yayigenzuraga maze akayigereranya n'amahame y'ubupapa yizeraga icyo gihe, yasanze inyigisho za Kiliziya Gatulika ntaho zari zihuriye na hato n'iza Bibiliya.

Alberto Rivera yanasobanukiwe ubuhanuzi bwo muri Bibiliya bwari bwaratangaje mbere ukwaduka k'ubupapa, by'umwihariko mu bitabo bibiri byo muri Bibiliya bikubiyemo ubuhanuzi twavuzweho, bikaba ari igitabo cya Daniyeli mu Isezerano rya Kera n'igitabo cy'Ibyahishuwe mu Isezerano Rishya.

Ku bantu batigeze bagira igihe cyo kwiga iby'ubwo buhanuzi bwo muri Bibiliya buvugwa hano, ndaza kugira icyo mbuvugaho.

Ubwinshi mu buhanuzi bukoresha ibimenyetso. Buri kimenyetso cyose muri byo gifite ubusobanuro muri

Bibiliya ubwayo, bitabaye ngombwa ko umuntu yishingikiriza ku byo yibwira. Mushobora kwibaza muti: Ariko se ni kuki Imana yashatse gukoresha ibimenyetso?

Ibyo bimenyetso akenshi bibashisha umuntu gusobanura neza ikitazwi ahereye ku bintu bizwi ku bantu bose bashaka ukuri n'umutima utaryarya. Ariko na none ibyo bimenyetso bituma abantu bamwe bahishwa ubusobanuro bwuzuye bw'ubwo buhanuzi, kubera ko banze ukuri bari barahishuriwe. "Ni cyo gituma Imana izaboherereza ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma." 2 Abatesalonike 2:11. Abo bantu bakunda cyane ibinyoma kurusha ukuri. Bahitamo umwijima bakawurutisha umucyo. Bashobora ndetse no kugera ubwo barenganya abantu bashakisha ukuri n'umutima utaryarya.

Mu ntangiriro y'ibihe bya Gikristo, abami b'Abaroma (Dioclétien, Neron…) ni bo babaye abarenganya, nyuma ubupapa ni bwo bwasimbuye abo bami b'abami b'abaroma.

Bibiliya idusobanurira ibyo byiciro bibiri by'abantu ibyo ari byo ku birebana n'ukuri. Mu gitabo cya Daniel 2:21 dusoma ibi bikurikira: "Ni yo inyuranya ibihe n'imyaka, ni yo yimura abami ikimika abandi, igaha abanyabwenge ubwenge, n'abazi kwitegereza ikabaha kumeya." kandi no mu gice cya 12:10 muri icyo gitabo, tuhasoma ibi: "Benshi bazatunganywa bazezwa, bazacishwa mu ruganda ariko ababi bazakomeza gukora ibibi, kandi nta n'umwe muri bo uzayamenya, ariko abanyabwenge bazayamenya." Abo babi ni bande? Ababi ni abantu batsimbaraye ku cyaha, banze kubushake umucyo w'iby'umwuka Imana yari yaraboherereje mbere.

Abanyabwenge bo ni bande? Ni abicisha bugufi imbere y'Imana kandi bakiga ijambo ry'Imana; bashaka gutahura ukuri kwa Bibiliya binyuze mu isengesho, hamwe n'umutima umenetse no kwicisha bugufi. Imana ibafungura intekerezo kugira ngo basobanukirwe ubushake bwayo. Ntibashimishwa gusa no gusobanukirwa n'ibyanditswe muri Bibiliya, ahubwo bashyira mu bikorwa ibyo basobanukiwe.

Ni he hagaragara mu buryo bwihariye ubushake bw'Imana? Ni mu mategeko icumi Imana yahaye Mose ku musozi wa Sinayi, ariko ntabwo ari amategeko icumi yahinduwe n'ubupapa.

Umwe mu bantu dushobora kwita umunyabwenge, nta gushidikanya yabaye Alberto Rivera. Yashatse gutahura ukuri kwa Bibiliya; Uwiteka yamufunguye amaso kandi amurikira intekerezo ze, kugira ngo amwereke inzira iganisha ku bugingo buhoraho.

Tumaze kumenya imikorere mu bya Politiki n'idini by'ubupapa binyuze mu mateka n'ubunararibonye bya Alberto Rivera, reka turebe muri make icyo Bibiliya ibivugaho hifashishijwe ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana mu Byahishuwe. Icyi ni icyigisho gisaba ikindi gitabo. Turagarukira gusa mu kugaragaza imirongo migari kugira ngo tubivuge mu buryo buhinnye kandi burasa ku ntego.

## Imikorere y'Ubupapa Mu Gitabo Cya Daniyeli

Umuhanuzi Daniyeli, igihe yari ari I Babuloni ahagana mu mwaka wa 600 mbere ya Yesu Kristo, yagize amahirwe yo kugira amayerekwa yerekeye amateka y'isi kugeza ku iherezo: Iyerekwa ryo mu gice cya 2 ubwo yari

afite imyaka nka 20 n'andi mayerekwa abiri mu iherezo ry'ubuzima bwe, mu bice bya 7, 8 na 9. Ayo mayerekwa atatu yerekeza ku ngingo imwe ariko mu buryo butandukanye. Ibyo bice bitubwira amateka y'ubwami bune bukomeye kugeza ku iherezo ry'ubwami bwose bwo ku isi; Babuloni (605-539 mbere ya Yesu Kristo) ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi (539-331 mbere ya Yesu Kristo), ubwami bw'Ubugiriki hamwe n'umwami wabwo Alexandre Mukuru, (331-146 mbere ya Yesu Kristo) n'ubwami bwa nyuma, ubwami bwa Roma (146 mbere ya Yesu Kristo - 476 nyuma ya Yesu Kristo no gutera imbere kwabwo kugeza ku iherezo ry'ibihe.)

Amateka ahamya mu buryo busobanutse neza ukubaho n'ugusumburana k'ubwo bwami hamwe n'ibyaburanze. Bibiliya ntiturekera mu rujijo ku busobanuro bw'ibimenyetso bikoreshwa, kubera ko buri gihe ibimenyetso bisobanurwa mu buryo bwumvikana neza; Urugero mu kuvugana na Nebukadinezari umwami wa Babuloni, Daniyeli yarahamije ati: "Wa mutwe w'Izahabu ni wowe." Daniel 2:38, Cyangwa na none "Impfizi y'intama y'amahembe abiri wabonye nibo bami b'abamedi n'abaperesi." (Daniel 8:20) n'ibindi, ….

Ariko ubuhanuzi bwibanda cyane ku mateka y'ubwami bwa nyuma (Ubwami bwa Roma) budasa na gato n'iby'umuntu yatekereza ariko cyane cyane ku gutera imbere kwabwo n'uguhinduka kwabwo bitureba kugeza ubu mu gice cya 7, 8 na 9. Dusoma ibi: "Hanyuma y'ibyo nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane iteye ubwoba y'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane. Yari ifite imikaka minini y'ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye

ibisiribangisha amajanja yayo. Ariko yari ifite itandukaniro n’izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi.” (Daniel 7:7)

Dukurikije ubwo buhanuzi, buri gihe ububasha bwa Roma buhinduka biturutse ku kuzamuka kw’amahembe cumi, ashushanya ububasha cumi bw’abanyamisozi (barbares), bwigaruriye ubwami bwa Roma mu kinyejana cya kane, kugeza ubwo bwasenyukanga mu mwaka wa 476. Ariko ubwo bubasha ntibwazimiye burundu ahubwo ibiri amambu ububasha bundi bushya bwadukiye aho ubwo bwahoze (Hagati muri ya mahembe) buteye ubwoba kurusha ubundi bwose.

### Ese Ubwo Bubasha Ni Ubuhe?

Hakurikijwe ibiranga ubwo bubasha bushya, bitangwa n’ubuhanuzi, ntabwo bidukomereye kubutahura;

1. Iryo hembe cyangwa ubwo bubasha butandukanye n’ubundi bwose (Daniyeli 7:23,24). Buzaba ububasha bw’ibihe runaka kimwe n’ubundi, ariko bufite ibyo bwirata mu by’umwuka kugeza ubwo bugenzura imitimanama kandi ubwo bukaba bunyuranye n’ubundi.
2. Rikurira hagati mu mahembe yandi cumi maze riyaranduramo atatu (Daniyeli 7:8,20). Mu gihe ubwami bwa Roma bwaterwaga bukigarurirwa n’abanyamisozi (barbares), amahanga atatu yarwaniye Roma maze aneshwa n’ubwo bubasha bushya: Abaheruli muri 493, Abavandale muri 534 n’Abasitorogoti muri 538.

3. Kavuga ibikomeye (Daniel 7:20). Ubwo bubasha bushya buvugwaho kugira ubushobozi ndengakamere kandi ngo bukaba hejuru y'abami bose bo ku isi kugeza ubwo bubacisha bugufi iyo babwigometseho (Mwibuke Canossa (soma Kanosa))
4. Ryarushaga ayandi yose gukomera (Daniyeli 7:20). Ishusho yoroshye itubashisha kurimenya
5. Rirwanya abera, rirabarenganya mu buryo bwihariye mu gihe cy'imyaka 1260 (Daniyeli 7:21, 25). Urukiko rwa kiliziya gaturika rwashyiriweho guhana abantu bose batemera inyigisho n'amahame bya kiliziya y'i Roma (Inquisition) rwahitanye abantu barenga miliyoni mirongo itanu bishwe batwitswe, muri gereza, mu mazu afungirwamo imbohe z'intambara, cyangwa bakubiswe. Yirukanye miliyoni nyinshi z'abantu barahunga bata ingo zabo. Kandi ibyo byose byarakomeje kugeza ku mpinduramatwara yo mu Bufaransa.
6. Rivuga ibikomeye byo kugomera Isumbabyose, byo gutuka Imana (Daniyeli 7:8,20,25). Ryiha ububasha bw'Imana ubwayo, rigaca imanza zigenewe gucibwa n'Imana gusa.
7. Rihindura ibihe n'amategeko (Daniyeli 7:25). Ingengaminsi dukoresha ubu yakozwe n'ubupapa; mu bijyanye n'amategeko ya Gatigisimu y'I Roma, nyamara bita amategeko y'Imana, atandukanye cyane n'amategeko icumi yatanzwe n'Imana ku musozi wa Sinayi: Itegeko rya Kabiri ryakuwemo, irya Kane rirahindurwa naho irya cumi barigabanyamo amategeko abiri kugira ngo buzuze umubare icumi.

Ng'uko uko umuhanuzi Daniyeli avuga ubwo bubasha.

## Roma y'Ubupapa Mu Gitabo cy'Ibyahishuwe

Mu gice cya 13: 1-2 muri icyo gitabo dusoma ibi: "Ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja ifite amahembe cumi n'imitwe irindwi. Ku mahembe yayo hariho ibisingo cumi, no ku mitwe yayo hariho amazina yo gutuka Imana. Iyo nyamaswa nabonye yasaga n'ingwe, amajanja yayo yasaga n'aya aruko, akanwa kayo kasaga n'ak'intare. Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye."

Hano tuhabona na none amahembe 10, hamwe n'ibimenyetso nka bya bindi, ibyo bikatwereka ko iyo ari inyamanswa imwe n'iyavuzwe mu gitabo cy'umuhanuzi Daniyeli. Ubwo rero, ubwo bubasha bufite ibiburanga biyisanisha n'ubwami bune bukomeye twamaze kubona: Imihango n'imyambaro y'I Roma byakomotse I Babuloni n'I buperesi, Inyurabwenge yitwa iy'Abasikolasitike (La philosophie scolastique) yatangijwe na mutagatifu Thomas d'Aquin (Soma Tomasi d'Ake), ikaba ituruka mu buryo butaziguye kuri Platon na Aristote, abacurabwenge b'Abagiriki, hanyuma iminsi mikuru ya Kiliziya, Ukwambaza abatagatifu bituruka hafi ya byose muri Roma ya gipagani. (Uramutse usuye inzu ndangamurajye ya Vatikani ishobora kubikwemeza mu buryo bworoshye!)

Ku mpera y'amagambo yavuzwe haruguru, hagira hati: "Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye." Ubwo bubasha ntibukomoka mu ijuru, ahubwo bwavuye ku kiyoka ubwacyo. Nyamara Bibiliya itugaragariza ko ikiyoka, ari ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, (Ibyahishuwe 20:2). Ubwo bubasha rero ntibukura urufatiro rwabwo kuri Yesu Kristo nk'uko bubivuga.

Dusanga muri icyo gice kandi ku mirongo ya 5,6 na 7 ibiburanga byari byarahishuriwe umuhanuzi Daniyeli (Reba hejuru): Ukwiyemera, amagambo yo gutuka Imana, Inyota y'ubutegetsi n'ubushobozi bwabwo kurenganya.

Intumwa Pawulo mu rwandiko rwa Kabiri yandikiye abatesalonike 2:3,4 arahamya ati: "Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimūra Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana." Nta gutuka Imana gukomeye umuntu ashobora gukora kurenze kwigaragaza ubwe nk'Imana. Papa yiha ububasha busanzwe bufitwe n'Imana yonyine: ababarira ibyaha, atangaza ko undi muntu ari umutagatifu cyangwa ari ikivume. Ubwo bubasha bufitwe n'Imana gusa (Mariko 2:7-12; Yohana 5: 27). Papa Inosenti wa 2 yaravuze ati: "Papa afite kuri iyi si umwanya w'Imana nyakuri." Uko kwiyemera gufite inkomoko imwe n'ivugwa muri cya gihe Yesu yageragezwaga na Satani: "Nuko numpfukamira ukandamya, buriya bwose buraba ubwawe." Yesu aramusubiza ati "Handitswe ngo 'Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine.'" Luka 4:7-8)

## Ese Ubwo Bubasha Buzategeka Mu Gihe Kingana Gite?

Ubwo bubasha bw'ubupapa buvuga ko bukomoka kuri Kristo bwishingikirije ku Gisubizo Yesu yahaye Petero agira ati: "Nanjye ndakubwira nti 'Uri Petero, kandi nzubaka Itorero ryanjye kuri urwo rutare, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora.'" (Matayo 16:18).

Icyo gisubizo cya Yesu cyaje gikurikiye uguhamya kwa Petero: “Uri Kristo, Umwana w’Imana ihoraho.” (Matayo 16:16). Ese ni gute intumwa Petero we yasobanukiwe iryo Jambo? Dushobora gusoma mu rwandiko rwa mbere rwa Petero 2:4,7. “Nimumwegere ni we Buye rizima ryanzwe n’abantu, ariko ku Mana ryaratoranijwe riba iry’igiciro cyinshi… Ibuye abubatsi banze ni ryo ryahindutse irikomeza impfuruka. Ni ibuye risitaza n’urutare rugusha.” Ijambo “Ibuye” hano ntirivuga na gato intumwa, umwanditisi w’uru rwandiko, ahubwo ni Kristo, ibuye rikomeza imfuruka. Ni na cyo ubuzima bwa Petero bwaje guhamya mu bihe byakurikiyeho. Mu nama ya mbere ikomeye y’abahagarariye amatorero n’intumwa I Yerusalemu, mu gice cya 15 cy’Ibyakozwe n’Intumwa, ntabwo ari Petero wayoboye inama, ahubwo ni Yakobo (Ibyakozwe n’intumwa 15:13). Nyuma y’igihe gito, intumwa Petero yaje gucyahwa mu ruhame n’intumwa Pawulo, kubera ko nk’uko Pawulo yabyanditse, Petero yari “Yabonetsweho umugayo” (Abagalatiya 2: 11). Icyo Yesu yatangarije Petero cyari cyerekeye ukwemera kwahamijwe na Petero: “Uri Kristo, Umwana w’Imana ihoraho” Urufatiro rw’ubukristo rushingira kuri uko kwemeza ubumana bwa Yesu, ntabwo ari umuntu uteshuka nka Petero.

Ubwo bubasha bwa Papa w’I Roma bwadutse mu kinyejana cya kane ubwo Konsitante Mukuru yajyaga ku ngoma agashyira iherezo ku kurenganya abakristo ko mu binyejana bya mbere. Nk’uko umuhanuzi Daniyeli yabibonye, ubwo bubasha bwadutse mu gihe ubwami bwa Roma bwigarurirwaga n’amoko cumi y’abanyamisozi bo mu Burayi. Bwaje kugenda bukomerera ku matongo y’ubwami bwa Roma bwarangiye muri 476. Clovis (Soma

Kolovisi), umwami wa Abafrancs, ni we wabaye umwami wa mbere wemeye ububasha bw'ikirenga bwa Papa maze abatirizwa I Reims (Soma Reyimuzi) mu mpera z'ikinyejana cya gatanu. Nyuma y'igihe gito, hagati y'umwaka wa 754 na 756, Pepin le Bref (Soma Pepe le Burefu), umwami w'abafrancs yarwanye n'umwami w'aba Lombards wangaga kwemera ububasha bw'ikirenga bwa Musenyeri wa Roma maze ubwo aha impano Papa kugira ngo amwizeze ubutware bwa politiki. Ni ku bw'izo mpamvu ebyiri ubufaransa bwiswe "Umukobwa w'imfura wa Kiliziya", kubera ko bwafashije mu kuyishinga. Ariko kuva muri 538, binyuze mu kwirukana abanyamusozi ba nyuma muri Roma, nk'uko twabibonye haruguru, Musenyeri w'I Roma yigaragaje nk'umutware mukuru w'ubukiristo bwose.

Ubwo butware bwagombaga kugendana no kurenganya abera kuzamara imyaka 1260 dukurikije ubuhanuzi (Muri Daniyeli no mu byahishuwe, icyo gihe kigaragazwa neza incuro zirindwi)

Ni nde uzibasirwa n'ako karengane? Ni abantu bose bazashaka gushingira kwizera kwabo kuri Bibiliya, Ijambo ry'Imana atari ku migenzo, bazagerageza guhindura Bibiliya mu zindi ndimi no kuyikwirakwiza hirya no hino, abantu bose bazashakira agakiza mu kwizera Yesu, atari mu mihango bategetswe n'imigenzo: Penetensiya, indulugensiya, ingendo za gikristu,….

Muri abo bantu, harimo aba Vaudois (Soma Voduwa) Aba Albigeois (Soma Alibijuwa) Aba Cathares (soma Katare) n'Abaporotesitanti,…. Abantu b'intore cyane nka Louis de Berquin mu Bufaransa, Yohani Wyclif (Wikilifu) mu Bwongereza na Huse na Yoramu muri Boheme.

Icyaha kibi kirenze ibindi byose nta gushidikanya cyabaye iyicwa ry'abantu ku munsi wa mutagatifu Barthelemy (Soma Barutoromayo) kuwa 24/08/1572 i Parisi, aho Papa Gregoire wa 13 yishimiye ubwo bwicanyi ndengakamere nk'ururabo rw'igihugu (abarenga 3000 bapfiriye i Paris na 10.000 bapfa mu Bufaransa hose!). Ako karengane karakomeje kageza ku mpinduramatwara y'ubufaransa. (Marie Durand yafungiwe mu Munara wa Constance ) ahitwa Aigues-Mortes mu gihe cy'imyaka 38, aho yaje kusohoka kuwa 14/04/1768.

Ikintu gitangaje cyo gushukana kw'amateka, icyo gihugu cyine, Ubufaransa, bwari bwarafashije ubupapa gushinga imizi ni bwo bwahangaye kugaba ibitero kuri ubwo bubasha mu mwaka w'1798 ku butegetsi bwa Napoleon. Bibiliya ivuga iby'uruguma rwica kuri iyo nyamanswa (Ibyahishuwe 13:3, 12) Amaze kwambura Papa ubutegetsi bwose bwa politiki, Napoleon (Napolewo) yategetse Jenerali Berthier kuzana Papa Piyo wa 6, apfuye cyangwa ari muzima mu Bufaransa aho yagizwe imfungwa i Valence. Yahapfiriye mu mwaka wakurikiyeho. Piyo wa 7 yaramusimbuye ariko na we yakojejwe isoni incuro ebyiri na Napoleon:

1. Mu mwaka w'1801, Napolewo yategetse Piyo wa 7 gusinya amasezerano y'ubwumvikane agenga imibanire ya Leta n'amadini atesha agaciro ububasha bwa Vatikani bwa mbere y'impinduramatwara mu Bufaransa.
2. Kuwa 2/12/1804, Napolewo yatumiye Piyo wa 7 mu kwimikwa kwe, ariko imbere ye, ni we ubwe wiyambitse ikamba ubwe, maze muri ubwo buryo akoza isoni umutumirwa we.

Muri izo mpapuro zo muri Bibiliya zivuga iby'urwo ruguma rwica, tubwirwa ko urwo ruguma rwica rwakize. Mu by'ukuri ubupapa bwongeye bidatinze gusubirana ikuzo ryabwo.

Mu mwaka w'1870, Ubupapa bwategetse Ubufaransa kurahirira kubaka bazilika ya Sacré-Cœur kugira ngo bwikureho ibikorwa b'urukozasoni byagiriwe Papa. Dore amagambo akubiye muri iyo ndahiro: "Imbere y'ibyago biyogoza Ubufaransa n'ibyago bikomeye kurushaho bikibuyogoza n'ubu, imbere y'ibikorwa bizira byakorewe i Roma bibangamiye uburenganzira bwa Kiliziya n'Icyicaro Gitagatifu ndetse na Nyirubutungane uhagarariye Yesu Kristo, twicishije bugufi twemeza ko twacumuye kandi ko duhanwe mu buryo bukwiriye. Kandi kugira ngo dutange icyiru gifite agaciro ku bw'ibyaha byacu kandi tubone impuhwe zitagira akagero ziturutse mu mutima uzira inenge w'Umwami wacu Yesu Kristo, imbabazi z'amakosa yacu ndetse n'ubutabazi ndengakamere, ari byo byonyine bishobora gutabara kandi bigakura Papa mu buhungiro no guhagarika ibyago by'Ubufaransa, dusezeranye kugira uruhare mu iyubakwa i Paris ry'ubuturo bwagenewe umutima uzira inenge wa Yesu."

Hanyuma mu mwaka w'1929, Musolini yeguriye Papa Piyo wa 11 Leta ya Vatikani, maze ubwo asubirana ububasha bwe bwuzuye bw'umukuru wa Leta. Mu mwaka wa 2005, mu mihango yo gushyingura Papa Yohani Pawulo wa 2, hari hari abantu bahagarariye Leta zirenga 200 zo mu isi yose. Bibiliya iduhamiriza ko "Abari mu isi bose bazayiramya, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama

watambwe uhereye ku kuremwa kw'Isi." (Ibyahishuwe 13:8)

Nubwo ubwo bubasha bwasubiranywe, ubupapa n'ababushyikiye bazaneshwa burundu: "Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe na we bahamagawe batoranijwe bakiranutse na bo bazayinesha." (Ibyahishuwe 17:14)

Mu kureba mu buryo bwihuse aya mateka uko ibinyejana byagiye bihita, tubona mu buryo bwuzuye ko ibyo ubuhanuzi bwari bwaragaragaje byerekeranye n'ubwo bubasha byigaragaje mu buryo buhuje na byo neza kandi ko imiterere yabwo itigeze ihinduka. Ntitugomba na rimwe kwibagirwa iki: Ubupapa ntibwahindutse kandi ntibuzigera buhinduka. N'ubu buracyasaba ikurwaho ry'uburenganzira bwo gukurikiza umutimanama no kugira uburenganzira bwo gukoresha imbaraga ku bantu banyuranya na bwo. Mu mwaka w'1854, Papa Piyo wa 9 yafataga uburenganzira bwo gukoresha umutimanama nk'ikosa riteye ishozi kandi agatanga n'ubusobanuro bw'ukuntu Kiliziya yagombaga gukoresha imbaraga. yashyizeho ihame ry'ukutibeshya kwa Papa. Kandi mu mwaka wa 2000, Papa Yohani Pawulo wa 2, abigiriwemo inama na Karidinali Ratzinger (Soma Ratsingeri), nyuma waje guhinduka Benedigito wa 16, yashyize mu bahire Piyo wa 9 ku bw'ubudahemuka bwe ku mahame.

Papa na n'ubu aracyifata nk'uhagarariye Kristo ku isi, ariko ntajya yibaza niba Kristo ashobora kwemera ibyaha bitabarika abapapa bakoze mu izina rye,

hatabazwe ibintu by'urukozasoni mu myifatire no mu by'ubukungu bigenda byaduka muri iki gihe, bigaragaza ukubogamira ku kibi k'ubupapa.

## Imiburo Iheruka y'Imana Ku Nyokomuntu Mbere Yo Kugaruka Kwayo Kwegereje.

Yesu yahaye isezerano abigishwa be mbere yo kugenda "Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo." (Yohana 14:2,3).

Nta gushidikianya na guke ku migambi Imana idufitiye: Irashaka kudukiza twese, kudukura mu butware bw'ikibi, ibinyoma byose, kugira ngo tuzahore tunezerewe hamwe na Yo iteka ryose. Kubw'ibyo rero, Imana ntizagira umuntu n'umwe irekera mu bujiji bwo kutamenya imigambi yayo, ariko na none ikarekera buri wese umudendezo wo kwemera kwitaba ukurarika kwayo. Ni yo mpamvu, mbere yo kugaruka kwayo kwgereje, Imana yaduhaye imiburo itatu iheruka y'ingenzi, yitwa ubutumwa bw'abamalayika batatu bwo mu byahishuwe 14:6-13. Iyo miburo birumvikana ko igira icyo ivuga ku bubasha buzarwanya umugambi w'Imana ari wo wo gukiza abantu bose.

## Dore Ubutumwa Bwa Mbere:

"Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwira abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira

abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasōko." (Ibyah. 14:6,7)

Ubu butumwa bugezwa ku batuye isi yose kugira ngo bubahishurire inkuru nziza y'agakiza gaturuka ku waremye ijuru n'isi n'ibiyirimo byose. Ubwo rero ni we ukwiriye kuramywa nk'uko byibutswa mu itegeko rya mbere. Nta muntu n'umwe, habe na Papa ubwe, urwego yaba ariho urwo ari rwo rwose, ushobora gusaba uko kuramywa. Ubu butumwa butuburira ku rubanza rwegereje rw'Imana ruzabanziriza ukugaruka kwayo. Ubu rero ni cyo gihe cyo gufatiramo icyemezo.

**Dore Ubutumwa Bwa Kabiri:**

"Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati "Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." Ibyah. 14:8

Ese Babuloni ni iyihe? Igice cya 17, kidusobanurira mu buryo burambuye icyo Babuloni ishushanya: umugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri, n'uw'umuhemba, yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imarigarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe; yasinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu, umugore wicaye ku murwa w'imisozi irindwi. Yitwa kandi nyina w'ibizira, kuko afite abakobwa be, ari bo bemera ubutware bwe. Iyo Babuloni izarimbuka nk'uko Babuloni ya kera yarimbutse, ubu ikaba ari amatongo gusa, n'ubwo yari ikomeye cyane mu gihe cyahise.

**Dore Ubutumwa Bwa Gatatu Ari Bwo Burebure Kandi Bw'ingenzi :**

"Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo." Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyah.14:9-12).

Ubu butumwa bwa Malayika wa gatatu bukubiyemo amagambo arusha ayandi kuba ateye ubwoba yo muri Bibiliya: Umujinya w'Imana udafunguyemo imbabazi uzaba ku bazahitamo kumvira amategeko y'abantu anyuranye n'amategeko y'Imana kandi bazashaka guhatira ibyo abazashaka kugumya kuba indahemuka ku Mana.

Ese ni nde Imana izasukaho uwo mujinya ? Ni kubaramya ya nyamanswa n'igishushanyo cyayo, bagashyirwa ikimenyetso cyayo mu ruhanga cyangwa mu kiganza. Ibyo bikeneye ibisobanuro

**Inyamanswa:** Ni ubutware tumaze kugaragaza mu mateka, Ubupapa.

**Igishushanyo cy'inyamanswa:** Ni ubutware busa na yo (igishushanyo). Tukibona cyaduka mu gice cya kabiri cy'igice cya 13 cy'Ibyahishuwe nk'inyamanswa ya kabiri, mbere na mbere nk'umwana w'intama, hanyuma ivuga nk'ikiyoka, ihatira abo mu isi bose kuramya inyamanswa ya mbere yakize rwa ruguma rwayishe. Iyo nyamaswa ya kabiri, ifite imbaraga nyinshi, yadutse mu gihe cy'impinduramatwara y'Ubufaransa, ishushanya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ndetse n'Ubuporotesitanti. Ntitwibagirwe ko Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zashinzwe n'abaporotestanti bahunze bavuye i Burayi, birukanywe n'ubupapa kubera kwizera kwabo. Babaye igihe kirekire ishyanga ry'icyitegererezo, nk'umwana w'intama warishushanyaga. Ariko muri iki gihe ibintu byarahindutse cyane. Ubuhanuzi butubwira ko yaje kugeza ubwo ivuga nk'ikiyoka (Ibyah.13:11). Abaporotestanti baramburiye ikiganza ubupapa binyuze mu mpuzamadini igamije guhuriza hamwe abizera bose hatitawe ku byo bizera. Ubwo bumwe bwatangajwe mu buryo busobanutse (abantu nyamwinshi) nk'ubukikije ya nyamanswa kugira ngo buyishyigikire, buyirwanirire, biyibagije ibyo yashoboye gukora byose ari na yo kamere yayo n'ubu, yibasiye abashaka gukomeza amategeko y'Imana kandi bakagira kwizera nk'ukwa Yesu.

**Ikimenyetso cy'inyamaswa:** Twabonye haruguru ko inyamanswa, dukurikije ubuhanuzi n'amateka, yahinduye amategeko, by'umwihariko itegeko rya kane, yimurira umunsi w'umwami, Isabato y'uhoraho, ku munsi wa mbere w'icyumweru, umunsi w'izuba. Ibyo byakozwe mu kinyejana cya kane, mu buryo bwihariye muri Concile y'i Nicée muri 325 ku ngoma y'umwami w'abami Constantin. Nyamara Isabato y'uhoraho ni

ikimenyetso cy'isezerano hagati y'abana b'Imana n'umuremyi wabo nk'uko byanditswe: "[Isabato] ni ikimenyetso cy'iteka ryose hagati yanjye n'Abisirayeli, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, ku wa karindwi akarorera, akaruhuka." Kuva 31:17. "kandi mujye mweza amasabato yanjye abe ikimenyetso hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu." Ezekiyeli 20:20. Niba rero Isabato ari ikimenyetso cy'isezerano hagati y'Imana n'abayoboke bayo, ikimenyetso cy'icyamanswa mu buryo busobanutse n'ikimenyetso cyo kwemera kw'abantu bakomeza itegeko ry'umunsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche) ryashyizweho n'abantu. Yesu n'abigishwa be buri gihe baruhukaga uwo munsi w'Isabato nk'umunsi wo kuramya Imana nyakuri, umuremyi n'umucunguzi. Nta kintu na kimwe mu byanditswe kitwemerera kushyigikira iryo hinduka ry'amategeko cumi kuri iyo ngingo, ndetse no ku zindi. Nyamara icyo kibazo cy'Isabato kigiye gufata indi ntera ikomeye, ku buryo, bitewe no kutabasha kumvisha abantu ibyiza byo kubaha umunsi mbere w'icyumweru (dimanche), abayobozi bo mu nzego z'ibihugu n'iz'amadini ntibazajijinganya gufata ingamba zikarishye zo kubahatira ku ngufu imyumvire yabo. Iyo ni yo ntego y'Amasezerano y'ubwiyunge bw'Uburayi agamije ikiruhuko cyo ku munsi wa mbere (Alliance Européenne pour le repos dominical), yatangijwe ku itariki 08/02/2011 i Bruxelle mu Bubiligi maze asinywa n'imiryango ya Politiki, amashyirahamwe y'abakozi n'ay'abihayimana, bateganya kwita no gushyira mu bikorwa icyo ubuhanuzi bwagaragaje. (Ibyahishuwe 13:15-17)

Ubwo rero ubwo butumwa bwa Gatatu bugiye kuba ubwo gutuma hafatwa umwanzuro kuri buri wese muri twe bitewe n'igisubizo dutanga kuri ubu butumwa. Ese tuzumvira nde? Imana cyangwa abantu bishyira mu mwanya w'Imana?

## Ni Ikihe Gihembo Kizahabwa Abaramya Ya Nyamanswa N'igishushanyo Cyayo?

Niba mwasomye mwitonze ubutumwa bwa Malayika wa Gatatu, mushobora gusobanukirwa uko bizagendekera abaramya ubupapa kandi bakemera inyigisho zabwo zipfuye.

Ni cyo kizaba igihano giheruka cy'abantu bose banze kwihana. Ariko ni iki kizaba mbere y'igihano giheruka? Ubwo inyokomuntu izaba yarashaye mu bibi kandi yararengeje urugero, Isumbabyose izasuka ibyago birindwi kuri uyu mugabane wayogojwe n'icyaha, wishoye mu bicumuro.

Ibyo byago birindwe bigaragazwa mu gice cya cumi na gatandatu cy'igitabo cy'Ibyahishuriwe Yohana.

## Ibyago Birindwi

"Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero, ribwira abo bamarayika barindwi riti "Nimugende musuke mu isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana." Ibyahishuwe 16:1

"Ijwi rirenga rivugira mu rusengero?" Uruhe rusengero? Birumvikana ko atari urwo Papa arimo kandi ari na we uzahanwa ubwo ibyago bizatangira gusukwa.

Mubyukuri si ururimo Papa uzahanwa; ubwo ibyago bizatangira. Iryo jwi rirenga rituruka mu rusengero rwo mu Ijru kandi riva ku Mana nzima ari Yo Mutware w'isanzure.

**Gusukwa kw'Inzabya Ndwi**

***Icyago Cya Mbere:***

"Uwa mbere aragenda asuka urwabya rwe mu isi, abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo bafatwa n'ibisebe bikomeye bibi." Ibyahishuwe 16:2

**Ni ubuhe busobanuro nyakuri bw'ikimenyetso cy'Inyamanswa?**

Ikimenyetso cy'inyamanswa ni Dimanche – Umunsi wa mbere w'icyumweru, washyizweho n'ubupapa mu mwanya wa Samedi – umunsi wa Karindwi w'icyumweru washyizweho n'Imana.

**Ubusobanuro bw'Ikimenyetso cy'Imana.**

Ikimenyetso cy'Imana ni Umunsi wa Karindwi (Samedi). Abazaba baremeye dimanche – umunsi muhimbano w'ikiruhuko, bazagerwaho n'ibyago birindwi. Kumvira ubupapa n'igihano biragendana.

***Icyago Cya Kabiri***

"Uwa kabiri asuka urwabya rwe mu nyanja ihinduka amaraso nk'ay'intumbi, ikintu cyose cyo mu nyanja gifite ubugingo kirapfa." Ibyahishuwe 16:3

### *Icyago Cya Gatatu*

“Uwa gatatu asuka urwabya rwe mu nzuzi n’imigezi n’amasoko, na byo bihinduka amaraso. Numva marayika w’amazi avuga ati “Wa Wera we, uriho kandi wahozeho kandi uzahoraho, uri umukiranutsi kuko uku ari ko wabitegetse. Bavushije amaraso y’abera n’ay’abahanuzi, nawe ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa, ni byo bibakwiriye.” Numva igicaniro kivuga kiti “Yee Mwami Imana Ishoborabyose, amateka yawe ni ay’ukuri no gukiranuka.”” Ibyahishuwe 16:4-7

### *Icyago Cya Kane*

“Nuko marayika wa kane asuka urwabya rwe mu zuba, rihabwa kokesha abantu umuriro. Abantu botswa n’icyokere cyinshi, batuka izina ry’Imana ishobora kubateza ibyo byago, ntibīhana ngo bayihimbaze.” Ibyahishuwe 16:8-9

Nk’uko mwabibonye ibyago bine bisukwa ku mugabane wacu ntibyahinduye inyifato y’abantu bijanditse mu byaha. Bakomeje kuba ibyigomeke.

### *Icyago Cya Gatanu*

“Marayika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe y’ubwami ya ya nyamaswa. Ubwami bwayo bucura umwijima, kuribwa gutuma bahekenya indimi zabo, kandi kuribwa kwabo n’ibisebe byabo bituma batuka Imana nyir’ijuru, ntibīhana imirimo yabo.” Ibyahishuwe 16:10,11

Icyago cya gatanu cyasutswe ku ntebe ya ya nyamanswa n’ubwami bwayo butakaza ubwiza bwabwo,

ibi bikaba bitangaza ugutakaza ububasha, no kwangwa n'abaramya bo muri iki gihe.

Abaramya ubupapa n'abashyigikira umunsi muhimbano w'ikiruhuko – Dimanche, ubwo bazaba bamaze kubona ko bashutswe, bazahindukirana ubutegetsi bwa papa maze bamukure ku ntebe y'ubuyobozi. Ariko icyo gihe bizaba byaratinze cyane kugira ngo babe bagira icyiza bakora.

Ukwihana ntikuzaba kugishoboka kubera ko ubuntu bw'Imana buzaba bwakuwe ku isi. Turaza kugera aho duzasobanura mu buryo bwimbitse ukugwa kw'intebe ya Papa.

### *Icyago Cya Gatandatu*

"Marayika wa gatandatu asuka urwabya rwe mu ruzi runini Ufurate. Amazi yarwo akamira kugira ngo inzira y'abami baturuka iburasirazuba yitegurwe. Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w'Imana Ishoborabyose. (Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe.) Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni." Ibyahishuwe 16:12-16

Icyago cya gatandatu ni icyo guteguriza icyago cya karindwi. Ni imyiteguro y'intambara yo kurwanya ubwoko bw'Imana, n'abantu bose bazaba ari indahemuka ku Mana ishobora byose.

Abami bose bayobowe n'umwuka wa Satani bazumvikana kugira ngo barimbure abakomeza amategeko harimo n'itegeko risaba kweza umunsi wa Karindwi – Samedi.

Ubu butware butatu bukurikira buzishyirahamwe. 1. Ubutware bwa Satani mu buryo bw'imikorere y'imyuka, 2. Ubutware bw'ubupapa. Papa asanzwe afite ubutware, ariko ubu butware buziyongera kugeza ubwo buzagera ku gipimo cy'ubwo mu gihe cy'umwijima (Moyen age) no kugeza mu mwaka w'1798. 3. Ubutware bw'Amerika y'ubuporotesitanti, ni ukuvuga ubutware bw'ubuprotestanti bw'ubuhakanyi bwimuye amahame ya Bibiliya bukaba bwaremeye imigenzo n'amahame ya Papa.

Ubwo butware butatu buzakoresha ububasha bwabwo ku bami bo mu isi yose kugira ngo bishyire hamwe mu ntambara barwanya abera b'Imana. Ndetse n'itariki izashyirwaho yo kurimbura abantu bose babarizwa mu bwoko bw'Imana.

Abantu bose bazaba baranze kuramya ubupapa banga kwemera umunsi w'ikiruhuko w'ubupapa – Dimance, mu cyimbo cy'umunsi wa karindwi – Samedi, Imana yashyizeho ikawukomeza. Uburakari bwa Satani buzaba bwinshi cyane ku buryo azakora uko ashoboye kose kugira ngo aburimbure (Ubwoka bw'Imana).

Umujinya wa Satani uzaba mwinshi cyane, ku buryo azagerageza kubarimbura. Ese azabishobora? Igisubizo kiraza kuboneka mu busobanuro bw'icyago cya karindwi.

### *Icyago Cya Karindwi*

“Marayika wa karindwi asuka urwabya rwe mu kirere. Ijwi rirenga rivugira mu rusengero kuri ya ntebe riti “Birarangiye!” Habaho imirabyo n’amajwi no guhinda kw’inkuba, habaho n’igishyitsi cyinshi, igishyitsi gikomeye gityo nticyigeze kubaho uhereye aho abantu babereye mu isi. Wa mudugudu ukomeye ugabanywamo gatatu, imidugudu y’abanyamahanga iragwa. Babuloni ikomeye yibukwa imbere y’Imana, ngo ihabwe agacuma k’inzoga, ari yo nkazi y’umujinya wayo. Ibirwa byose birahunga kandi imisozi ntiyaboneka. Urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru, ibuye ryarwo rimwe riremera nk’italanto. Icyo cyago cy’urubura gituma abantu batuka Imana, kuko icyago cyarwo gikomeye cyane.” Ibyahishuwe 16:17-21

Niba mwasomye mwitonze ubusobanuro bw’icyago cya karindwi, nta gushidikanya mwasanze ko hari ikintu kidasnzwe. Nta gushidikanya ku basomyi benshi bagira icyifuzo cyo kumenya ikintu kizaba ku iherezo.

Ubwo hazaba hashyizweho itariki n’iteka rigashyirwaho ko abantu bose banga kwemera amahame ya Papa yerekeye guhatira abantu kweza umunsi wa mbere w’icyumweru bicwa, ubwo ni bwo Imana ubwayo izagira icyo ikora.

Mu gitabo cya Daniyeli 12:1, dusoma ibi: “Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa.”

Abanzi b'ubwoko bw'Imana bazahagarikwa ubwo bazaba bagiye kwica abana b'indahemuka b'Imana. Kristo ubwe azarengera ubwoko bwe.

Satani ashukashuka abantu akoresheje ububasha bwe bwose akabatera kwigomeka ku Muremyi n'Umutware w'isanzure.

Igihe umutegetsi ukomeye wo mu ijuru azaba amaze kuvuga ati "Birarangiye," intwaro zose zizagwa hasi, igihe bazaba bafite umugambi wo kwica abagaragu b'indahemuka b'Imana, bazabura ubushobozi kandi ntibazabasha kugira icyo bakora icyo ari cyo cyose. Bazahagarara mu buryo butunguranye bafite ubwoba maze babure ubutwari bwose.

Baziyumvisha ko bibeshye, ariko igihe kizaba cyabarenganye cyo gutekereza ibyo kwihana uko ari ko kose. Ubuntu bw'Imana buzaba bwakuwe ku isi, kadi kwihana ntikuzaba kugishoboka. Ni yo mpamvu umuntu akwiriye kwihana uyu munsi kuko ejo bishobora kuzaba byatinze.

## Ni iki kizaba nyuma y'icyago cya Karindwi?

Icyago cya karindwi ni cyo cyago cya nyuma kizasukwa kuri uyu mubumbe. Mu gihe cy'icyago cya Karindwi hazabaho ibintu biteye ubwoba kandi bizaba bishishana kurusha ibindi bitandatu bizaba byakibanjirije.

Mu gihe cy'icyago cya karindwi hazabaho imitingito y'isi, itarigeze ibaho mbere y'icyo gihe. Ibirwa bizazimirira munsi y'inyanja n'imisozi izazimira aho yari iri habe ahantu hashashe.

Imijyi yo kunyanja izaregerwa n'inyanja, imijyi itegereye inkombe izarigita munsi y'ubutaka. Bibiliya ntivuga ko imijyi yose izazimira.

Hazazimira imijyi izaba ikabije mu byaha, barabyimitse. "Babuloni ikomeye yibukwa imbere y'Imana, kugira ngo ihabwe ka gacuma k'inzoga, ari yo nkazi y'umujinya wayo."

Babuloni ikomeye n'imvugo ya Bibiliya kandi yerekeza ku butegetsi bw'Ubupapa. Ahagana ku iherezo ry'icyago cya karindwi hazatunguka ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu ku ijuru: ubwo amoko yose yo mu isi azitotomba kandi azabona umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, n'ububasha n'icyubahiro gikomeye.

Kristo yaje ubwa mbere kugira ngo atange ubugingo bwe, ngo igitambo cye kiduheshe agakiza. Ubwa kabiri azaza n'ububasha n'icyubahiro gikomeye. Azaza aje gushaka abayoboke be, n'abantu bose bakomeza amategeko y'Imana kandi bakagira kwizera kwa Yesu.

Ubwo kristo azaza abakiranirwa bazatakira imisozi n'ibitare bati: "Nimutugweho, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama, kuko umunsi ukomeye w'umujinya wabo usohoye kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?" Ibyahishuwe 6:16 ,17.

Ku rundi ruhande abakiranutsi b'Imana bazavuga bati: "Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke." Yesaya 25:9

## Inkomoko y'Ikiruhuko cy'Umunsi Wa Mbere w'Icyumweru (Dimanche)

Muri Gatigisimu y'itorero ry'Abavoduwa, dusomamo ibi: "Ni uwuhe mugenzo w'Itorero rya Gikrisito? Kiliziya yubahiriza umunsi umwe w'ikiruhuko mu minsi irindwi. Yashyize uwo munsi w'ikiruhuko ku munsi wa mbere w'icyumweru (Dimanche), mu kwibuka izuka rya Yezu Kristu." Aya ni amagambo asobanutse, ariko adahamanya n'iri jambo ngo: Handitswe ngo. Mu by'ukuri, Pasiteri Colomb yanditse ikintu cy'ukuri agira ati: "Ni byo , ni umugenzo wa Kiliziya gatulika y'I Roma, nako ni uwa gipagani."

Amateka afite ibyo atumenyesha ku nkomoko y'ikiruhuko cya Dimanche, cyangwa umunsi w'izuba (dies solis), wiswe gutyo n'Abaroma.

Abantu benshi bahanga ibintu bishya n'abayobozi ba Kiliziya batekereje ikiruhuko cya Dimanche kugira ngo bitandukanye n'abayahudi bakomeza umunsi wa Karindwi. Roma y'ubupapa yakoresheje ibihano n'agahato kugira ngo yemeze abakristo ikiruhuko cya Dimance.

Mu binyejana bya mbere, bigaragara ko abakrisito bakomezaga kandi bakeza umunsi wagenwe n'Imana, kandi ibyo byagejeje ku mateka ya Constantin Mukuru.

Mu mwaka wa 321, umwami w'abami constantin, yashyize ahagaragara amateka abiri: rimwe ryategekaga mu by'iyobokamana kuruhuka ku munsi w'izuba, irindi ni iryo kuraguza (kubaza abapfumu). Uwo mwami w'abami yaramyaga izuba, Apollon ikigirwamana cya kera cyo mu mico y'Abagiriki n'abaromani. Kugira ngo bahe

icyubahiro ikigirwamana cye, imirimo yo mu murima izajya ihagarikwa kuri uwo munsi. – (Decadence de l'Empire Romain, cyanditswe na Gibbon ) urupapuro rwa 86, 87, umuzingo wa IV.)

Dore ubuhamya bwa Kabiri: Constantin umwami w'abami, yahaye Kiliziya uburenganzira bwo kugira imitungo n'ibintu by'agaciro, no guca imanza zisanzwe z'abaturage. Yoroheje imigenzo, akuraho igihano cy'umusaraba, igihano cyo gukubita inkoni n'ibitambo by'abantu. Umunsi wahariwe kuramya izuba kuva ubwo wiswe: Dominus (nyagasani), Ikiruhuko cya nyagasani (ari ho havuye dimanche). – Ku munsi w'izuba (dies solis), imirimo yo mu mirima izajya ihagarikwa kugira ngo abantu bitabire kuramya izuba, (Ni muri ubwo buryo hazajya hizihizwa n'umunsi w'izuka rya Nyagasani). Byavuzwe na Gindraux, abikuye mu Gitabo cya F. Oehninger cyitwa "Histoire du chritianisme" (Amateka y'ubukrisito).

Inkomoko y'ikiruhuko cya dimanche ni iya gipagani, cyangwa uruvange rw'ubukrisito n'ubupagani, imigenzo.

Niba dimanche yari yarasimbuye ikiruhuko cy'umunsi wa Karindwi, iteka ry'umwami w'abami ntiryari ngombwa. Ku rundi ruhande, Kiliziya yarajijinganyaga kuri iryo tegeko, kuko ryaje kwemezwa nyuma y'imyaka 43 muri Consile y'i Lawodokiya. Iteka ry'umwami w'abami ryakuyeho iyubahirizwa ry'itegeko rya kane. Uwiteka, Imana Umuremyi, aracyari umutware n'umwami. Areka abantu bagahindura kandi bakanacumura amategeko ye, bagasuzugura amabwiriza ye, ariko mumenye ko batazakomeza kumera gutyo

badahanwe. Ni yo mpamvu urubanza ndetse n'igihano, bitegereje ibyigomeke.

Yesu yagiriye inama abigishwa gusenga kugira ngo guhunga kwabo kutazabaho mu mezi y'imbeho, cyangwa ku isabato, kubw'impungenge ko uwo munsi bazawuhindanya. Uguhunga kwabaye nyuma y'imyaka 40 (Mat. 24:20). Kuri Yesu umunsi w'Isabato, uhoraho iteka ryose.

Muri Gatigisimu Charency, dusoma ku rupapuro rwa 213 ibi bikurikira:

*Ikibazo:* Ni uwuhe munsi w'Isabato cyangwa ikiruhuko cy'Imana? *Igisubizo:* Ni umunsi wa Karindwi w'icyumweru, Samedi, kuko Imana yakoresheje iminsi itandatu mu kurema isi, maze iruhuka ku munsi wa karindwi.

*Ikibazo:* None se ubwo umunsi wa karindwi (Samedi) ni wo twari dukwiriye kuruhuka kugira ngo twubahirize itegeko ry'Imana? *Igisubizo:* Mu mategeko ya kera baruhukaga umunsi wa Karindwi (Samedi), ariko Kiliziya yahinduye uwo munsi iwushyira ku munsi wa mbere (dimanche).

*Ikibazo:* Ese Kiliziya yashoboye, nta kwica amategeko y'Imana, guhindura uwo munsi iwushyira ku wa mbere (dimanche)? *Igisubizo:* Iryo hinduka ryakozwe n'Umwuka w'Imana?

*Ikibazo:* Ese tumenya dute ko ryakozwe n'Umwuka w'Imana? *Igisubizo:* Tubizi binyuze mu migenzo kandi tubona ibisigisi byabyo mu byanditswe. Mutagatifu Yohana yagize iyerekwa ku munsi wa Nyagasani tukaba

tubihinduramo umunsi wa mbere (Dimanche) (hari n'izindi nyandiko siza n'izigaragaza ko abigishwa bateranaga ku munsi wa mbere (Dimanche). Ariko ayo magambo ntagaragaza ko ukuruhuka umunsi wa Karindwi (Samedi) kwahinduriwe ku munsi wa dimanche. Tuzi nta gushidikanya ko uko guhinduka kwakozwe n'imigenzo.

Umunsi wa mbere (Dimanche) wahawe ikuzo n'inama za concile ya Arles yabaye muri 314, iy'i Nice yabaye muri 325, iy'i Sardes yabaye muri 345, niy'i Lawodikiya yabaye muri 364.

Ihame rya 29 ry'Inama ya nyuma, ryahatiye abakristo kweza umunsi wa mbere Dimanche maze ishyira n'umuvumo ku bari gukomeza kweza umunsi wa Karindwi (Samedi).

Karidinali Eusèbe mu Kinyejana cya kane yaravuze ati: "Ibyagombaga gukorwa byose ku munsi wa Karindwi (Samedi), twabyimuriye ku munsi wa Nyagasani."

Abasenyeri ba Roma, bemera ku mugaragaro ko kweza umunsi wa mbere (Dimanche) atari itegeko ryavuye mu ijuru, ahubwo n'iry'Itorero ry'ubuhakanyi – Kiliziya Gatulika y'I Roma.

Ukuramya ibishushayo, ibibumbano, kimwe n'umugenzo wo kwambaza abatagatifu n'abamarayika ni umurimo wakozwe n'iryo torero ryigometse.

Ntidukwiriye kurakazwa n'uko Umwami aduhaye ukuri n'umucyo by'ijambo rye; dukwiriye kwicisha bugufi tukubaha; ni inzira y'agakiza, ni byo byiringiro byacu.

Ni muri ubwo buryo hazaba iherezo ry'aya mateka ababaje y'ubutware bw'ubupapa kugira ngo hakurikireho isi yiyunze n'Imana, itarangwamo ikibi icyo ari cyo cyose. Aya masezerano ni ayanyu, ni ayanjye, nta ngorane, hamwe no kugira ubushake bwiza bwo kuyemera.

Nk'uko twabivuze mu ntagiriro y'iyi ndunduro ku byerekeye igitabo cy'Alberto Rivera, ibi byose byashyizwe ahagaragara ntibigambiriye guciraho iteka abagatulika batari indyarya, babeshywa kandi bakaba batazi na gato ubucakura bw'ubushukanyi bwa Satani, ahubwo ibi byibasiye mu buryo butaziguye imikorere mibi yihisha inyuma y'umwambaro ugaragara neza ariko ushukana. Ni yo mpamvu Imana yashatse, binyuze mu Ijambo ryayo muri Bibiliya, kutubwira kuri ibyo binyoma byose, by'umwihariko ku bw'iki gihe turimo.

Imana ni urukundo kandi umugambi wayo ni uwo gukiza si uwo kuzimiza. Ni yo mpamvu itazagira umuntu w'umunyakuri irekera mu bujiji mbere y'iherezo ryegereje. Ariko kandi irakiranuka ku buryo itareka ibintu bishishana ngo bikomeze kubaho ubuziraherezo kandi ari byo sōko y'impagarara n'ibyago byinshi. Ni byo dushobora gusobanukirwa muri aya magambo: "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize." Matayo 24:14

Reka dufate aya masezerano abiri yo mu Byanditswe, kandi ubwo hakiriho igihe, tugire uguhitamo kwiza :

"Nimuze tujye inama", ni ko Uwiteka avuga, "Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku

birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera. Nimwemera mukumvira muzarya ibyiza byo mu gihugu. Ariko nimwanga mukagoma inkota izabarya", kuko akanwa k'Uwiteka ari ko kabivuze." Yesaya 1 :18-20

"Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize." Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti "Dore byose ndabihindura bishya." Kandi iti "Andika kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri." Ibyahishuwe 21:3-5

## AMATEGEKO Y'IMANA

**1**

"Ntukagire izindi mana mu maso yanjye." Kuva 20:3

**2**

"Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpōra abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi." Kuva 20:4-6

**3**

“Ntukavugire ubusa izina ry’Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk’utacumuye, uvugiye ubusa izina rye.” Kuva 20:7

**4**

“Wibuke kweza umunsi w’isabato. Mu minsi itandatu ujya ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y’Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w’isabato, akaweza.” Kuva 20:8-11

**5**

“Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.” Kuva 20:12

**6**

Ntukice. Kuva 20:13

**7**

Ntugasambane. Kuva 20:14

**8**

Ntukibe. Kuva 20:15

**9**

Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe. Kuva 20:16

**10**

“Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.” Kuva 20:17

## AMATEGEKO Y’IMANA NK’UKO YAHINDUWE N’ABANTU.

**I**

Ndi Uwiteka Imana yawe, ntukaramye izindi mana zitari njye.

(Itegeko rya 2 ryakuwemo)

**II (Mu by’ukuri iri ni itegeko irya 3)**

Ntukavugire ubusa izina ry’Uwiteka Imana yawe.

**III (4)**

Wibuke kweza umunsi w’Imana. (Itegeko ry’Isabato ryarahinduwe burundu)

**IV (5)**

Wubahe so na nyoko.

**V (6)**

Ntukice.

**VI (7)**

Ntugasambane.

**VII (8)**

Ntukibe.

**VIII (9)**

Ntukabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi.

**IX (Itegeko rya 10, igice cya mbere)**

Ntukifuze umugore wa mugenzi wawe.

**IX (Itegeko rya 10, igice cya kabiri)**

Ntukifuze ikintu cyose cya mugenzi wawe.

Uku ni ko aya mategeko yanditse muri Gatigisimu rusange ya Kiliziya Gatulika.

### Dore Ibyo Kiliziya Gaturika Ivuga

"Icyumweru ni umunsi washyizweho na kiliziya gaturika kandi gusenga kuri uwo munsi nta handi bishingiye uretse ku mahame ya kiliziya gaturika… Kuva mu itangiro ukageza aho Ibyanditswe birangirira, nta murongo n'umwe ushyigikira gusimbuza gahunda yo gusenga ku munsi wa karindwi w'icyumweru, umunsi wa mbere." *Ibiro Ntaramakuru bya Kiliziya Gaturika, by'I Sydney, Australia, Kanama 1900. (The Catholic Press, Sydney, Australia, Août 1900)*

"Abaporotesitanti, uretse kwishingikiriza ku bubasha bwa kiliziya gaturika y'I Roma, nta mpamvu n'imwe yumvikana bafite ishyigikira inyigisho yo kuruhuka

icyumweru, bityo bakabaye mu by'ukuri baruhuka Isabato, [y'umunsi wa karindwi] Samedi." *John Gilmary Shea, mu cyinyamakuru cya kiliziya gaturika gisohoka buri gihembwe cyitwa American Catholic Quaterly Review, Mutarama, 1883.*

"Tugomba kwibutsa Abapresibiteriyene, Ababatisita, Abametodisite, n'abandi bakristo bose, ko Bibiliya itabashyigikira na gato mu gubahiriza icyumweru. Icyumweru cyashyizweho na Kiliziya gaturika kandi kucyubahiriza bisobanuye kugandukira (kumvira) itegeko rya kiliziya gaturika." *Ijambo ryavuzwe na padiri Brady, rikandikwa mu kinyamakuru cyitwa Elizabeth, N.J. News cyo ku itariki 18/03/1903*.

"**Ikibazo**: Mbese hari ibindi bihamya byaba bishyigikira ubutware bwa kiliziya ku bijyanye no gushyiraho iminsi mikuru (gufata iminsi bakayindura iyo kuruhukaho)? **Igisubizo**: Niba idafite ubwo butware, ibyo yakoze isimbuza umunsi wa karindwi, ari wo Sabato (Samedi), ikawusimbuza umunsi wa mbere w'icyumweru, ari wo dimanache, ibintu bidashyigikirwa n'inyigisho za Bibiliya, ntibikwiriye kwemerwa n'abigisha b'iyobokamana bo mu gihe cyacu." *Stephan Keenan, A Doctrinal Catechism, page 176*.

"Ubwenge no gushyira mu gaciro bisaba ko umuntu ahitamo kimwe muri ibi bintu bibiri: Ubuporotesitanti no kuruhuka ku munsi wa karindwi w'icyumweru (Samedi) nk'umunsi w'ikiruhuko, cyangwa ugahitamo ubugaturika n'umunsi wa mbere w'icyumweru nk'umunsi w'ikiruhuko. Nta kumvikana kundi gushoboka." *The Catholic Mirror, 23/12/1893*

“Imana yahaye Kiliziya yayo (Gatulika) ububasha bwo guhitamo umunsi cyangwa iminsi iyinogeye nk’iminsi y’ikiruhuko. Kiliziya yahisemo Dimanche, umunsi wa mbere w’Icyumweru, kandi uko ibinyejana byagiye bikurikirana, yongeyeho n’indi minsi.” *Vincent J. Kelly, Forbidden Sundy and Feast-Day Occupations, p.2*

“Abaporotesitanti… bemera dimanche aho kwemera samedi nk’umunsi w’amateraniro yo gusenga nubwo ari kiliziya gaturika yabihinduye… Ariko icyo abaporotesitanti batamenya… ni uko mu kubahiriza dimanche, baba bagaragaje ko bemera ubutware bw’umutegeka wa kiliziya, ari we papa.” *Our Sunday Visitor, 05/02/1950*

“Icyubahiro cyo guha umuntu igihe cy’ikiruhuko buri minsi irindwi y’icyumweru, ntigihabwa Umuremyi w’isanzure uvugwa mu Itangiriro 2:1-3, ahubwo cyeguriwe Kiliziya Gatulika.” *S.D. Mosna, Storia della Domenica, 1969, p.366 – 367.*

“Dusimbura Imana Ishoborabyose ku isi.” *Papa Leo wa 13, mu ibaruwa ya nditse ku wa 20/06/1894*. (*Le Pape Léo XIII, dans une Lettre Encyclique, 20 Juin, 1894*)

“Papa ntabwo ari uhagarariye Yesu Kristo gusa, ahubwo ni Yesu Kristo ubwe, wihishe mu mubiri.” *The Catholic National, Juillet 1895.*

“Iyaba Abaporotesitanti bishingikirizaga kuri Bibiliya, bakabaye basenga Imana ku munsi w’Isabato. Mu kubahiriza dimanche, baba bari kubahiriza itegeko rya kiliziya gaturika.” *Albert Smith, Umwe mu bayobozi ba diyoseze ya Baltimore, asubiza umukaridinari, mu ibaruwa yo ku itariki 10/02/1920.*

“Dutangaje ko Icyicaro Gitagatifu cy’Intumwa (Vatikani) na Papa w’i Roma bafite ubutware ku isi yose.” *Iteka ry’inama ya Trente, riri mu nyandiko ya Philippe Labbe na Gabriel Cossart. The Most Holy Councils, Vol. 13, coll 1167.*

“Kiliziya gaturika, imaze kubyumvikanaho na Yezu Kristu, ni yo yahinduye umunsi w’ikiruhuko – ari wo Sabato ivugwa na Bibiliya – iwusimbuza dimanche… ku bw’iyo mpamvu iyo abaporotesitanti bubahiriza dimanche baba bari kuramya ubutware bwa kiliziya gaturika, nubwo bavuga ko bahakana inyigisho zayo.” *Musenyeri Louis Segur, mu gitabo cyitwa Plain Talk about the Protestantism of Today, paje 213*

Turuhuka ku munsi wa mbere w’icyumweru (dimanche) mu cyimbo cy’umunsi wa Karindwi (Samedi) kubera ko Kiliziya gaturika yahinduye icyubahiro cya Sabato igishyira kuri Dimanche. *Peter Geiermann, CSSR, A doctrinal Catechism 1957 edition, p.50*

“Twebwe abagaturika turacyafite bwa bubasha bwatumye dusimbuza samedi umunsi wa dimanche, nk’uko tubufite no ku yandi mahame yo kwizera kwacu, ni ukuvuga ububasha bushingiye kuri kiliziya… naho mwebwe, abaporotesitanti, nta bubasha nk’ubwo mufite, ndetse na Bibiliya ntiyigeze ibaha uburenganzira ku byerekeye guhindura samedi mukayishyira dimanche nk’uko biri no ku rindi tegeko ryose. Ku bw’iyo mpamvu, twebwe kimwe namwe dukurikiza umugenzo w’abantu. Nyamara, dukurikiza uwo mugenzo twibwira ko ukomoka mu ijambo ry’Imana kandi ko kiliziya gaturika ari yo murinzi n’umusobanuzi waryo watowe n’ijuru, kandi mukubaha kiliziya gaturika munayishinja buri gihe ko

ari umuyobozi w'umunyamakosa n'umunyabinyoma uharanira gusenya ijambo ry'Imana nk'uko biri muri Matayo 15:6." *The Brotherhood of St. Vincent of Paul, The Clifton Tracts, Vol. 4, page 15.*

"Kiliziya yahinduye kuruhuka ku Isabato ibishyira ku munsi wa dimanche ku bw'ubutware mvajuru kandi butibeshya yahawe na Yezu Kristu, ari na we washinze kiliziya. Amatorero y'abaporotesitanti avuga ko Bibiliya ari yo muyobozi wabo w'iby'umwuka, nta mpamvu n'imwe ifatika bafite yo kuruhuka dimanche. Bityo, Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ni ryo Torero ryonyine rya giporotesitanti rihamanya na Bibiliya." *The Catholic Universe Bulletin, 14/08/1942, paje 4*.

CIP - Каталогизација у публикацији
Народна библиотека Србије, Београд

272-9" 19"
327.88
821.111(73)-94

RIVERA, Alberto, 1935-1997
Les crimes du Vatican / Alberto Rivera; [traduction Aleksandar Dramićanin]. - 1ére èd. française. - Belgrade : Metaphysica, 2012 (Belgrade : MetaPrint). - 110 str. : ilustr. ; 21 cm

Tiraž 500. - Napomene i bibliografske reference uz tekst

ISBN 978-86-7884-144-6

a) Римокатоличка црква - 10в b) Ривера, Алберто (1935-1997) - Аутобиографија c) Завера
COBISS.SR-ID 193236236

Iki gitabo cyahinduwe mu Kinyarwanda mu mwaka wa 2016 gikuwe mu gitabo cy'igifaransa cyitwa "Les Crimes du Vatican" cyanditswe na

# Docteur Alberto Rivera.

Cyahinduwe mu Kinyarwanda na
NIYONZIMA Paulin
paulinniyonzima@gmail.com